# KWITANDUKANYA N'ISI



*Itorero niriramuka ryambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo, rikanga kuyoboka ab'isi mu byo ibatezeho byose, umuseke w'igitondo cy'umunsi urabagirana uzatangariza imbere yaryo. Isezerano Imana yarihaye rizahoraho iteka ryose. Imana izarihindura icyitegerezo gihebuje kandi irigire ibyishimo by'ab'ibihe byinshi. Ukuri kwirengagizwa n'abagusuzugura bakakwanga kuzanesha. Nubwo hari ibihe byinshi ukuri kwasaga n'ugukomwe mu nkokora, kwamamara kwako ntikwigeze guhagarara. Igihe ubutumwa bw'Imana buhuye n'inzitizi, Imana ibwongera imbaraga kugira ngo burusheho guhindura benshi. Igihe buhawe imbaraga mvajuru, buzaca inzira yabwo mu nzitizi zikomeye cyane kandi butsinde inzitizi yose.*

*Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.367*

**Nzeri, 2019**

## Ijambo ku Musomyi

Iki gitabo gikubiyemo ibihamya by'Umwuka w'Ubuhanuzi byakuwe mu bitabo bitandukanye bya Ellen G. White bitarahindurwa mu Kinyarwanda. Kirimo kandi icyigisho cyitwa "Kwitandukanya n'isi," cyateguwe n'uwahoze ari umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi Charles H. Watson. Charles H. Watson yabaye umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange kuva mu mwaka w'1930 kugeza mu mwaka w'1936. Iki cyigisho cyagaragaye bwa mbere mu kinyamakuru cy'Urwibutso n'Integuza cyo kuwa 21/11/1935, cyongera gusohoka mu kinyamakuru cyitwa "Our Firm Foundation" (Urufatiro Rwacu Rutajegajega) cyo muri Nyakanga 1992. N'ubu gikwiriye kongera gucapwa kuko gitanga irarika rikwiranye n'ibihe turimo.

Muri iki gitabo kandi, harimo icyigisho cyigishijwe n'umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange, uyiyobora kuva mu mwaka wa 2010 kugeza ubu, Pastor Dr Ted N.C. Wilson, yigishije mu mwaka w'2013 mu nama ngarukamwaka y'abayobozi b'itorero ku isi. Kigaragaza uko duhagaze nk'ubwoko bw'Imana muri iki gihe kandi kigatanga irarika ryo kwihana rikora ku mutima.

Harimo kandi ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe n' ibiro by'Inteko Nkuru Rusange bishinzwe kubika inyandiko, ibarurishamibare n'ubushakashatsi. David Trim, umuyobozi w'uru rwego, yagaragaje ibyavuye muri ubwo bushakashatsi bwimbitse bwakozwe ku bizera

b'itorero. Ibyavuye muri ubwo bushakashatsi yabishyikirije abayobozi b'itorero mu nama ngarukamwaka ku wa Gatatu [w'Isabato], tariki 15 Ukwakira 2013.

Muri iki gitabo, harimo ibihamya bigaragaza ibihe by'ingenzi byaranze urugendo rw'itsinda ry'abategereje kuva mu mwaka w'1840 kugeza uyu munsi. Umugambi w'iki gitabo, ni uwo kugira ngo twongere kuzirikana guhamagarwa kwacu (1Abakorinto 1:26), no kumvira irarika ry'Imana riduhamagarira kwitandukanya n'isi (2Abakorinto 6:14-18).

Mu gihe usoma ubutumwa bukubiye muri iki gitabo zirikana aya magambo yo gitabo cya kabiri cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe:

"Imana mu kwitegereza itorero, ibihe byinshi yemeye ko ibibazo bigera ahakomeye kugira ngo ubwoko bwayo mu kunanirwa kwabwo bibahe kuyiyambaza yo yonyine ngo ibufashe. Amasengesho yabo, ukwizera kwabo bifatanyirije hamwe n'umugambi wabo udacogora wo kuba abanyakuri, byatumye Imana ihagoboka kandi yasohoje isezerano ryayo. "Maze nutabaza Uwiteka azagutabara, nutaka azavuga ati, 'Ndi hano'" (Yesaya 58:9). Ukuboko k'Uwiteka gukomeye kwarambukiye kurokora ubwoko bwe. Imana izigama kubagoboka kwayo kuzuye ubuntu kugeza igihe bananiriwe; bityo igatuma kurokorwa kwabo kurushaho kugaragara ndetse n'insinzi yabo ikarushaho kuba ishimishije. Igihe ubwenge bw'umuntu bwose

bwatsinzwe, ukugoboka kw'Imana kuzarushaho kugaragara kandi izahabwa ikuzo riyikwiriye. Ndetse n'abanzi bo kwizera kwacu, abadutoteza, bazabona ko Imana iri gukorera ubwoko bwayo ibukura mu bubata." *Ubutumwa bwatoranyijwe, Igitabo cya 2, p.421,422 (Ingeri ya 2016)*

Icyo twakoze ni ugukusanya no guhindura mu Kinyarwanda ibihamya by'Umwuka w'Ubuhanuzi n'ibyigisho twavuze haruguru biri muri iki gitabo. Nta jambo na rimwe twongeyeho, nta n'iryo twakuyeho, ndetse nta n'ubusobanuro bwacu twashyizemo; ku buryo n'amasubi twayarekeye amapaje yayo yo mu bitabo by'umwimerere. Icyo twakoze gusa ni ukubuvana ubutumwa bwatanzwe mu rurimi rw'icyongereza tukabushyira mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ku musozo wa buri subi hari paje y'igitabo cy'umwimerere ayo magambo abonekamo. Izo paje zigaragara mu buryo bukurikira:

{1T 105.3}: bisobanuye Ibihamya By'Itorero (Testimonies for the Church), Umuzingo wa mbere, paje y'105 isubi ya gatatu.
{2T 119.1}: bisobanuye Ibihamya By'Itorero (Testimonies for the Church), Umuzingo wa kabiri, paje y'119 isubi ya mbere.
{TM 15.1}: bisobanuye Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza (Testimonies to Ministers and Gospel Workers), paje ya 15 isubi ya mbere

{TM xvii.1}: bisobanuye Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza (Testimonies to Ministers and Gospel Workers), paje ya 17 isubi ya mbere.

gukomeza n'izindi…

> "Imbaraga zari muri Ezira zikamutera kugira icyo akora zari izo ku rwego rwo hejuru kandi zera; mu byo yakoraga byose, yakoreshwaga n'urukundo rwimbitse yakundaga abantu. Impuhwe no kugira neza yagaragarizaga ababaga bakoze icyaha, baba babigambiriye cyangwa batabizi, bikwiriye kuba icyigisho ku bantu bose bashaka ko habaho ivugurura. Mu bijyanye n'amahame atunganye, abagaragu b'Imana bagomba gushikama nk'urutare; nyamara kandi, bagomba kugaragaza impuhwe no kwihangana. Nk'uko Ezira yabigenje, bagomba kwigisha abacumura inzira y'ubugingo babinyujije mu gucengeza mu bantu amahame agize urufatiro rwo gukora ibitunganye kose." Abahanuzi n'Abami, p.400 (Ingeri ya 2016)

Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo bubane namwe.

## Ibirimo

Ijambo ku Musomyi .................................................. 2
Ijambo ry'Ibanze ........................................................ 7
**Icyigisho cya 1**: Ibihe by'Ingenzi Byaranze Amateka y'Itsinda ry'Abategereje ................................................ 15
**Icyigisho cya 2**: Urupfu rw'Umugabo wanjye............... 60
**Icyigisho cya 3**: Kwitandukanya n'Isi.......................... 72
**Icyigisho cya 4**: Kwanga Umucyo............................... 85
**Icyigisho cya 5**: Uri Umurinzi wa Mwene so ................ 98
**Icyigisho cya 6**: Muhange Amaso Kuri Yesu.............. 103
**Icyigisho cya 7**: Kwitandukanya n'Isi (Charles H. Watson) ........................................................................ 112
**Icyigisho cya 8**: Ubushakashatsi bwimbitse ku myizerere y'abagize itorero, n'uburyo abizera b'Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi babona ibintu. ........................................................................ 142
**Icyigisho cya 9**: Irarika rya Gihanuzi Ryihutirwa ...... 146
Isengesho rya Ezira ............................................... 164

## Ijambo ry'Ibanze

## Icyo Imana Ihozaho Ijisho Kurusha Ibindi

Melbourne, Australia,

Tariki 23/12/1892

Bavandimwe nkunda bo mu Nteko Nkuru Rusange,

Ndahamiriza mwebwe benedata na bashiki banjye ko itorero rya Kristo, uko ryaba ari irinyantege nke n'uko ryaba rigaragara nk'iridatunganye kose, ni cyo kintu cyonyine ku isi Kristo ahozaho ijisho kurusha ibindi. Mu gihe atanga irarika Rye ku isi yose ngo imusange ibone agakiza, Kristo yohereza abamalayika Be ngo bashyire ubufasha mvajuru buri mutima wose umusanga ufite kwihana n'umutima umenetse, kandi We ubwe binyuze mu Mwuka Wera aza mu itorero Rye. "Uwiteka, wagumya kwibuka ibyo dukiranirwa? Mwami, ni nde wazahagarara adatsinzwe? Ahubwo kubabarirwa kubonerwa aho uri, Kugira ngo wubahwe. Ntegereza Uwiteka, Umutima wanjye urategereza, Kandi ijambo rye ni ryo niringira. Umutima wanjye ugirira Uwiteka amatsiko, Urusha uko abarinzi bayagirira igitondo, Wa bwoko bw'Abisirayeli we, ujye wiringira Uwiteka, Kuko imbabazi zibonerwa aho Uwiteka ari, Kandi aho ari ni ho habonerwa gucungurwa kwinshi. Kandi ni we uzacungura ubwoko bw'Abisirayeli, Abukureho ibyo bwakiraniwe byose." [Zaburi 130:3-8] {TM 15.1}

Abagabura hamwe n'itorero ryose, bivuye ku mitima ishima ineza n'urukundo Imana yatugiriye nk'ubwoko bwayo na buri muntu ku giti cye, mureke iyi abe ari yo iba imvugo yacu, "Wa bwoko bw'Abisirayeli we ujye wiringira Uwiteka kuva none kugeza iteka ryose." "Mwa bagaragu b'Uwiteka mwe, Bahagarara mu nzu y'Uwiteka, Mu bikari by'inzu y'Imana yacu. Mushimire Uwiteka yuko ari mwiza, Muririmbire izina rye ishimwe, Kuko ari iry'igikundiro. Kuko Uwiteka yitoranirije Abayakobo, Abisirayeli yabatoranirije kuba amaronko ye. Kuko nzi yuko Uwiteka akomeye, Kandi yuko Umwami wacu asumba ibigirwamana byose." [Zaburi 135:1-5]. Benedata namwe bashiki banjye, mumenye ko Uwiteka afite ubwoko, ubwoko yitoranyirije, ari bwo torero Rye, rikaba igihome Cye bwite, yashyize ku isi yagomye; kandi Uwiteka yateganyije ko nta bundi buyobozi bugomba kuribamo uretse Ubwe, nta yandi mategeko agomba kuribonekamo, keretse Aye bwite. {TM 15.2}

Satani na we afite ishyirahamwe rigari, ari ryo torero rye. Kristo abita isinagogi ya Satani kubera ko abarigize ari abana b'icyaha. Abagize itorero rya Satani bagiye bakora ubudacogora ngo bakureho amategeko y'Imana, maze bateze urujijo ku itandukaniro riri hagati y'icyiza n'ikibi. Satani ari gukoresha imbaraga nyinshi akoresheje abatumvira amategeko y'Imana kugira ngo yerereze ubugambanyi n'ubuhakanyi ngo abe ari byo bifatwa nk'ukuri no kugandukira Imana. Kandi muri iki gihe imbaraga z'umwuka wa Satani ziri gukorera mu bantu

Satani yagize ibikoresho bye kugira ngo ashyireho ubwigomeke bukomeye bwo kurwanya Imana yatangiriye mu ijuru. {TM 16.1}

## Itandukaniro Rikomeye kandi Ryeruye

Muri iki gihe itorero rigomba kwambara umwambaro waryo mwiza – ari wo "Kristo Gukiranuka Kwacu." Hari itandukaniro rikomeye kandi ryeruye rigomba kongera kuvugururwa kandi rikerekwa isi mu kwerereza amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu. Ubwiza bwo kwera bugomba kugaragazwa mu kurabagirana kwabwo kw'umwimerere buhanganye no kwangirika n'umwijima by'abatumvira Imana, ari bo bigometse ku mategeko y'Imana. Muri ubwo buryo, tuba tugaragaje ko twemera Imana n'amategeko yayo, ari yo rufatiro rw'ingoma Yayo mu ijuru no mu isi. Ubutware bw'Imana bugomba guhora bugaragarizwa isi mu buryo busobanutse, kandi nta tegeko na rimwe rigomba kwemerwa mu gihe rigongana n'amategeko ya Yehova. Iyo twemereye isi kugira uruhare mu byemezo dufata n'ibyo dukora mu buryo bunyuranye na gahunda y'Imana, umugambi w'Imana kuri twe ntushobora kugerwaho. Uko urwitwazo rwaba rwumvikana kose, iyo itorero ritsinzwe kuri iyi ngingo, ryandikwaho mu bitabo byo mu ijuru ko ryagambaniye icyizere cyera ryagiriwe, kandi ko ryahemukiye ubwami bwa Kristo. Itorero rigomba gushikama ritajegajega ku mahame yaryo imbere y'abatuye ijuru n'imbere y'ubwami bwo ku isi; ubudahemuka budacogora mu kurinda

icyubahiro no kwera kw'amategeko y'Imana bizanyura n'isi ubwayo ndetse biyireherezeho, kandi binyuze mu kwitegereza imirimo myiza y'abagize itorero, benshi bazayoborwa ku guhimbaza Data wa twese uri mu ijuru. Abubaha Imana b'ukuri bagaragaza icyimenyetso cy'uko bemewe n'ijuru, ntabwo ari icy'uko bemewe n'abategetsi bo ku isi. Abantu bose bazamenya abigishwa ba Kristo abo ari bo, batoranyijwe kandi b'indahemuka, kandi bazabamenya ubwo bazambikwa amakamba n'icyubahiro nk'abubashye Imana na Yo ikabubahisha, ikabageza aho bazabonera icyubahiro cy'iteka ryose.... {TM 16.2}

Uwiteka yahaye itorero Rye ubushobozi n'imigisha, kugira ngo rishobore kugaragariza isi ishusho y'uburyo Imana yihagije, no kugira ngo itorero Ryayo ribe ryuzuriye muri We, ngo ribe ukwigaragaza guhoraho kw'isi itazashira, yayindi izayoborwa n'amategeko asumba cyane ay'abantu ya hano ku isi. Itorero ry'Imana rigomba kuba urusengero rwubatswe hakurikijwe icyitegererezo cy'ijuru, kandi malayika uvuye mu ijuru yazanye urubingo rusa n'inkoni y'izahabu kugira ngo agere urwo rusengero, ngo ibuye ryose ricongwe kandi ryubakweho hakurikijwe ibipimo by'ijuru maze ritunganyirizwe kurabagirana nk'ikirango cy'ijuru, rimurikishe hose imirasire icyeye ya Zuba ryo Gukiranuka. Itorero rigomba kugaburirwa manu ivuye mu ijuru kandi rigomba kuba munsi y'uburinzi bw'ubuntu bw'Imana. Itorero rigomba kwinjira mu ntambara iheruka ryambaye intwaro zose z'umucyo no gukiranuka. Ibintu byose byanduye n'ibidafite agaciro bizakongoka, maze

ukuri guhamirize isi imbaraga yako yeza kandi igatunganya imico. {TM 17.1}

## Isuzuma Rikorwa n'Ijuru

Umwami Yesu ari gukora isuzuma ku mitima y'abantu binyuze mu kubagaragariza imbabazi Ze n'ubuntu busaze. Ari guha abantu guhinduka mu buryo butangaje, ku buryo Satani mu kunesha kwe yirata afatanyije n'abantu bishyiriye hamwe kurwanya Imana n'amategeko y'ubwami Bwayo, ari kureba abo bantu nk'igihome adashobora kwinjiramo akoresheje uburiganya n'ubuhendanyi bwe bwose. Kuri Satani abo bantu ni amayobera adashobora gusobanukirwa. Abamarayika b'Imana, abaserafi n'abakerubi, ibiremwa by'imbaraga byoherezwa gukorana n'abantu bemeye kuba ibikoresho by'Imana, bitegerezanya abo bantu gutangara n'ibyishimo; abantu bari baraguye ari abo kugirirwa umujinya, none binyuze mu gutozwa na Kristo bakaba bari gukuza imico isa n'iy'ab'ijuru, kugira ngo babe abahungu n'abakobwa b'Imana, bakora umurimo w'ingenzi mu bikorwa by'ijuru no mu bizeza ijuru. {TM 18.1}

Kristo yahaye itorero Rye ibyangombwa byuzuye, kugira ngo ribashe kumuha ikuzo riturutse ku bo yacunguye, abo yaguze igiciro. Itorero, ryambaye gukiranuka kwa Kristo, ni ububiko Bwe, aho ubutunzi Bwe bw'Imbabazi, urukundo Rwe, Ubuntu Bwe, bigomba kwigaragariza mu buryo bwuzuye kandi buheruka. Amagambo Kristo yatangaje mu isengesho Rye ryo kudusabira, ngo

urukundo rwinshi Data amukunda abe ari rwo natwe adukunda, kandi akamusaba ngo aho ari natwe tuzabeyo, turi umwe na We na Data wa twese, ni igitangaza ku ngabo zo mu ijuru n'umunezero ukomeye wabo. Impano ishyitse y'Umwuka Wera wa Kristo, igomba kuba nk'urukuta rw'umuriro rugose itorero, urwo imbaraga z'ikuzimu zitazashobora gutsinda. Mu butungane bwabo buzira ikizinga, Kristo abona ubwoko Bwe nk'ingororano y'imibabaro Ye, gusuzugurwa Kwe, n'urukundo Rwe, kandi bakaba n'inyungu kw'ikuzo Rye – Kristo, We huriro rikomeye icyubahiro n'ikuzo bikomokaho. "Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama." {TM 18.2}

## Itorero ni Umutungo w'Imana

Itorero ni umutungo w'Imana, kandi ihora irizirikana nk'iriri mu isi, aho ryibasiwe n'ibishuko bya Satani. Kristo ntiyigeze yibagirwa iminsi Ye yo gusuzugurwa. Ubwo yanyuraga mu mibereho yuzuye gusuzugurwa, Yesu ntiyigeze atakaza ikintu na kimwe cyo muri kamere Ye ya kimuntu. Aracyafite bwa bwuzu, urukundo rwuje imbabazi, kandi ahora akorwa ku mutima n'ibyago byose bigera ku nyokomuntu. Ahora azirikana mu bitekerezo Bye ko yari Umunyamibabaro wamenyereye intimba. Ntabwo ajya yibagirwa abamuhagarariye bahora baharanira kwerereza amategeko Ye yasiribanzwe. Arabizi ko uko ab'isi bamwanze, na bo ari ko babanga. Nubwo Yesu Kristo yagiye mu ijuru, haracyariho umurunga uhuza abamwizera n'umutima we w'urukundo rutagira

iherezo. Aboroheje bari hanyuma y'abandi n'abanyantege nke bafatanyishijwe umurunga w'urukundo ubomatanya n'umutima we. Nta na rimwe ajya yibagirwa ko ari uduhagarariye imbere y'Imana, ko afite akamero kacu. {TM 19.1}

Yesu yitegereza itorero Rye ry'ukuri riri ku isi, rifite umugambi uruta iyindi wo gukorana na We mu murimo ukomeye wo gukiza imitima. Yumva amasengesho yabo, asenganywa umutima umenetse kandi afite imbaraga, kandi Ishoborabyose ntishobora kwanga icyifuzo cyo gukizwa cy'umutima ugeragezwa, ubarizwa mu ngingo z'umubiri wa Kristo. “Nuko ubwo dufite umutambyi mukuru ukomeye wagiye mu ijuru, ari we Yesu Umwana w'Imana, dukomeze ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” (*Abaheburayo 4:14-16*). Yesu ahoraho iteka ngo adusabire. Mbese hari umugisha umwizera nyakuri atabona binyuze mu Mukiza wacu? Itorero, mu gihe ryenda kwinjira mu rugamba rwaryo rukomeye kurusha izindi, ni cyo kintu Imana izaba yitayeho kurusha ibindi bintu byose byo ku isi. Ishyirahamwe ry'ikibi rizakoreshwa n'imbaraga zivuye ikuzimu, kandi Satani azashyira ibirego bishoboka byose ku batoranyijwe n'Imana, ba bandi adashobora kuyobya no gushuka akoresheje ibihimbano

bye n'ibinyoma bye. None se, wa wundi "Imana yazamuye ikamushyira iburyo bwayo ngo abe Ukomeye n'Umukiza, aheshe Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha," ari we Kristo uduhagarariye, akaba n'umutwe w'itorero, mbese azafunga umutima, cyangwa yigizeyo ikiganza cye gikiza, cyangwa ahindure isezerano Rye? Oya; ntibishoboka na rimwe. {TM 19.2}

## Icyigisho cya 1

## Ibihe by'Ingenzi Byaranze Amateka y'Itsinda ry'Abategereje

Uko tugenda tureba ibihe bimwe byaranze amateka y'itorero ryacu, ari byo bigize urufatiro rw'ubutumwa bwo mu myaka y'1890, biradufasha kumva neza no gusobanukirwa ubwo butumwa. Reka turambure impapuro z'amateka maze turebe bimwe mu bihe by'ingenzi. {TM xvii.1}

Kuva bagitangira kubaho, Abadivantiste bakomezaga Isabato barangwaga n'inyota yo kumenya ubushake bw'Imana no kugendera mu nzira zayo. Ku byababayeho ubwo bari bategereje kugaruka kwa Yesu mu myaka y'1840, babonye uburyo amatorero ya Giporotesitanti yatsimbaraye ku mahame yo mu ndongozi zayo, maze agatera umugongo ukuri gukomeye kwigishwa mu ijambo ry'Imana. Benshi muri abo Badivantiste bari baraciwe mu matorero yabo kubera ibyiringiro bari bafite byo kugaruka kwa Yesu, kandi ibyo byiringiro bari barabikuye mu Byanditswe byera. Biboneye abahoze ari abavandimwe babo barwanya mu buryo bweruye abantu bose bacukumburaga kandi bagakomeza ukuri kwa Bibiliya. Ibi byatumye batinya gahunda y'imihango na gahunda y'ubuyobozi mu itorero. Ariko uko inzira yo kwamamaza ubutumwa bwa malayika wa gatatu yagendaga ifunguka, babonye ko bakeneye gahunda y'ubuyobozi, maze mu kwezi kwa mbere mu mwaka w'1850 Ellen White yerekwa

ko Abadivantiste bakomeza Isabato bagomba gukora umurimo wabo mu buryo bufite gahunda, kubera ko “buri kintu cyose mu ijuru kiri kuri gahunda itunganye.” – Manuscript 11, 1850. {TM xvii.2}

Imihati yimbitse yo gushyiraho gahunda n’ubuyobozi mu itorero ni cyo kintu gikomeye cyaranze imyaka icumi kuva mu 1850 kubeza mu 1860. Byarangiye mu mwaka w’1860 ubwo bahitagamo izina bagomba kwitwa ari ryo “Abadivatiste b’Umunsi wa Karindwi,” no mu mwaka w’1861, ubwo bashyiragaho gahunda y’amatorero y’ibanze na za komferanse mu bihugu. Maze mu mwaka w’1863, izo komferanse zihurizwa hamwe mu rwego rw’ubuyobozi rwiswe jenerali komferense (General Conference): Inteko Nkuru Rusange. Hakomeje kubaho ubwitonzi bwinshi mu kwirinda intambwe ya mbere yatuma hashyirwaho indongozi, kubera ko byagaragaraga ko itorero ridashobora kugendera ku ndongozi ridakebakeba, kandi ngo rikomeze kugira umudendezo wo gukurikira Ubuntu bw’Imana nk’uko buhishurwa binyuze mu kwiga Ijambo ry’Imana n’Umwuka w’Ubuhanuzi. Amagambo meza agaragaza inama y’ubuntu bw’Imana mu gushyiraho gahunda mu itorero ari ku rupapuro rwa 24 kugeza ku rupapuro rwa 32 mu gitabo cya Ellen G. White cyitwa Ibihamya ku Bagabura n’Abakozi b’Ubutumwa Bwiza (Testimonies to Ministers and Gospel Workers). {TM xvii.3}

Ubwo hashyirwagaho Inteko Nkuru Rusange mu mwaka w’1863, hatoranyijwe abagabo batatu bari bagize urwego

rw'ubuyobozi bw'Inteko Nkuru Rusange. Ibintu by'ingenzi itorero ryari ryitayeho cyane, zari komferanse zo mu bihugu n'inzu y'icapiro yari I Battle Creek, muri leta ya Michigan. Mu murimo wo kwamamaza ubutumwa hirya no hino, abagabura b'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi bageze ku ntsinzi ziyongeraga buri munsi. Umurimo wabo wari ugizwe ahanini no kubwiriza ukuri kwihariye kw'ubutumwa bwiza, harimo Isabato, uko abapfuye bamera, kugaruka kwa Yesu, n'ubuturo bwera. Benshi muri abo bagabo bagiye bagira ibiganiro mpaka ku byerekeye amategeko y'Imana n'ukundi kuri kw'ingenzi kwa Bibiliya. Mu buryo batamenye, benshi mu bagiye bagira ibyo biganiro mpaka baje kuba abantu biyiringira, maze mu mitima yabo hashibuka umwuka wo guhora bumva ko bari mu kuri, kwishingikiriza kuri bo ubwabo, no guterana amagambo. Muri iki gihe ibi bintu byagize umusaruro utari mwiza. {TM xviii.1}

## Gutangiza Ibigo by'Itorero

Gutangiza ibigo by'itorero ni byo byahise bikurikira ishyirwaho rya gahunda y'ubuyobozi bw'Inteko Nkuru Rusange. Mu iyerekwa ryahawe Ellen White mu kwezi kwa cumi n'abiri mu mwaka w'1865, itorero ryahamagariwe gushinga ibigo by'ubuvuzi, maze mu kumvira uwo mucyo abayobozi bafungura ivuriro rito I Battle Creek mu kwezi kwa cyenda mu mwaka w'1866. Hatarashira imyaka icumi, binyuze mu butumwa buturutse mu nyandiko za Ellen White, itorero ryahamagariwe gushinga icyigo

cy'ishuri. Mu mwaka w'1874, hubatswe ishuri rya Battle Creek. Bityo, ibigo bitatu by'ingenzi byari bimaze gushingwa muri Batte Creek, bituma umubare w'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi wiyongera cyane mu itorero ryari riri gukura vuba. Abagabo bafite ubunararibonye mu kuyobora ibigo by'ubucuruzi barahamagawe kugira ngo bite ku nyungu z'ibyo bigo. Uko inyungu z'ibyo bigo zagendaga ziyongera kandi na byo bikaguka, bamwe muri abo bagabo batangiye kwiringira ubuhanga bwabo mu by'ubucuruzi kuruta uko biringiraga kuyoborwa n'ubutumwa buvuye ku Mana. Kuri bo, ubucuruzi bwari ubucuruzi. {TM xviii.2}

Hatarashira imyaka icumi, itorero ryasakiranye n'ingorane yo guhangana hagati y'inyungu ziboneka muri gahunda y'uburezi ishingiye ku mahame y'Umwuka w'ubuhanuzi na gahunda y'uburezi y'isi, iyobowe n'abagabo batekereza mu cyerekezo cya gahunda zashyizweho n'isi. {TM xix.1}

Abatangije Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi bari abagabo nyabagabo. Bari abagabo bejejwe, bashoboye, kandi bafite ubuhanga. Kugira ngo ibi ubibone birasaba gusa gusoma inyandiko zabo. Ariko, kubera ko bari bazi ko batize amashuri menshi, bahoraga bumva ko ari abantu boroheje kandi baciye bugufi. Ahagana mu myaka y'1880, ubwo muri bo hazaga umwigisha ufite impamyabumenyi ze yakuye mu mashuri, ntibitanga kuba yarahise asunikirwa kuba mu mwanya w'ubuyobozi mu murimo w'uburezi. Amaze kuzamurwa hutihuti mu

mwanya ukomeye mu murimo, mu gihe yari azi bicye cyane byerekeye amahame n'amateka y'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi, basanze ko atari yiteguye kandi atarakwiriye guhabwa izo nshingano. {TM xix.2}

Habaye ibintu bibaje cyane I Battle Creek, ubwo abayobozi n'abalayiki bacikagamo ibice. Bamwe bakuruwe n'ubuyobozi bw'umwigisha wari ufite impamyabumenyi ze, mu gihe abandi bahaniraga gushikama ku bintu byashyizweho bivuye ku nama zatanzwe n'Umwuka w'ubuhanuzi. Umusaruro wavuye muri uku kutumvikana wateje akaga icyigo cy'ishuri n'imibereho y'iby'umwuka y'abantu bose bari bafite uruhare muri iki kibazo. Ishuri ry'I Battle Creek ryamaze umwaka rifunze. Amagambo yavuzwe n'uruhande buri wese yahagazemo byasize ibimenyetso ku mibereho y'abayobozi benshi n'abizera benshi b'itorero. {TM xix.3}

Muri iki gihe ni bwo ingingo zikubiye mu Bihamya by'Itorero, Vol.5, p.9-98, zasohotse, bwa mbere ziri mu gatabo gafite umutwe uvuga ngo: "Ibihamya bigenewe Itorero ry'I Battle Creek." Aka gatabo ntabwo kari karimo gusa ibyanditswe mu Bihamya by'Itorero umuzingo wa 5, ahubwo hari harimo n'ibihamya bireba abantu ku giti cyabo n'ibirebana n'uko ibintu byari bimeze I Battle Creek. Birahagije gusoma imitwe y'ibyigisho [byo mu muzingo wa 5 w'Ibihamya by'Itorero] kugira ngo wumve uko ibyo bihe byari bimeze. Icyigisho cya kabiri citwa "Ishuri Ryacu," gifite ingingo zifite imitwe ivuga ngo: "Bibiliya nk'igitabo

cyo kwigishirizamo," "Umugambi w'Ishuri," n'ifite umutwe witwa "Abigisha bo mu Cyigo cy'Ishuri." Ibyigisho bikurikiraho bifite imitwe ivuga ngo: "Gutozwa n'Ababyeyi," "Ibihamya by'Ingenzi," "Ibihamya Byateshejwe agaciro," "Abakozi bo mu Ishuri ryacu," "Gucyaha Ishyari no Gushaka amakosa mu bandi." {TM xx.1}

Iyi yari iminsi igoye, maze ubwo Ellen White yajyaga mu nama y'Inteko Nkuru Rusange I Battle Creek mu mwaka w'1883, yayobowe n'ijuru gutanga ibyigisho bya mu gitondo ku bagabura b'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi, abagaragariza inama mu mirongo yumvikana neza. Mu buryo bwumvukana, imwe muri izo nama yari iyahariwe ingingo ivuga "Kristo Gukiranuka kwacu." (Reba igitabo cya mbere cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe, p.404-408 [Ingeri ya 2016]). Ibyo bihe by'amateka ni byo bigize umugabane umwe w'inama zatanzwe na Ellen G. White zikubiye mu gitabo cyitwa "Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa bwiza." (Testimonies to Ministers and Gospel Workers). {TM xx.2}

## Imyaka y'1880 – Igihe cyaranzwe no Gutera Imbere no Kwaguka kw'Itorero

Nubwo itorero ryari ryarohereje J. N. Andrews I Burayi mu mwaka w'1874, mu gihe ryari riri kubaka ikigo cy'ishuri, mu myaka y'1880 ni bwo itorero ryagize iterambere rifatika mu ivugabutumwa n'iterambere ry'ibigo byaryo. Mu mwaka w'1882, hatangijwe ibigo by'amashuri bibiri,

kimwe I Healdsburg muri California, n'ikindi I South Lancaster, muri Massachusetts. Mu mwaka w'1885, umurimo wo gucapa inyandiko washinzwe I Basel mu Busuwisi, mu nzu y'icapiro yari imaze kuhubakwa. Muri uwo mwaka abakozi boherejwe muri Australia, maze bidatinze hashingwa ikigo cy'icapiro I Melbourne. Kujya mu Burayi kwa Ellen G. White mu myaka y'1885-1887 byazanye imbaraga n'umwete mu murimo mu bihugu yasuye. {TM xx.3}

Iyo witegereje ibihe by'amateka byaranze gukura no kujya mbere kw'itorero, uhita usobanukirwa ukuri kw'intambara iri hagati y'imbaraga zo gukiranuka n'imbaraga z'ikibi. Itorero ryari rimaze kuvuka ryari itorero ryasigaye rivugwa mu buhanuzi, ryari rifite ubutumwa bw'Imana yageneye iki gihe. Umwanzi ukomeye yakoze uko ashoboye mu mbaraga ze zose kugira ngo umurimo itorero ryakoraga uhinduke imfabusa. {TM xxi.1}

## Imyiteguro y'Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1888 yabereye I Mineyapolisi

Imwe mu ngamba zikomeye z'umwanzi kwari ukuyobora abagabo beza mu ruhande rwabereye inkomyi umurimo bakundaga. Ibi byagaragariye mu mwuka washibutse mu mitima y'abagabo bagiye bagira ibiganiro mpaka ubwo babaga bari gukora amateraniro. Byagaragariye kandi mu mibereho y'abari barashinzwe gucunga ibigo by'itorero bifitanye isano n'umurimo. Byagaragariye no mu mibereho y'abavugabutumwa boherejwe gushinga amatorero mu

bihugu bishya, bari bafite imyumvire iri hasi ku birebana n'umurimo w'Imana, ku buryo babonaga bibakomereye kujya mbere bakurikiye inzira Imana yifuzaga ko banyuramo. Byagaragariye kandi mu buryo abantu bishingikirizaga ku bayobozi b'I Battle Creek babashakaho inama no mu bintu bito cyane byerekeye umurimo wakorwaga mu bihugu bya kure. Byagaragariye no mu buryo abagabo bari bari mu myanya y'ubuyobozi I Battle Creek, mu buremere bw'inshingano bari bikoreye, bageragezaga gutanga amabwiriza kuri buri kantu kose mu murimo wakorerwaga mu bihugu bya kure nyamara badafite ubumenyi buhagije kuri ibyo bihugu. {TM xxi.2}

Ubwo umwaka w'1887 wari uri hafi kurangira, Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi ku isi hose ryari rifite abizera ibihumbi makumyabiri na bitanu magana inani na mirongo ine n'umwe (25,841), hamwe na komferanse makumyabiri n'esheshatu (26) muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, misiyoni imwe muri Amerika y'amajyaruguru na komferanse enye na misiyoni esheshatu hakurya y'amazi magari. Inama y'ubuyobozi y'Inteko Nkuru Rusange (General Conference) yari igizwe n'abagabo barindwi, bari barongerewe bava ku bantu batatu bagirwa batanu mu mwaka w'1882; mu mwaka w'1886 bava kuri batanu bagirwa barindwi. Kugira ngo bashobore kwita ku mirimo ibyara inyungu yari ifitanye isano n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa, Inteko Nkuru Rusange yashyizeho urwego rwari rugizwe n'abantu batanu. Amashami atandukanye y'umurimo yari yaragiye

ashyiraho inzego zisa n'izingenga, nk' "Ihuriro Mpuzamahamaha ry'Ibyiciro by'Ishuri ryo ku Isabato," "Ihuriro ry'Ibyiciro by'Ubuzima no Kwirinda," n' "Ihuriro Mpuzamahanga ry'Inyandiko no Kwamamaza Ubutumwa mu turere dushya." Nk'uko twabivuze haruguru, kuva hagati mu mwaka w'1885 kugeza mu mwaka w'1887, Ellen White yari ari mu Burayi. Ubu yari yaragarutse muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, atuye mu rugo rwe rwari I Healdsburg muri California. Aho hari amazu abiri y'amacapiro yakoraga muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ari yo: Urwibutso n'Integuza, yari iherereye I Battle Creek muri Leta ya Michigan, na Pacific Press yari iherereye Oakland muri Leta ya California. Buri imwe muri izo nzu z'icapiro yakoze umurimo ukomeye ubyara inyungu bituma zikomeza kubona ibikoresho zikoresha no guhemba abakozi bazikoragamo, kandi binafasha umurimo w'inyandiko w'itorero. Muri buri capiro muri ayo, handikirwaga ikinyamakuru cyafashaga cyane mu murimo w'ivugabutumwa: Urwibutso n'Integuza cyandikirwaga I Battle Creek, n'Ibimenyetso by'Ibihe cyandikirwaga I Oakland. {TM xxi.3}

Mu mwaka umwe cyangwa ibiri yabanjirije inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1888, guhabana kw'ibitekerezo bimwe kwari kwaragiye kugaragara mu ngingo zasohokaga muri ibyo binyamakuru, ku birebana n'amategeko avugwa mu rwandiko rw'Abagalatiya. Muri buri kinyamakuru umwanditsi mukuru wacyo yafataga uruhande rwo guhangana n'uwo mu kindi kinyamakuru. Ellen White,

ubwo yari akiri mu Busuwisi, yandikiye abanditsi b'ikinyamakuru Ibimenyetso by'Ibihe abagira inama yo kwirinda kwandika ingingo zigaragaza ibitekerezo byo guhangana. Ubutumwa yabandikiye buboneka mu gitabo cya Ellen G. White cyitwa Inama ku Banditsi n'Abakosora Inyandiko, p.75-82 (Counsels to Writers and Editors). {TM xxii.1}

## Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1888

Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1888 yabereye I Mineyapolisi, muri Leta ya Minesota, kuva tariki ya 17 Ukwakira kugeza tariki ya 04 Ugushyingo, 1888. Iyi nama yabanjirijwe n'ishuri rya Bibiliya ryamaze icyumweru, aho muri iryo shuri havutse impaka zirebana no kumenya niba ubwoko bw'Abahanizi (Huns) cyangwa ubwoko bw'Abalemani (Alemanni) bwakwemerwa nka bumwe mu bwami icumi bwo muri Daniyeli 2;7, n'Ibyahishuwe 13. Uriah Smith, wari umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru cy'Urwibutso n'Integuza, yafashe uruhande rumwe, na A. T. Jones wari umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru cy'Ibimenyetso by'Ibihe afata urundi ruhande. E. J. Waggoner, wari wavuye mu nzu y'icapiro ya Pacific Press, yatanze ibyigisho ku ngingo y'Impongano n'amategeko y'Imana, n'umukuru Jones yigisha ku gutsindishirizwa kubwo kwizera. Izi mpaka zakomeje no mu nama nyirizina, ndetse rimwe na rimwe hakagaragaramo guhangana kweruye. Bamwe mu bagabura bari baje mu nama bazanywe no kujya impaka ku bibazo, aho kuzanwa no

kwiga ukuri. Ellen White yari ahari, maze ahamagarira abantu bose kuza muri ibyo byigisho bafite imitima n'ubwenge bikinguriye kwakira ukuri. Yabingingiye kwigana ubwitonzi kandi basenga ingingo bari barimo kujyaho impaka. {TM xxiii.1}

Mu buryo bumwe, hari abantu baje gusobanukirwa n'ibyari biri kuba. Kuri benshi, ubutumwa bwo gukiranuka ku bwo kwizera bwababakoze ku mutima, maze imitima n'ubugingo byabo byemera uko kuri, ari byo byatumye bagira imibereho inesha mu buzima bwabo bwa Gikristo. Hari abandi bagiye ku ruhande rw'abayobozi b'I Battle Creek bari bafitiye impungenge ubwo butumwa kandi batsimbaraye ku bya kera, bakabona ko bimwe mu byigishwaga byari birimo akaga. Ubwo inama yari igeze ku musozo, abo bantu bananiwe kwakira umugisha Imana yari yabageneye. {TM xxiii.2}

Nta nyandiko n'imwe ihari igaragaza ibyigisho byigishirijwe muri iyo nama uretse ibya Ellen G. White, kuko bitari bimenyerewe muri icyo gihe gutangaza ibyabereye mu nama n'ababikoze. Muri icyo gihe hasohotse ikinyamakuru cy'Inteko Nkuru Rusange, ariko cyari cyanditse mu buryo busanzwe kigaragaza amakuru y'ibyabereye mu nama n'uko gahunda zakurikiranye. Nta kintu na kimwe cyagaragajwe cyerekeye ibibazo bya Bibiliya byaganiriweho. {TM xxiii.3}

Muri iyo nama umukuru O. A. Olsen yatorewe kuba umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange, ariko ubwo inama

yabaga yari ari mu Burayi. Ku itariki 27/11/1888, William C. White (umuhungu wa Ellen G. White), wari umwe mu bagize inama nyobozi y'Inteko Nkuru Rusange, yandikiye umukuru Olsen ko "iyo nama ubwo yari igeze ku musozo, abayitabiriye bagiye bafite ibitekerezo bitandukanye. Benshi batashye bumva ko iyi ari imwe mu nama z'ingirakamaro kuruta izindi zose bitabiriye; abandi batashye bumva ko ari yo nama mbi babonye kuruta izindi zose babonye." {TM xxiv.1}

## Imyifatire Itandukanye ku Ngingo yo Gukiranuka kubwo Kwizera

Mu myaka ibiri yakurikiye inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1888, Ellen White yibanze cyane ku gusura amatorero, agira umuhati wo kuyobora amatorero na za komferanse ku gusobanukirwa byimbitse ingingo y'ingenzi irebana no Gukiranuka kubwo kwizera. Yavuze kuri uku kuri kwa Bibiliya, ko nubwo kwari "gushya mu bitekerezo bya benshi," ko mu by'ukuri kwari "ukuri kwa kera mu ishusho nshya." – Ellen G. White, Urwibutso n'Integuza, 23/07/1889, byongeye gucapwa mu gitabo cya mbere cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe, p.409 (Ingeri ya 2016). {TM xxiv.2}

Mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yakurikiyeho, na yo ikabera I Battle Creek tariki ya 18/10/1889 kugeza tariki ya 05/11/1889 Ellen G. White yatangaje ibi bikurikira: "Umwuka wari waranze iteraniro ry'i Mineyapolisi ntawe uboneka hano. Byose biragenda bisimburana neza. Hari

intumwa nyinshi mu iteraniro. Iteraniro ryacu rya saa kumi n'imwe za mu gitondo rifite abantu benshi kandi amateraniro ni meza. Ubuhamya bwose numvise bwari ubuhamya bwubaka. Bavuga ko umwaka ushize wabaye umwaka uhebuje iyindi mu buzima bwabo; umucyo waka uturuka mu Ijambo ry'Imana warumvikanye kandi wari usobanutse—gutsindishirizwa ku bwo kwizera, Kristo gukiranuka kwacu. Ibyo twabonye kandi twumvise byaradushimishije cyane. {TM xxiv.3}

“Amateraniro yose nayabayemo uretse abiri ya mu gitondo. Saa mbiri Mwenedata Jones yabwirije ku gutsindishirizwa ku bwo kwizera, abantu barabyishimiye cyane. Hariho gukurira mu kwizera no mu kumenya Umwami wacu n'Umukiza Yesu Kristo.” – Ellen G. White, Manuscript 10, 1889, byasohotse mu gitabo cya mbere cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe, p.416 (Ingeri ya 2016). {TM xxv.1}

Ariko, benshi mu bayobozi b'Inteko Nkuru Rusange n'abayobozi b'ibigo byacu by'I Battle Creek bagiye mu ruhande rubi maze kwinangira gukomeye bifata icyicaro mu mutima w'umurimo w'itorero. Mu myaka micye yakurikiyeho, benshi mu bari baragiye muri uru ruhande babonye amakosa yabo maze batura ibyaha byabo babikuye ku mutima. Ariko hari abakomeje kwinangira rwose. Bamwe muri bo, bari bafite imyanya y'ubuyobozi mu bigo byacu, bakoresheje ububasha bari bafite ku bantu no mu itorero mu buryo bugaragara mu myaka y'1890. Ni kubw'iyo mpamvu Ellen White yanditse mu

mwaka w'1895 amagambo yanditse kuri paje 363 mu gitabo cy'Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'ubutumwa Bwiza (Testimonies to Ministers and Gospel Workers), ati: "Bamwe bahinyuye Gukiranuka kwa Kristo kubonwa kubwo Kwizera; kuko guhabanye n'umwuka ubakoresha n'imibereho yabo yose." {TM xxv.2}

[Dore amagambo Ellen White yanditse kuri iyo myitwarire y'abayobozi bamwe binangiye bakanga ubutumwa bwo gukiranuka kwa Kristo, nk'uko aboneka mu gitabo cye cyitwa 'Testimonies to Ministers and Gospel Workers, p.363' (Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza):

## Kugera Ikirenge mu cya Roma

Abahawe inshingano yo kugaragaza imico y'Uwiteka, bateye intambwe bava ku rufatiro rwa Bibiliya, maze mu mirebere yabo ya kimuntu bahimba amategeko n'imyanzuro bahatira ubushake bw'abandi kubikurikiza. Ubucakura bwo guhatira abantu gukurikiza ibintu byahimbwe n'abantu burimo gusibanganya urukundo n'impuhwe, bugatuma abantu batabona imbabazi, ubutabera, n'urukundo by'Imana. Imbaraga y'imico mbonera n'inshingano z'umuntu ku giti cye birimo gusiribangwa. {TM 363.1}

Bamwe bahinyuye Gukiranuka kwa Kristo kubonwa kubwo Kwizera; kuko guhabanye n'umwuka ubakoresha n'imibereho yabo yose. Itegeko, itegeko, ni wo wabaye

umurongo wabo w'imikorere. Satani ubwe yabonye uburyo bwo guhagararirwa. Iyo umuntu uvuga ko ahagarariye Kristo yishoye mu mikorere yo guhata no gusharirira bagenzi be akabohereza mu turere turuhije cyane; abakorewe batyo bazaca umugozi wose wo kwifata wabakumiraga cyangwa bagere ubwo babona Imana nk'Umwami w'umunyagitugu. Bagira ibitekerezo bidatunganye ku Mana, maze ubugingo bugatandukanywa n'Imana, nk'uko Satani yateguye ko bigomba kugenda. {TM 363.2}

Uyu mutima wo kutagira impuhwe ufitwe n'abantu bavuga ko bizera ukuri, Satani awugereka ku kuri akavuga ko ari wo musaruro uturuka ku mbaraga y'ukuri, bityo abantu bakazinukwa ukuri maze bakagutera umugongo. Ku bw'iyi mpamvu nta muntu n'umwe wari ukwiriye kugirana isano n'umwanya w'ubuyobozi mu bigo byacu niba atekereza ko nta cyo bitwaye kugira umutima worohera abandi cyangwa kugira umutima w'icyuma. {TM 363.3}

Abantu batekereza ko bari kugaragaza ubutabera bw'Imana, nyamara batagaragaza ubugwaneza Bwayo n'urukundo rukomeye bigendana n'ubutubera bw'Imana nk'uko Yabitugaragarije. Ibyo bihimbano byabo bikomoka ku nama z'ubucakura za Satani, bigaragara nk'aho ari byiza ku bantu bafite amaso atabona, kubera ko n'ubundi bijyanye n'imiterere ya kamere zabo. Kuri bo, iyo ikinyoma cyemewe, kigashyirwa mu bikorwa gihinduka ukuri. Bityo umugambi w'abakozi ba Satani ugerwaho, ku buryo

abantu bazajya bagera ku myanzuro nk'iyo binyuze mu mikorere yahimbwe n'ubwenge bwabo. {TM 363.4}]

Mu gitabo cya Ellen G. White cyitwa 'Testimonies to Ministers and Gospel Workers' (Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza), uhereye ku rupapuro rwa 76 gukomeza, muzahabona byinshi Ellen White yanditse ku byabereye I Mineyapolisi n'icyabikurikiye, n'imibereho bamwe mu babigizemo uruhare bagize. {TM xxv.3}

[Dore bimwe mu byo yanditse:

## Umwuka Wera Azigendera Burundu

Nimusomere abantu ibi byanditswe (Yohana 7:9-23,27,28; Luka 11:37-52). Musome mwitonze, mwubashye, Umwuka Wera azababa iruhande kugira ngo yigarurire imitima ubwo muzaba muri kubisoma. Ariko ntuzabure kubisoma ubyumva uko bikwiriye mu mutima wawe. Niba Imana yaramvugiyemo, ndabizi ko ibyo byanditswe bisobanuye ikintu gikomeye ku bazabyumva. {TM 76.1}

Abantu bapfa bagomba kwitondera gushaka kugenzura bagenzi babo, bafata umwanya wagenewe Umwuka Wera. Mureke he kugira abantu bumva ko ari uburenganzira bwabo ntavogerwa guha isi ibyo bibwira ko ari ko kuri, maze bakavuga ko nta kindi kintu kigomba gutangwa mu gihe kinyuranye n'ibitekerezo byabo. Uyu si umurimo wabo. Hari ibintu byinshi bizagaragara mu buryo bweruye ko ari ukuri nyamara ntibyemerwe n'abantu batekereza ko buri gihe uko basobanura Ibyanditswe ari bwo

busobanuro butunganye. Bizaba ngombwa ko hakorwa impinduka zikomeye ku bitekerezo bamwe bemeye nk'ibidafite inenge. Aba bantu bagaragaza kuyoba mu bintu byinshi; bagendera ku mahame Ijambo ry'Imana riciraho iteka. Ikintu gituma numva ibi bindemereye cyane, kandi bigatuma mbona ko imirimo yabo atari imirimo y'Imana, ni uko bibwira ko bafite ububasha bwo gutegeka abantu bagenzi babo. Uwiteka nta burenganzira yabahaye bwo gutegeka abandi nk'uko n'abandi nta burenganzira bahawe bwo kubategeka namwe. Abantu bibwira ko bagomba kugenzura abantu bagenzi babo, bafata inshingano igenewe Imana yonyine kandi bo ari abantu bapfa. {TM 76.2}

Kuba abantu bashobora kuguma kugaragaza umwuka wabayoboraga I Mineyapolisi ni ukurwanya Imana. Ijuru ryose rifite umubabaro ku bw'umwuka umaze imyaka ugaragara mu nzu yacu y'icapiro I Battle Creek. Hari ugukiranirwa kuri gukorwa ku buryo Imana itazigera ikwihanganira. Izahagenderera kubera ibyo bintu. Ijwi ryarumvikanye rigaragaza amakosa, kandi mu izina ry'Uwiteka risaba ko habaho impinduka zifatika. Ariko, ninde wakurikije amabwiriza yatanzwe? Nibande bacishije imitima yabo bugufi bakiyambura gukiranirwa kwabo n'umwuka wo gutwaza igitugu? Naremerewe cyane no kugaragariza abantu ibi bintu nk'uko biri. Ndabizi ko bazabibona. Ndabizi ko abazasoma ibi bintu bazumva batsinzwe. {TM 76.3}]

Mu nama yo mu 1888, abari bagize inama nyobozi y'Inteko Nkuru Rusange barahinduwe. O. A. Olsen yatumijweho I Burayi kugira ngo abe umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange, asimbura umukuru George I. Butler. Umukuru Butler yari arwaye, kandi nubwo Atari ari mu nama y'Inteko Nkuru I Mineyapolisi, yifatanyije n'abagiye ku ruhande rubi. Yagiye mu kiruhuko cy'izabukuru yita ku mugore we wari waramugaye mu gihe cyirenga imyaka icumi, maze aragaruka agenda ahabwa imyanya y'inshingano mu itorero. {TM xxv.4}

Umukuru Olsen, umugabo wari ufite urukundo kandi wibandaga cyane ku kuri ko Gukiranuka kubwo kwizera, kandi wumviraga cyane inama z'umwuka w'ubuhanuzi, yisanze bimukomereye guhangana na bimwe mu bibazo byari I Battle Creek. By'umwihariko, ibyari bikomeye cyane byari ibyaturukaga ku iterambere ryihuse ry'ibigo by'itorero no kwaguka kw'umurimo I Battle Creek mu buryo bwabangamiraga umurimo ahandi. {TM xxvi.1}

## Guhuriza Hamwe Ibigo by'Itorero n'Ibibazo Byakurikiyeho

Mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1889, hitawe ku bibazo byaturukaga ku mikorere y'amacapiro abiri manini, rimwe ryari I Battle Creek n'irindi riri ku nkombe z'inyanja ya Pasifika. Itsinda ry'abantu makumyabiri n'umwe ryahawe inshingano zo kwiga uko inyungu z'amacapiro y'itorero zahurizwa hamwe. Muri iyo nama hasabwe ko harebwa uko gahunda nk'iyo yashyirwaho "mu rwego rwo

kugenzura inyungu z'ibigo by'uburezi byacu n'umutungo wabyo, bityo bigashyirwa munsi y'ubuyobozi bumwe bubicunga; hagashyirwaho n'indi gahunda yo kugenzura ibigo byacu by'ubuvuzi." – Ikinyamakuru cy'Inteko Nkuru Rusange, 06/11/1889, 149.

Iri tsinda ryazanye raporo yaryo mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1891. Hatanzwe icyifuzo cy'uko Inteko Nkuru Rusange, nk'urwego rukuru ruhagarariye inyungu z'itorero, ari yo ikwiriye gukurikirana inyungu z'amacapiro kandi igashyiraho imikorere y'amacapiro agengwa n'ubuyobozi bumwe buyakuriye yose. Hemejwe ko kubera umurimo mugari wo gucunga izo nyungu, izo nshingano zigomba gushyirwa mu biganza by'uru rwego, bityo ko umubare w'abarugize ugomba kwiyongera ukaba abantu makumyabiri n'umwe. Iyo myanzuro yemejwe n'Inteko Nkuru Rusange. {TM xxvi.2}

Inyandiko zanditswe nyuma y'icyo gihe zigaragaza ko hatewe intambwe zo guhuriza hamwe ibikorwa by'itorero ku rwego rw'isi, bihabwa ubuyobozi bwo kubicunga, ubwo buyobozi na bwo bukagenzurwa n'itsinda ry'ubuyobozi bwashyizweho n'Inteko Nkuru Rusange ryari rigizwe n'abantu makumyabiri n'umwe. {TM xxvii.1}

Abayobozi b'iryo tsinda ni na bo bari abayobozi b'Inteko Nkuru Rusange. Nubwo byari bimeze bityo, bitewe n'uko abari bagize ayo matsinda y'ubuyobozi akenshi babaga bari hirya no hino ku isi, n'ubundi inshingano zasigaye mu biganza by'abagabo bacye I Battle Creek, bamwe muri bo

babaga bafite aho bahuriye ku buryo bwimbitse n'inyungu zavaga mu bigo byari aho. {TM xxvii.2}

Nubwo ibikorwa byose bifuzaga guhuriza hamwe atari ko byose byakunze, ariko byari bihagije guhuriza hamwe no gushyira inshingano zirebana n'ubukungu mu biganza by'Inteko Nkuru Rusange ku byerekeye amacapiro, amashyirahamwe akoresha inyandiko mu ivugabutumwa, ibigo by'uburezi, n'amavuriro ku isi yose. Bitewe n'uko guhuriza hamwe abantu bose bari bagize itsinda ryari ryarahawe inshingano zo gucunga inyungu z'ibigo by'itorero byabagaho inshuro nke cyane, n'ubundi nk'ibisanzwe, abafataga ibyemezo kari agatsiko k'abagabo bacye – kenshi babaga ari bane, batanu, cyangwa batandatu; kandi bikagira ingaruka ku murimo wakorwaga hirya no hino ku isi. Mu nyandiko ze, Ellen G. White yamaganye ibyo guhuriza hamwe ibigo by'itorero, n'izindi ntambwe zose zaterwaga zidahuje n'ubushake bw'Imana. (Reba igitabo cya Ellen G. White cyitwa 'Life Sketches,' p.319-330, mu cyigisho cyitwa 'Akaga ko Gukoresha Amahame y'Isi mu Murimo w'Imana' (Danger in Adopting Worldly Policy in the Work of God.)). {TM xxvii.3}

Ibyaberaga I Battle Creek, yaba ari ibyaberaga mu bigo by'itorero n'ibyaberaga mu Nteko Nkuru Rusange, bigaragazwa neza mu cyigisho cyitwa: "Ntukagire Izindi Mana mu Maso Yanjye," cyanditswe mu kwezi kwa Cyenda mu mwaka w'1895, cyikaba kiri mu gitabo cya Ellen White

cyitwa Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza, p.359-364 (Testimonies to Ministers and Gospel Workers). Umusomyi akwiriye kugisoma yitonze. {TM xxvii.4}

[Dore icyo cyigisho cyose uko cyakabaye:

## "Ntukagire Izindi Mana mu Maso Yanjye"

Granville, Australia,

Nzeri, 1895

Nta mutuzo mfite mu mutima wanjye. Hari ibintu biri kugenda binyuzwa imbere yanjye bikurikirana mu buryo bw'ibimenyetso, ku buryo ntashobora gutuza ntararangiza kwandika iby'icyo kibazo. Hari umurongo uri gushyirwaho mu izingiro ry'umurimo ku buryo buri kigo cyose cy'itorero ari wo cyiri gukurikiza. Kandi n'Inteko Nkuru Rusange ubwayo irimo iragenda yiyandurisha amaragamutima mabi n'amahame y'ibinyoma. Mu gushyira mu bikorwa gahunda zateguwe, bigaragara ko bene ayo amahame ari yo yamaze igihe agenzura ibintu I Battle Creek. {TM 359.1}

Neretswe ko ishyanga ry'Abayahudi ritageze ku rwego rw'imitekerereze n'imikorere ryari rifite mu buryo butunguranye. Bagendaga bakorera ku nyigisho z'ibinyoma uko ibisekuru byagendaga bisimburana, bagashyira mu bikorwa amahame arwanya ukuri, maze bakabihuriza hamwe n'ibitekerezo byabo by'iyobokamana n'imigambi byaturukaga mu bwenge bw'abantu.

Ibihimbano by'abantu ni byo byashyizwe hejuru. {TM 359.2}

Amahame yera yatanzwe n'Imana agaragazwa nk'umuriro wera, ariko umuriro usanzwe ni wo wakoreshejwe mu mwanya w'umuriro wera. Imigambi irwanya ukuri no gukiranuka yinjijwe mu buryo bw'ubucakura bitwaje ko ibyo bigomba gukorwa, kandi ko bigomba gukorwa, "ku bw'iterambere ry'umurimo w'Imana." Ariko ibyo abantu bahimbye ni byo bibyara gutwaza abantu igitugu, kurenganya, no gukiranirwa. Umurimo w'Imana nta kintu na kimwe cy'akarengane kiwurangwamo. Nta kintu na kimwe umurimo w'Imana ushobora kungukira mu kuvanaho imiterere yihariye y'abagize umuryango w'Imana no kubariganya uburenganzira bwabo. Bene iyo mikorere yose ni ikizira imbere y'Imana. Imana ntijya itanga umurongo w'imikorere nk'uyu, umeze nk'uko inama mwatanze ku byerekeye gucapa ibitabo zimeze. {TM 359.3}

Uwiteka ntajya yemera ibikorwa nk'ibi; nta mugisha muzabonera muri ibi bintu. Abantu Imana yashinze umurimo Wayo bawukoze mu buryo butari bwo bwuzuyemo gukiranirwa, none ubu, iki ni gihe cyo kubishyiraho iherezo. Reka abantu bakorane na bagenzi babo bagendeye ku mahame yo mu mategeko icumi, kandi ntibirengagize ayo mahame mu mirimo yabo isanzwe. Ibitekerezo bipfuye biri kwemerwa nk'ukuri no gukiranuka, maze buri kintu cyose kigakorwa gikurikije

ibyo bitekerezo bidahuje n'ubushake bw'Imana, bityo bikagaragaza nabi imico y'Imana. {TM 360.1}

Imana Ikomeye kandi Yera y'Inyambabazi ntishobora na rimwe kwifatanya n'ibikorwa by'ubuhemu; ntizigera ishyigikira akantu na gato ko kurenganya. Abantu bigaruriye abo bita ko bari munsi y'ubutware bwabo mu buryo budakwiriye. Bari bariyemeje guhatira abantu kugendera ku mabwiriza yabo; ku buryo bagombaga gutegeka cyangwa kurimbura. Nta mpinduka zizigera zibaho kugeza ubwo hazafatwa icyemezo gihamye cyo gushyiraho umurongo ngenderwaho utandukanye n'uriho. {TM 360.2}

Mu bigo byacu byose, ntimukemere ko hagira gahunda zishyirwaho cyangwa uburyo buzatuma imitekerereze ya kimuntu ari yo igenzura ibitekerezo by'abantu n'impano zabo; kuko iyi ntabwo ari gahunda y'Imana. Imana yahaye abantu impano zifite ubushobozi kandi ni Yo yonyine zikomokaho; ni yo mpamvu biba ari ugusuzugura Imana cyane kuba umuntu upfa ashobora kwiha ububasha bwo kugenzura impano z'abandi, kabone nubwo umusaruro wabivamo wakoreshwa mu mu nyungu z'umurimo w'Imana. Mu bikorwa nk'ibyo ubwenge bw'umuntu butegekwa n'ubwenge bw'undi muntu, maze umuntu Imana yakoreshaga agatandukanywa na Yo agashyirwa mu bishuko. Uburyo bw'imikorere ya Satani bugambiriye ikintu kimwe: gufata abantu akabahindura imbata z'abandi bantu. Maze ibi byamara gukorwa, ingaruka

zikaba urujijo no kutizerana, ishyari no gukeka ibibi. Ibintu nk'ibi bisenya kwizera Imana no kugirira icyizere amahame akwiriye, kandi ari yo yirukana ubucakura n'ikintu cyose gikomoka ku narijye n'uburyarya. {TM 360.3}

## Ubutegetsi bw'Igitugu

Ubutegetsi bw'igitugu bwashyizweho buntera ubwoba, bumeze nk'aho imyanya y'ubuyobozi abantu barimo yabahinduye utumana. Ubwo butegetsi ni umuvumo aho bukoreshwa hose n'umuntu wese ubukoresha. Gutegeka abantu Imana yaronse nk'umurage wayo bwite muri ubu buryo, bizatuma abantu bazinukwa ubuyobozi bw'abantu maze bibyare umuvurungano. Abantu bari kubona ko abayobozi bakuru bari mu myanya y'inshingano badashobora kwizerwa ku birebana n'umurimo wo gutunganya imico y'abandi no kubaremamo intekerezo nzima. Ingaruka zizaba gutakariza icyizere n'ubuyobozi bw'abantu beza. Ariko Uwiteka azahagurutsa abakozi bumva ko bo ubwabo ntacyo bari cyo mu gihe batabonye ubufasha bwihariye buturuka ku Mana. Uko ibihe byagiye bisimburana Yesu yagiye agenera ibyiza itorero Rye. Mu gihe cyo kuza kwa mbere kwa Kristo mu isi yacu, abagabo bari bagize urukiko rukuru rw'Abayuda (Sanhedrin) bakoreshaga ububasha bwabo mu kugenzura abantu bakurikije ubushake bwabo. Uko ni ko abantu Kristo yapfiriye ngo abavane mu bubata bwa Satani basubijwe mu bubata bwe mu bundi buryo. {TM 361.1}

Mbese buri muntu ku giti cye yaba asobanukiwe n'umwanya nyakuri duhagazemo, kandi ko nk'abagaragu bahawe inshingano n'Imana tukogomba kwirinda gutakaza ubusonga bwacu? Dufite inshingano tugomba kubazwa buri muntu ku giti cye imbere y'abatuye ijuru bose, tugomba gukoresha icyizere twagiriwe n'Imana. Imitima yacu igomba gukanguka. Ibiganza byacu bigomba kuba birimo ikintu cyo guha abandi tugikuye mu butunzi Imana yaduhaye. N'aboroheje kurusha abandi muri twe bashobora kuba ibikoresho by'Imana, bakoresha impano zabo kubw'icyubahiro cy'izina Ryayo. Umuntu ukoresha italanto ze akazibyaza izindi akurikije ubushobozi afite ashobora kuzanira Imana ituro nk'impano yejejwe imeze nk'umubavu uhumura neza imbere Yayo. Ni inshingano za buri muntu wese kureba ko italanto yahawe zibyara inyungu ku buryo azabasha kuzimurika, nk'uwakoze uko ashoboye akazibyaza izindi. {TM 361.2}

Umwuka wo gukandamiza urimo kugenda wigarurira n'abayobozi ba komferanse zacu. Niba umuntu ariho urubanza rw'amaraso y'uburyo akoresha ububasha afite kandi agashaka gukandamiza bene se, akumva ko afite ububasha bwo gukoresha ubushake bwe nk'imbaraga y'ubutegetsi, uburyo bumwe rukumbi kandi burimo amahoro kuruta ubundi ni ukumuvana ku nshingano, kugira ngo adateza umubabaro mwinshi kandi akabura ubugingo bwe agashyira mu kaga n'ubugingo bw'abandi. "Mwese muri abavandimwe." Ubu buryo bwo gutegeka abantu Imana yaronse nk'umurage wayo bwite buzatera

abantu kwivumbura keretse abantu bafite inshingano nibahindura imikorere yabo. Abantu bari mu myanya y'ubuyobozi bagomba kugaragaza umwuka wa Kristo. Bagomba gukora nk'uko Kristo yakora muri buri kibazo gisaba ubwitonzi. Bakwiriye kwemera gusuzumwa n'Umwuka Wera. Umwanya umuntu arimo ntabwo ari wo umugira ukomeye na gato mu maso y'Imana; imico yonyine ni yo Imana iha agaciro. {TM 362.1}

Ubugwaneza, imbabazi, n'urukundo rw'Imana byatangajwe na Yesu abibwira Mose. Iyi yari imico y'Imana. Iyo abantu bavuga ko bakorera Imana birengagije imico Yayo nk'umubyeyi maze bakareka kubaha no gukiranuka mu byo bagirira abantu bagenzi babo, Satani abishima hejuru, kuko aba yabahumekeyemo imico ye. Baba barimo kugera ikirenge mu cya Roma. {TM 362.2}

## Kugera Ikirenge mu cya Roma

Abahawe inshingano yo kugaragaza imico y'Uwiteka, bateye intambwe bava ku rufatiro rwa Bibiliya, maze mu mirebere yabo ya kimuntu bahimba amategeko n'imyanzuro bahatira ubushake bw'abandi kubikurikiza. Ubucakura bwo guhatira abantu gukurikiza ibintu byahimbwe n'abantu burimo gusibanganya urukundo n'impuhwe, bugatuma abantu batabona imbabazi, ubutabera, n'urukundo by'Imana. Imbaraga y'imico mbonera n'inshingano z'umuntu ku giti cye birimo gusiribangwa. {TM 363.1}

Bamwe bahinyuye Gukiranuka kwa Kristo kubonwa kubwo Kwizera; kuko guhabanye n'umwuka ubakoresha n'imibereho yabo yose. Itegeko, itegeko, ni wo wabaye umurongo wabo w'imikorere. Satani ubwe yabonye uburyo bwo guhagararirwa. Iyo umuntu uvuga ko ahagarariye Kristo yishoye mu mikorere yo guhata no gusharirira bagenzi be akabohereza mu turere turuhije cyane; abakorewe batyo bazaca umugozi wose wo kwifata wabakumiraga cyangwa bagere ubwo babona Imana nk'Umwami w'umunyagitugu. Bagira ibitekerezo bidatunganye ku Mana, maze ubugingo bugatandukanywa n'Imana, nk'uko Satani yateguye ko bigomba kugenda. {TM 363.2}

Uyu mutima wo kutagira impuhwe ufitwe n'abantu bavuga ko bizera ukuri, Satani awugereka ku kuri akavuga ko ari wo musaruro uturuka ku mbaraga y'ukuri, bityo abantu bakazinukwa ukuri maze bakagutera umugongo. Ku bw'iyi mpamvu nta muntu n'umwe wari ukwiriye kugirana isano n'umwanya w'ubuyobozi mu bigo byacu niba atekereza ko nta cyo bitwaye kugira umutima worohera abandi cyangwa kugira umutima w'icyuma. {TM 363.3}

Abantu batekereza ko bari kugaragaza ubutabera bw'Imana, nyamara batagaragaza ubugwaneza Bwayo n'urukundo rukomeye bigendana n'ubutubera bw'Imana nk'uko Yabitugaragarije. Ibyo bihimbano byabo bikomoka ku nama z'ubucakura za Satani, bigaragara nk'aho ari byiza ku bantu bafite amaso atabona, kubera ko n'ubundi

bijyanye n'imiterere ya kamere zabo. Kuri bo, iyo ikinyoma cyemewe, kigashyirwa mu bikorwa gihinduka ukuri. Bityo umugambi w'abakozi ba Satani ugerwaho, ku buryo abantu bazajya bagera ku myanzuro nk'iyo binyuze mu mikorere yahimbwe n'ubwenge bwabo. {TM 363.4}

Ariko ni gute abantu bagwa mu ikosa nk'iryo? Barigwamo binyuze mu gushyiraho itangiriro ripfuye, maze bagakoresha buri kintu cyose ngo kigaragaze ko ikinyoma cyabaye ukuri. Mu bihe bimwe amahame y'ibanze aba afite igipimo cy'ukuri kivanzemo ikinyoma, ariko ntibishobora kugeza abantu ku gikorwa na kimwe gitunganye, iyi ni yo mpamvu abantu bayoba. Kugira ngo babashe kuyobora kandi bagire imbaraga, bakoresha uburyo bwa Satani kugira ngo batsindishirize amahame yabo bwite. Barizamura bakishyira hejuru nk'abantu bashishoza cyane, kandi bakigaragaza nk'abahagarariye Imana. Izi ni imana z'ibinyoma. {TM 364.1}

Inyandiko zitandukanye Ellen G. White yandikiye umukuru Olsen, wari umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange, zirimo ubutumwa bwinshi bwo gucyaha bureba abantu bose bikoreye inshingano zo gufata ibyemezo bifitanye isano ya hafi n'umurimo w'itorero ukorwa hirya no hino ku isi. Menshi muri aya mabwiriza yohererejwe umukuru Olsen aboneka mu gitabo cy'Ibihamya ku Bagabura. Nk'uko bigaragara hejuru, yandikishije ubwo butumwa, kugira ngo amabwiriza n'imiburo bikubiyemo byohererezwe n'abandi. {TM xxviii.1}

## Ibibazo by'Amacapiro

Intambwe yo guteza imbere amacapiro yacu mu myaka ya mbere, ari yo yatumye ayo macapiro yinjira mu murimo w'ubucuruzi, yatumye ibyo bigo bikora umurimo wo gucapa bigamije gucuruza gusa. Hari igihe byageze ku rwego wasangaga mirongo irindwi ku ijana (70%) by'inyandiko zicapirwa mu macapiro yacu ari ibiraka by'ubucuruzi, naho mirongo itatu ku ijana (30%) gusa ari zo nyandiko z'itorero. Abari bashinzwe gucunga inyungu z'amacapiro bari bamaze gufata icyerekezo nk'icy'ayandi macapiro, maze ibi bituma bemera ko mu macapiro yacu hacapirwa inyandiko zitakabaye zicapirwa na rimwe mu macapiro y'itorero. (*Reba mu gitabo cy'Ibihamya by'Itorero, umuzingo wa 7, p.161-168, mu cyigisho cya 30 cyitwa "Umurimo w'ubucuruzi;" no mu gitabo cya kabiri cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe, p. 397-398 (ingeri ya 2016), mu cyigisho cya 44 cyitwa "Akaga Gaterwa no Gusinziriza Abantu."*). {TM xxviii.2}

Muri icyo gihe kandi, bamwe mu bantu bari bari mu myanya y'ubuyobozi mu macapiro yacu bateye umugongo amahame y'ibanze yayoboraga ibigo byacu mu guhemba abakozi babyo. Byatekerezwaga ko umurimo w'amacapiro wageze ku rwego rw'iterambere kubera ubuhanga bwihariye n'impano z'abari bari mu myanya y'ubuyobozi bw'ayo macapiro; bityo ko abo bantu bagomba gushimirwa bahabwa ibihembo byihariye kugira ngo bakomeze gukora inshingano zabo neza. Ingaruka zabivuyemo, zabaye ko

bamwe mu bantu bari bari mu myanya ikomeye bahawe ibihembo bikubye inshuro ebyiri iby'umukozi w'umuhanga ukora ukora mu icapiro. {TM xxviii.3}

Umwuka nk'uwo wayoboye abayobozi b'icapiro ry'I Battle Creek gukora ibishoboka byose mu bubasha bwabo bakagenzura umusaruro w'inyandiko zose zahacapirwaga, ibi byatumye abanditsi b'ibitabo bandishaga ibitabo byabo muri iryo capiro baravanwagaho umugabane runaka w'inyungu yabo ukajya mu mutungo w'icapiro. Muri ubwo buryo ibyo icapiro ryinjizaga byariyongereye. Hatanzwe urwitwazo rw'uko abari bari mu myanya y'ubuyobozi bw'icapiro ari bo bari basobanukiwe neza n'ibyo umurimo ukeneye, kandi bakamenya uko bakoresha inyungu zavaga mu bitabo, kurusha abanditse ibyo ibyo bitabo. Batekerezaga ko abanditsi b'ibitabo badashobora gucunga neza umutungo waturukaga mu bitabo. Mu nyandiko nyinshi Ellen White yandikiye abari bari mu myanya y'ubuyobozi, yagaragaje ko inarijye ari yo yari iyoboze iyo migambi. Inama kuri iyi ngingo iboneka mu gitabo cy'Ibihamya by'Itorero, umuzingo wa 7, p.176-180. {TM xxix.1}

## Ibihamya Byatangajwe n'Umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange

Imbaraga y'inarijye, kwigarurira uburyo bwose no gukoresha "ububasha bwa cyami," nk'uko Ellen G. White yabyise, byari birimo gukwira ahantu hose nk'indwara yandura. Umukuru Olsen, wari umuyobozi w'Inteko

Nkuru Rusange, mu byiringiro by'uko ashobora gukumira imbaraga z'umurimo w'icyo kibi, yashyikirije abagabura ubutumwa bwinshi yandikiwe hamwe n'abandi bayobozi b'I Battle Creek muri icyo gihe gikomeye. Ubwo butumwa, bwashyizwe ahagaragara mu buryo bw'agatabo gato, bwatangajwe nk'amabwiriza yihariye ku bagabura n'abakozi. Akenshi bwababaga butangirwa n'ijambo ryo kwinginga ryasinywe n'umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange cyangwa inama nyobozi y'itorero ku isi. Mu ijambo ry'ibanze umukuru Olsen yanditse muri nimero ya kabiri y'utwo dutabo, yanditse mu mwaka w'1892, yaravuze ati: {TM xxix.2}

"Turumva ko ari inshingano yacu nanone kubohereza ubutumwa bwatoranyijwe bukuwe mu nyandiko za Ellen G. White zitarajya ahagaragara, kandi turabararikira kwita cyane ku butumwa bukomeye bwakuwe mu nyandiko ze zamaze gushyirwa ahagaragara. Ibi tubikoze kugira ngo ukuri gukubiye muri izo nyandiko kongere gukangura imitima yanyu. Ubu butumwa bukwiriye kwitabwaho cyane… {TM xxx.1}

"Mu myaka itatu ishize Umwuka w'Imana yararikiye abagabura bacu n'abizera kwiyambura umwambaro wo gukiranuka kwabo bwite ngo bashake gukiranuka gukomoka ku Mana kubonwa ku bwo kwizera Kristo Yesu. Ariko, mbega ukuntu twabigenzemo gahoro kandi dufite gushidikanya… Ibihamya no kwinginga kw'Umwuka w'Imana ntabwo byakiriwe mu buryo bukwiriye mu mitima

yacu nk'uko Imana yari yateguye ko kugenda. Ndetse rimwe na rimwe, twumvise ko dufite umudendezo wo kunegura ibihamya n'imiburo byoherejwe n'Imana ku bw'ineza yacu. Icyi ni ikibazo gikomeye. Mbese umusaruro uzaba uwuhe? – Ni ubukonje bw'umutima, no gupfa kw'ubugingo, ku rwego ruteye ubwoba. {TM xxx.2}

"Mbese ubu si igihe cyo kurangururura ijwi ry'umuburo? Mbese ubu si igihe buri muntu ku giti cye yari akwiriye gufata ibi bintu akabigira ibye maze akibaza ati: 'Mbese yaba ari njye?'… {TM xxx.3}

"Mu bihamya bikurikira, ingorane zacu zaragaragajwe ku buryo tudashobora kunanirwa kuzisobanukirwa. Ikibazo ni iki, mbese tuzita ku nama z'Imana maze tuyishakane umutima wose, cyangwa iyo miburo tuzayumvana agasuzuguro no kutagira icyo twitaho nk'uko byagiye bigenda mu gihe cyashize? Imana yatubereye indahemuka bityo natwe ntabwo tugomba gutseta ibirenge mu kuyiyegurira." {TM xxx.4}

Muri nimero ya gatandatu y'utu dutabo, tariki ya 22/11/1896, umukuru Olsen yanditse mu ijambo ry'ibanze amagambo akurikira: {TM xxxi.1}

"Mu mezi macye ashize, nakiriye ubutumwa butandukanye buvuye kuri mushiki wacu Ellen G. White, burimo amabwiriza y'ingirakamaro kuri njyewe no ku bakozi bacu bose; kandi kuko nzi yuko abakozi bose bafite uruhare mu murimo wo kubwiriza ukuri kw'iki gihe

babonera inyungu n'ubufasha muri ayo mabwiriza, nakusanyirije hamwe ubwo butumwa, mbwandikisha muri iyi nyandiko nto ku bw'inyungu zabo. Si ngombwa ko nirirwa mbasaba kuzabwigana ubwitonzi kandi musenga, kuko nzi yuko muzabikora." {TM xxxi.2}

Ntabwo yari inshingano yoroshye kuri Ellen White kwandika ubutumwa bukomeye nk'ubwo bwo gucyaha n'umuburo, kandi nta n'ubwo byari byoroheye abo bwari bugenewe kubwemera nk'ubugaragaraza ikibazo nyirizina bari bafite ngo bakosore ibyo bwababararikiraga gukosora. Bwashyizwe ahagaragara mu myaka y'1890 n'umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange n'inama nyobozi y'Inteko Nkuru Rusange mu dutabo duto, kugira ngo abagabura bose baburirwe. Nyuma buza kongera gusohoka mu gitabo cyitwa Ibihamya ku Bagabura mu mwaka w'1923, kugira ngo buhore bwereka buri mugabura n'umuyobozi wese w'Umudivantiste w'Umunsi wa Karindwi akaga gakomeye gashobora gashobora kwibasira inyungu z'umurimo w'Imana. {TM xxxi.3}

Ellen White ntabwo yigeze avuga ko ubutumwa bwo gucyaha bugenewe buri mugabura n'umuyobozi wese. Yaranditse ati: "Mbega uburyo umutima wanjye wishimira abagabura n'abayobozi bose bagendana umutima wo kwiyoroshya, bakunda kandi bakubaha Imana. Bafite imbaragagara ikomeye y'agaciro kenshi kuruta amashuri no kuba intyoza." – Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza, p.161 (Testimonies to Ministers and

Gospel Workers). Muri iki gitabo agenda avuga mu ngingo zitandukanye ko "bamwe" bagiye mu ruhande rw'ikinyoma, ko "bamwe" batakiriye ubutumwa Imana yohereje. {TM xxxi.4}

Inama z'umuburo zirwanya gukoresha "ububasha bwa cyami" no gutegeka, inama zivuga ko umuntu atagomba kurebera ku bantu bagenzi be ngo abe ari bo bamuyobora kuri buri kantu kose ko mu murimo w'Imana, zihuzwa mu buryo bwitondewe kandi bwiza n'inama ziburira abantu ku mwuka wo kuba ba nyamwigendaho mu byo bakora, nk'uko biri ku rupapuro rwa 314-316 mu gitabo cy'Inama ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa bwiza (Testimonies to Ministers and Gospel Workers). Izo nama zivuga ko abayobozi ba za komferanze bakwiriye kugirirwa icyizere no kunganirwa, nk'uko biri ku rupapuro rwa 327,328 mu gitabo cy'Inama ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa bwiza (Testimonies to Ministers and Gospel Workers). {TM xxxi.5}

[Ubutumwa buvuzwe haruguru ko bwanditswe ku rupapuro rwa 314-316 no ku rupapuro rwa 327,328 mu gitabo cy'Inama ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa bwiza (Testimonies to Ministers and Gospel Workers), ni ubu bukurikira:

## Akaga k'Ubuhezanguni

Ariko iyo gucyaha kubayeho kuri iyi ngingo, umwanzi afata inama yatanzwe, akayigaragaza mu buryo bugoretse

ku buryo abifuza kwikurikirira ibyo bibwira ubwabo bumva bafite umudendezo wo gutegura gahunda n'imigambi y'ingirakamaro batagiye inama na bene se. Bityo ikindi kinyoma kikarwanirira kwemerwa nk'ukuri. Abantu bajya mu ruhande rwo gukabya mu cyerekezo kimwe, kandi iyo bakosowe, bajya mu rundi ruhande rutandukanye n'urwo bari barimo ariko na ho bagakabya. {TM 314.1}

Muzaba muri mu kaga ko gukora amakosa  nimuramuka mukoze ibintu mwishingikirije ku cyo mwita ko ari ubwenge mufite. Mukeneye kujya inama n'abandi. Ntabwo mufite ibikwiriye ku byiciro byose by'umurimo, kandi ntabwo mukwiriye gutangira umurimo ahantu h'ingenzi niba hariho ingorane ko mutazusa ikivi mwatangiye. Umucyo ugomba gutangwa n'Imana mu buryo busobanutse, kandi inshingano igomba kubanza kumvikana neza nta kwibeshya mbere y'uko umuntu umwe cyangwa babiri binjira mu turere dushya kandi tw'ingirakamaro. Ukeneye kujya inama na bene so; kubera ko hari ingorane ko ushobora kwihuta cyane mu gutegura gahunda no gushyiraho uburyo. {TM 314.2}

Wabwiwe amagambo atari akwiriye na rimwe kuvugwa yerekeye bene so. Kumva ibintu nabi kuri mu bwenge bw'abandi kwakwinjiyemo, maze ubwenge bwawe buyoborwa mu ntekerezo zo gukekera abandi, kandi ibyo si byo nta n'amahoro abirimo. Ba maso urinde ibitekerezo byawe. Rinda cyane ibyo umutima wawe utekereza n'ibyo

wibwira. Hari amagambo yavuzwe yatumye ushyira ikizere cyinshi mu migambi yawe bwite mu buryo budakwiriye. Amagambo ava mu kanwa kawe mu buryo butemewe n'Imana. Witonde, kugira ngo ubwo uzaba ugomba guhamiriza inshuti ko uri umuntu ushoboye gutanga inama y'ingirakamaro, utazasangwa utiteguye. {TM 314.3}

## Akamaro ko Kujya Inama n'Abavandimwe mu Kwizera

Ntabwo ugomba kugenda wirengagije inama zose. Ni inshingano yawe kujya inama na bene so. Ibi bishobora gukora ku bwibone bwawe, ariko kwiyoroshya k'umutima kwigishwa n'Umwuka Wera kuzatera umuntu kumva inama agirwa, kandi kuvaneho kwiyiringira kose. Mu gihe hatanzwe inama inyuranye n'ibyifuzo byawe bwite, ntabwo ugomba gutekereza ko ubwenge bwawe buhagije ku buryo ari wowe ugomba guha abandi inama, cyangwa ngo utinyuke gusuzugura inama yatanzwe. {TM 315.1}

Aho wakora hose, uba ukeneye guhuza imihati yawe n'iy'abandi bakozi b'ingirakamaro. Ntabwo wihagije ubwawe; ntabwo ushobora kurangiza inama zose wenyine, ahubwo ushobora gukora uruhare rwawe hamwe n'abandi bakozi. Ibi bishobora kuba ari ugusuzugurika kuri wowe; ariko ntibigomba kumera bityo, kuko Imana yatanze impano zinyuranye, kandi yifuza ko izo mpano zafatanyiriza hamwe mu buryo bwiza kandi butunganye. {TM 315.2}

Ukeneye gusobanukirwa n'akaga kari mu kurebera ibintu mu murongo wawe ukurikije uko ubwenge bwawe bubona ibintu. Byakubera byiza utekerereje bene so imigambi yawe, kugira ngo umenye uko bayibona bakurikije uko babona ibintu; kubera ko hari ibyo ubwenge bwawe bushobora gusobanukirwa neza bitewe n'uko babikweretse, ku buryo bitajyaga kugushobokera kubisobanukirwa byose uko byakabaye. Reka imigambi yawe igenzurwe cyane; maze mu isengesho rivuye ku mutima ubwire ikibazo cyawe Imana Yo imenya byose. Mujye mujya inama. Reka ibyo umutima wawe ukongorera cyangwa ibyo abandi bakubwira bye gufunga urugi rw'umutima wawe ngo bikubuze kumva inama z'abagaragu b'Uwiteka. {TM 315.3}

Tariki ya 09/08/1896. Nakwandikiye ibi bintu kubera ko ari ikibazo gikomeye, kirebana n'ibintu bikomeye, bizagira ingaruka ku murimo ukorerwa mu tundi turere. Mwenedata ----- akeneye amagambo aguturutseho atarimo kumushyashyariza; kubera ko yiringira cyane ubushobozi bwe bwite kandi akabigaragariza mu gudaha abandi agaciro. Ntabwo abona ko ashaka kwishyira imbere. Ntabwo yiteguye gukora inshingano z'umugabura w'ubutumwa bwiza; kubera ko akeneye kugira umwuka wo kwiyoroshya n'umutima umenetse. Akeneye gukomeza gutanga ibyigisho bya Bibiliya, maze ubwo bene se bazabona ko akwiriye kuba umubwiriza w'ubutumwa bwiza, ibyo bizigaragaza. Ukeneye kuburirwa. {TM 315.4}]

## Abayobozi ba za Komferanse

[Special Testimonies, Series A 8:11-15 (1897).]

Tariki ya 02/08/1896

Nahamagariwe kwita ku mabwiriza Uwiteka yanejejwe no kuduha mu gitabo cyitwa Abakozi b'Ubutumwa Bwiza (Gospel Workers). Nakangutse saa cyenda z'ijoro, maze nsoma ubutumwa buri mu gatabo gato kitwa Abayobozi ba za komferanse (Conference Presidents), p.232. Ibyo nasomye byanyujijwe imbere inshuro nyinshi. Mbese benedata bazita kuri ibi bintu? Cyangwa bazatera umugongo umucyo? Umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange agomba gukora akurikije umucyo watanzwe, ntabwo agomba kunyuranya na wo. Niba abantu bafunga amaso yabo ngo batita ku bihamya Imana yanejejwe no gutanga, maze bakibwira ko igitekerezo cy'ubwenge ari ukugendera mu mucyo w'imuri bakongeje, ibyo bizangiza itorero. Abantu nk'abo ntibujuje ibyangombwa bibemerera kuba abagabura cyangwa abayobozi ba za komferanse; ntabwo bavomye inama ku Isōko y'ubwenge bwose. {TM 327.1}

Umuntu uhawe inshingano yo kuba umuyobozi wa komferanse agomba kumenya ko umutima w'umuntu uyoba vuba, bityo ko ukeneye kurindwa cyane binyuze mu kuba maso no gusenga. Uko ashaka Uwiteka abikuye ku mutima kandi adacogora, yigishwa n'Imana gukura agahinduka umuntu uyihagarariye, kandi Imana ikamwizera nk'uko yizeraga Aburahamu. Akeneye

uburinzi bw'Imana; kubera ko agomba kurwana intambara nziza yo kwizera, kandi amaze gusohoza ibyo Umwuka w'Imana yamwigishije gukora byose, agakomeza gushikama. Abanzi be bashobora kuba abo mu rugo rwe, umugore we n'abana be, cyangwa se bakaba ari imico yarazwe na basekuruza hamwe n'iyo yimenyereje ihora ishaka kumwigarurira. Umuntu ni umuntu kandi afite imico yangiritse, bityo agomba kurwanira kugera ku ntsinzi. Umuntu wese utangira neza agomba guhera ku mutima we. Reka isengesho rimaramaje rizamuke riturutse mu minwa itaryarya, rivuga riti: “Mana, undememo umutima wera,” maze hazaza igisubizo kivuga ngo: “Nzaguha umutima mushya.” {TM 327.2}

Hari amasomo akeneye kwigwa n'abantu bose bazatera intambwe bagana mu myanya aho bazageragerezwa n'Imana kugira ngo irebe niba bazakomeza kwandikwa buri munsi nk'ibisonga nyakuri kandi byo kwizera by'impano Imana yabiragije. Mbese baba baragaragaje kubaha Imana imbere y'abantu, baba ari abakomeye, aboroheje, cyangwa abo bari ku rwego rumwe? Bakeneye kwishimira ukuri nk'ihame ryuzuye imitima yabo, kugira ngo ukuri gushobore kubeza. Imbaraga irema kandi ihindura y'Umwuka Wera izabagira abafatanyije na Kristo. Bikoreye umutwaro Kristo abikoreza, bashobora kuba intwari mu ntambara binyuze muri we. {TM 328.1}

Umuntu usobanukiwe mu buryo bwuzuye ko ari mu murimo wa Yesu Kristo, azifuza kugirana ubushuti

n'Imana. Azicisha bugufi imbere y'Imana nk'aho ntacyo ari cyo, maze Imana imubere byose. Umuntu nk'uwo aba afatanyije na Kristo, kandi aba akwiriye kuba umuyobozi wa komferanse mu gihugu. Niba agaragaza ko asobanukiwe n'ibiri kubaho, aba yiteguye kujya mu mwanya uwo ari wo wose, hakurikijwe ubunararibonye bwe n'ubumenyi afite. Reka amatorero yumve ko umuntu nk'uwo agomba kugirirwa kandi agashyigikirwa. Bashobora kumusanga maze bakavugana na we. Umuntu nk'uwo ntazigera yumva ko yihagije mu gukora umurimo, nubwo waba uwo kuyobora komferanse mu gihugu, adafite Ubuntu butangwa n'Imana. Ntabwo azahitamo gukora umurimo no kwikorera inshingano wenyine. Binyuze mu kuyoborana ubwenge, azagira uburyo bwiza bwo kumenya impano ziri mu bandi. Azakoresha abo bafite impano, maze abafashe, mu gihe na bo bari kumufasha kwikorera imitwaro ye. {TM 328.2}

Aya ni amateka y'ibihe byabanjirije imyaka y'1890 n'ubutumwa buri mu Bihamya ku Bagabura. Iyi ni ishusho y'uko ibintu byari bimeze n'uburyo byagendaga biba bibi buri kwezi na buri mwaka, ubwo itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi, ryari riri gushaka gutera imbere mu buryo bwagutse mu ivugabutumwa, mu bigo byaryo, no muri gahunda zo kujyana ubutumwa mu turere dushya, hafi ku musozo w'ikinyejana. {TM xxxii.1}

## Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1901

Ellen G. White, akigaruka muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika nyuma y'imyaka icyenda aba muri Australia, yahawe ubutumire bwo kwitabira inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1901, yabereye I Battle Creek. Ni yo nama ya mbere yari yitabiriye mu myaka icumi yari ishize. Uwari umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange, George. A Irwin yavuze ijambo ryo gufungura inama. Maze Ellen White ajya imbere y'abari bateraniye aho, yifuza kugira icyo ababwira. Yavuganye n'inteko y'abari bateranye amaramaje, agaragaza uburyo umurimo w'Imana wagwabijwe no kuba bacye I Battle Creek ari bo bikoreye inshingano ziruta cyane ubushobozi bwabo. Yabahamirije ko umurimo wangijwe ndetse n'abo bakoraga izo nshingano bakangirika ubwo babwiraga abandi ko bagomba kubareberaho ngo babayobore kuri buri ntambwe y'umurimo. Yagaragaje ko hari abantu bari mu myanya y'inshingano batakaje umwuka wo kwiyegurira Imana kandi ari cyo cy'ingenzi mu murimo wabo. Muri iyo nama yavuze akomeje cyane ati: "Icyo dushaka ubu ni ukuvugurura ubuyobozi. Turashaka gutangirira ku rufatiro maze tukubakira ku mahame atandukanye n'ariho ubu." – *Ikinyamakuru cy'Inteko Nkuru Rusange cyo kuwa 03/04/1901* (The General Conference Bulletin). {TM xxxii.2}

Ibyabaye mu byumweru bitatu byakurikiyeho ni inkuru itangaje cyane. Ubutumwa bwahawe agaciro. Benedata

bagiye ku murimo babyitayeho. Hashinzwe za yunyoni, bahuriza hamwe za komferanse mu matsinda mato, aho inshingano zakorwaga n'abantu babaga bari aho umurimo ukorerwa. Amahuriro menshi yari ahagarariye amashami y'ibikorwa by'itorero, nk'umurimo w'ishuri ryo ku Isabato n'umurimo wo kujyana ubutumwa mu turere dushya, yahindutse ibyiciro by'Inteko Nkuru Rusange. Inama Nyobozi y'Inteko Nkuru Rusange yari igizwe n'abantu cumi na batatu, yarongerewe kugera ku bantu makumyabiri na batanu. Mu 1903 inama nyobozi yongeye kwagurwa hiyongeramo abashinzwe ibyiciro bishya by'Inteko Nkuru Rusange byari bimaze kuvuka. Mu myaka mike yakurikiyeho, abantu magana atanu ni bo bari bikoreye inshingano z'Inteko Nkuru Rusange aho kuba itsinda ry'abantu bake bazikoraga mbere y'inama yo mu 1901. {TM xxxiii.1}

Binyuze muri uku kuvugurura imiyoborere, hatanzwe uburyo ku bari bashinzwe umurimo mu mafilidi aho umurimo wakorerwaga kugira ngo babashe gufata ibyemezo birebana n'inshingano bari bafite. Imfatiro zashyizweho zari zikomeye, ku buryo uko itorero ryagiye ryaguka, babashije gutera indi ntambwe maze bashyiraho diviziyo z'Inteko Nkuru Rusange nta kibazo gikomeye kibayeho. Muri iyi gahunda, uturere tunini tw'isi twahurijwe hamwe, yunyoni zihinduka inzego zigize diviziyo. {TM xxxiii.2}

## Ibihano by'Imana ku Bigo by'I Battle Creek

Ariko, ntabwo inama zose zatanzwe na Ellen White mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu 1901 zitaweho. Impinduka zagombaga gukorwa mu bigo byacu bibiri I Battle Creek ntabwo zakozwe. Mbere y'uko hashira amezi cumi n'abiri, mu ijoro ryo kuwa 18/02/1902, ivuriro ryarahiye. Mbere y'uko umwaka w'1902 urangira inzu y'icapiro na yo yahindutse ivu. Iki gihombo gikomeye cy'umutungo w'itorero byemejwe ko ari igihano cyivuye ku Mana, cyatanzwe kubera ko abantu bananiwe kwita ku nama zatanzwe no kuzikurikiza. Imiburo yaratanzwe, ariko itambuka ntawe uyitayeho. Maze noneho Imana ivuga mu buryo nta muntu n'umwe washobora kujijwa. {TM xxxiii.3}

Icyicaro gikuru cy'itorero cyarimuwe cyivanwa I Battle Creek hamwe n'ibibazo byacyo, maze mu mbabazi z'Imana gishingwa I Washington, D.C. Inzu y'icapiro na yo yashyizwe I Washington, D.C, maze abayobozi bafata umwanzuro ko igihe cyose abakozi bakoresha n'ibikoresho by'icapiro byose bigomba kwegurirwa gucapa inyandiko z'ubutumwa bw'itorero ijana ku ijana. Ivuriro ryongeye kubakwa I Battle Creek, ariko mu buryo bubabaje inyungu zaryo zose zamburwa itorero. Kuva ubwo, Battle Creek ntiyongeye kuba ihuriro ry'ibikorwa by'itorero, ubwo

icyicaro cyaryo ku isi cyimurirwaga I Takoma Park[1]. {TM xxxiv.1}

## Keretse Turamutse Twibagiwe

Amateka ashobora kwisubiramo, kandi abantu bashobora gutsindwa n'urubanza ku bwo kwibagirwa. Umuhati mwinshi warakoreshejwe kugira ngo twirinde ko amakosa yakozwe I Battle Creek yakongera gukorwa. Ellen White yaranditse ati: "Nta bwoba dufite bw'ahazaza keretse nituramuka twibagiwe uburyo Uwiteka yatuyoboye." – *Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza, p.31* (Testimonies to Ministers and Gospel Workers). Abayobozi n'abagabura bo mu itorero bahawe ubu butumwa bw'umuburo no gucyaha, kugira ngo bubafashe kwirinda gukora amakosa yo mu myaka yashize. Bityo, mu kwita cyane kuri iyo miburo yihariye, ubutumwa rusange bw'imbuzi bufitanye isano n'imico mbonera n'urwego rw'iby'umwuka bigomba kuranga umurimo w'umugabura. {TM xxxiv.3}

Ellen White, uwo Imana yahishuriye amabanga y'imitima y'abantu n'intege nke ndetse n'inenge z'ikiremwamuntu, ntabwo yigeze abura kugirira ikizere abo Imana yatoranyije ngo bayikorere. Kuri we, kuba Imana yarohererereje abayobye ubutumwa bwo kubacyaha, ntabwo cyari ikimenyetso ko yabataye, ahubwo cyari igihamya cy'urukundo rw'Imana, "kuko uwo Uwiteka akunze ari we

[1] Takoma Park: Ni agace kari mu nkengero z'umugi wa Washington, D.C, ariko kabarirwa mu duce tw'umugi wa Washington.

ahana.” (*Abaheburayo 12:6*). Ntabwo ingorane zaje mu murimo ubwo urugamba rwari rukomeye hagati y’imbaraga z’ikibi n’imbaraga zo gukiranuka zatumye abura ibyiringiro mu mutima we, kuko yabonye ko “nk’abakristo bashikamye kuri Bibiliya, twagiye iteka tunesha” (*Selected Messages, book 2, p.397*), kandi ko “Imana ya Isirayeli ikiyoboye ubwoko bwayo, kandi ko izakomeza kubana nab wo, kugeza ku iherezo.” (*Life Sketches of Ellen G. White, 437, 438*). {TM xxxv.2}

Ntabwo ari umurimo w’abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White gutanga ubusobanuro bw’inama zatanzwe. Ni amahirwe n’inshingano zabo kugaragaza amateka yo mu bihe bimwe, no kugaragaza inama zatanzwe muri ibyo bihe zishobora gufasha umusomyi kumva neza no gusobanukirwa ubutumwa bwatanzwe. Turifuza ko ibi byagerwaho, kandi ko itorero ryayoborwa n’abantu bubaha Imana kugira ngo ritere imbere rinesha mu kurangiza umurimo w’igiciro cyinshi w’Imana. Iki ni cyo cyifuzo cyivuye ku mutima cy’ {TM xxxvi.2}

Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen G. White.

Washington, D.C.

Tariki ya 02 Gicurasi, 1962

“Umwanditsi wese wigishijwe iby’ubwami bwo mu ijuru agereranywa na nyir’urugo utanga ibintu bishya n’ibya kera, abikuye mu bubiko bwe.” Matayo 13:52. {TM 13.1}

# Icyigisho cya 2

## Urupfu rw'Umugabo wanjye

Nubwo ubuzima bw'umugabo wanjye bwari buzengurutswe n'imirimo myinshi, ibyo yagombaga kwitaho ndetse n'inshingano, yujuje imyaka mirongo itandatu umubiri we n'ubwenge bwe bigifite imbaraga. Yikubise hasi inshuro eshatu bitewe no kugagara guturutse ku guturika kw'udutsi two mu bwonko (stroke of paralysis); ariko ku bw'umugisha w'Imana, no kwiyubaka k'umubiri ubwawo mu buryo bufite imbaraga, hamwe no kwitondera amategeko y'ubuzima atajenjetse, byamushoboje gukira. Yarongeye akora ingendo, arabwiriza, kandi arandika afite ishyaka n'imbaraga nk'uko byari bisanzwe kuri we. Njye na we turi kumwe twakoze umurimo wa Kristo imyaka mirongo itatu n'itandatu; kandi twari dufite ibyiringiro ko tuzagumana tugashobora kubona uwo murimo ugera ku ntsinzi iheruka. Ariko ibyo si byo byari ubushake bw'Imana. Uwari waratoranyijwe kuba umurinzi w'ubusore bwanjye, uwo twafatanyije urugendo rw'ubuzima, uwo twasangiye inshingano n'ingorane, yankuwe iruhande, maze nsigara njyenyine ngo ndangize umurimo kandi ndwane n'intambara. {1T 105.3}

Umuhindo n'urugaryi byo mu mwaka w'1881 twabimaze turi kumwe mu rugo rwacu I Battle Creek. Umugabo wanjye yiringiraga ko agiye gutunganya ibijyanye n'imirimo ye kugira ngo tubashe kwimukira ku nkombe

z'inyanja ya Pasifika maze twiyegurire mu murimo wo kwandika. Yumvise twarakoze ikosa ubwo twarekaga umurimo wo kwandika tukemerera ibyari bikenewe mu murimo n'ibyo twasabwaga na benedata byatumye twirundurira mu murimo wo kubwiriza mu gihe twagombaga gukora umurimo wo kwandika. Umugabo wanjye yifuza cyane kugaragaza mu buryo bwuzuye ubwiza bw'ingingo y'agakiza, kandi nanjye nari narifuje cyane gutegura ibitabo by'ingirakamaro. Twembi twumvise ko mu gihe imbaraga zacu z'ibitekerezo zitaragira intege nke tugomba kurangiza ibyo bitabo – ko uwo wari umwenda kuri twebwe kandi ukaba n'umwenda dufitiye umurimo w'Imana kuba turuhutse umuriro w'urugamba, maze tugaha abantu bacu umucyo w'ukuri kw'agaciro kenshi Imana yaduhishuriye. {1T 106.1}

Ibyumweru bicye mbere y'urupfu rw'umugabo wanjye, namwetse ibyiza byo gushaka ahantu ho gukorera umurimo, ahantu tuzaba twitaruye imitwaro yagombaga kutuzaho byanga bikunze mu gihe cyose twaba turi I Battle Creek. Mu kunsubiza yavuze ibintu bitandukanye twagombaga kwitaho mbere yo kugenda – inshingano umuntu agomba gukora. Maze afite amarangamutima menshi arabaza ati: “Abantu bo gukora uyu murimo bari he? Bari hehe, abantu bazakorera kungura ibigo byacu batikanyiza, kandi bazahagarara mu ruhande rw'ukuri, batandujwe n'imbaraga mbi bashobora guhura na yo?” {1T 106.2}

N'amarira azenga mu maso yavuganye agahinda ku bigo by'I Battle Creek ati: "Natanze ubuzima bwanjye kugira nubake ibi bigo. Birasa n'urupfu kubisiga nkagenda. Bimeze nk'abana banjye, sinshobora kubitandukanya n'ibyiza ngomba kubikorera. Ibi bigo ni ibikoresho by'Uwiteka bigomba gukora umurimo wihariye. Satani ashaka kubangamira no kurwanya uburyo bwose Uwiteka akoresha ku bw'agakiza k'abantu. Umwanzi ukomeye naramuka ashoboye guhindura ibi bigo agatuma bikurikiza urugero rw'isi, intego ye izaba igezweho. Mpangayikishijwe cyane no kubona umuntu ukwiriye wo kwita kuri ibi bigo. Niba abari mu myanya y'inshingano ari abanyantege nke mu by'imico mbonera, kandi bakaba ari abantu badashikamye ku mahame, bahengamiye mu cyerekezo cy'isi, abo ni abantu bashobora kuyobywa mu buryo bworoshye. Ntabwo imbaraga z'ikibi zigomba gutsinda. Nahitamo gupfa aho gukomeza kubaho mbona ibi bigo biyobowe nabi, cyangwa bitari gusohoza umugambi watumye bibaho. {1T 106.3}

"Mu byo nakoze muri uyu murimo namaze igihe kirekire nkora mu buryo bwa hafi mu murimo wo kwandika no gushyira ahagaragara ibitabo n'inyandiko. Nikubise hasi inshuro eshatu, bitewe no kugagara (paralysis), kubera ubwitange nagiraga muri iri shami ry'umurimo. None ubwo Imana impaye imbaraga nshya z'umubiri n'iz'ibitekerezo, ndumva nshobora gukora mu murimo Wayo kurusha uko nigeze mbikora mbere. Ngomba kubona umurimo wo kwandika ibitabo no kubishyikiriza

abantu utera imbere. Uyu murimo ufatanye n'ubuzima bwanjye ubwabwo. Ninibagirwa guharanira inyungu z'uyu murimo, ukuboko kwanjye kw'iburyo kuzibagirwe gukora." {1T 107.1}

Twari dufite gahunda yo kwitabira amateraniro yaberaga mu ihema I Charlotte, ku Isabato no kuwa mbere w'Isabato, ku itariki 23 na 24 Nyakanga. Kubera ko ubuzima bwanjye butari bumeze neza, twafashe umwanzuro wo kugenda mu modoka yihariye. Turi mu nzira, umugabo wanjye yasaga n'ufite umunezero, ariko bidatinze umwuka w'icyubahiro wamujeho. Yakomezaga gusingiza Uwiteka ku bw'imbabazi n'imigisha yaduhaye, maze avuga uko yiyumvaga ku birebana n'ibyo twanyuzemo mu bihe byahise n'uko yiyumvaga ku byari biri imbere. Yaravuze ati: "Uwiteka ni mwiza, kandi akwiriye gusingizwa. Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba. Ahazaza hasa n'ahijimye kandi nta byiringiro hatanga, ariko Uwiteka ntazemera ko ibyo bintu bituremerera. Ibyago nibiza, azaduha ubuntu bwo kudushoboza kubyihanganira. Ibyo Uwiteka yadukoreye, bikwiriye kudutera gushima ku buryo tutagomba kwivovota. Imirimo yacu, imitwaro yacu, no kwitanga kwacu ntibizigera na rimwe bishimwa n'abantu bose. Mbonye ko natakaje amahoro y'umutima n'imigisha y'Imana ku bwo kwemera kuhangayikishwa n'ibyo bintu. {1T 107.2}

“Byasaga n’ibinkomereye kubona impamvu zanteraga gukora umurimo zarafatwaga nabi, kandi n’imihati yanjye yo gufasha no gutera umwete benedata ikomeza gukoreshwa mu kundwanya. Ariko nari nkwiriye kwibuka Yesu n’ibyamubabazaga. Umutima we washengurwaga n’uko atemerwaga n’abo yaje guha umugisha. Nari nkwiriye kwibanda ku mbabazi n’ubugwaneza by’Imana, nkayihimbaza cyane, kandi nkareka kwivovotera kuba indashima kwa benedata. Iyo nza kwegurira Uwiteka ibindushya byose, nkirinda gutekereza cyane ibyo abandi bamvuga n’ibyo bakora bandwanya, mba naragize amahoro menshi n’ibyishimo. Uhereye none, nzashaka mbere ya byose kwirinda kugira uwo nkomeretsa mu magambo no mu bikorwa, maze mfashe abavandimwe banjye kugorora inzira z’ibirenge byabo. Ntabwo nzareka kubabazwa n’ikibi cyose nakorewe. Niringiye byinshi ku bantu birenze uko nagombaga kubikora. Nkunda Imana n’umurimo wayo, kandi na benedata na bo ndabakunda.” {1T 108.1}

Uko twagendaga, sinigeze ntekereza cyane ko uru rugendo ari rwo rwari urwa nyuma turi kumwe. Mu buryo butunguranye ikirere cyarahindutse, ubushyuhe butwika busimburwa n’ubukonje. Umugabo wanjye yumvise afite imbeho, ariko yatekerezaga ko afite ubuzima bwiza ku buryo bitari buze gutinda. Yabwirije mu materaniro I Charlotte, yigisha ukuri mu buryo bwumvikana kandi bufite imbaraga. Yavuze uburyo yari yishimiye kwigisha abantu bagaragazaga ubwuzu ubwo babaga bateze amatwi

ingingo yakundaga kwigisha cyane. Yaravuze ati: “Ni ukuri Uwiteka yahembuye ubugingo bwanjye, ubwo namanyaguriraga abandi umutsima w’ubugingo. Muri Mishigani hose abantu barimo guhamagara basaba gufashwa. Mbega uburyo nifuza kubahumuriza, no kubatera umwete, no kubakomeza nkoresheje ukuri kw’igiciro kugenewe ki gihe!” {1T 108.2}

Ubwo twari turi gutaha, umugabo wanjye yavugaga ko yumva atameze neza, ariko ko bidakomeye, maze akomeza imirimo ye nk’ibisanzwe. Buri gitondo twasuraga agashyamba kari hafi y’urugo rwacu, maze tugasengera hamwe twembi. Twari dushishikajwe no kumenya inshingano yacu. Amabaruwa yakomezaga kuza avuye ahantu hatandukanye, adusaba kwitabira amateraniro makuru. Nubwo twari twariyemeje kwiyegurira mu murimo wo kwandika, byari bikomeye kwanga guhura na benedata muri ayo materaniro y’ingenzi. Twasenze Imana tuyinginga ngo iduhe ubwenge bwo kumenya inzira ikwiriye. {1T 108.3}

Ku Isabato mu gitondo, nk’ibisanzwe, twagiye mu gashyamba turi kumwe, maze umugabo wanjye asengana umwete inshuro eshatu. Yasaga n’udashaka kureka kwinginga Imana ayisaba kutuyobora mu buryo bwihariye no kuduha umugisha. Amasengesho ye yarumvikanye, maze amahoro n’umucyo byuzura imitima yacu. Yahimbaje Uwiteka, maze aravuga ati: “Ubu ibyanjye byose mbyeguriye Yesu. Ndumva mfite amahoro meza yo

mvajuru, igihamya cy'uko Uwiteka azatwereka inshingano yacu; kuko twifuza gukora ibihuje n'ubushake bwe." Yaramperekeje tujyana mu rusengero, maze atangiza amateraniro n'indirimbo hamwe n'isengesho. Yari inshuro ya nyuma duhagararana ku ruhimbi. {1T 109.1}

Kuwa mbere w'Isabato yagize imbeho nyinshi, maze ku munsi wakurikiyeho nanjye ndafatwa. Twembi batujyanye mu ivuriro ngobatwiteho. Kuwa gatandatu w'Isabato ibimenyetso nagaragazaga byatangaga icyizere. Maze umuganga amenyesha ko umugabo wanjye yashakaga gusinzira, kandi babona ko ari mu kaga. Bahise banjyana mu cyumba yari arimo, maze nkimureba mu maso mpita menya ko ari gupfa. Nagerageje kumukangura. Yumvaga ibintu byose twamubwiraga, kandi agasubiza ibibazo byose byashoboraga gusubizwa na Yego cyangwa Oya, ariko byasaga nk'aho adashobora kugira ikindi arenzaho. Ubwo namubwiraga ko ntekereza ko arimo gupfa, ntabwo yigeze agaragaza ko bimutunguye. Namubajije niba Yesu yari uw'igiciro kuri we. Aravuga ati: "Yego, yego rwose." Ndamubaza nti: "Mbese nta cyifuzo cyo kubaho ufite?" Aransubiza ati: "Oya." {1T 109.2}

Maze dupfukama iruhande rw'igitanda cye, ndamusengera. Indoro y'amahoro yaje mu maso he. Naramubwiye nti: "Yesu aragukunda. Amaboko y'iteka araguteruye." Aransubiza ati: "Yego, yego." {1T 109.3}

Mwenedata Smith na benedata bandi bazengurutse igitanda cye barasenga, maze bareka kumara igihe kinini

cy’ijoro bari gusenga. Umugabo wanjye yavuze ko nta bubabare yumvaga; ariko yari arimo gucika intege mu buryo bwihuse. Dogiteri Kellog n’abamufashaga bakoze ibyo bari bashoboye byose kugira ngo bamubuze gupfa. Habayeho kuzanzamuka buhoro, ariko yakomeje gucika intege. {1T 109.4}

Mu gitondo cyakurikiyeho yasaga n’uwazanzamutse ho gato, ariko nka sasita agira imbeho, yatumye atakaza ubwenge. Sakumi n’imwe za nimugoroba, ku Isabato, tariki ya 06/08/1881, yahumetse umwuka we wa nyuma, atababaye kandi ataniha. {1T 110.1}

Agahinda k’urupfu rw’umugabo wanjye – mu buryo butunguranye, mu buryo ntari niteguye – rwarandemereye cyane mu buryo bukomeye. Mu ntege nke nari mfite nasabye Imana imbaraga kugira ngo mbashe kuguma iruhande rw’uburiri bwe kugeza ku munota wa nyuma, ariko ubwo nabonaga amaso ye ahumirije amaze gupfa, naratentebutse, nshika intege rwose. Ibihe bimwe numvaga ndi hagati y’ubuzima n’urupfu. Byasaga nk’aho urumuri rwakaga gahoro ku buryo guhumeka gusa byari kuruzimya. Nijoro gutera k’umutima wanjye kwagendaga gucika intege, no guhumeka kwanjye kuragabanuka kugeza ubwo numvise kugiye guhagarara. Ku bw’umugisha w’Imana gusa no kubwo kwitabwaho n’umuganga hamwe n’abantu twari turi kumwe ubuzima bwanjye bwararinzwe. {1T 110.2}

Nubwo ntari nigeze mbyuka ku gitanda nari ndwariyeho nyuma y'urupfu rw'umugabo wanjye, najyanywe mu rusengero ku Isabato yakurikiyeho kugira ngo mbashe kwitabira umuhango wo kumushyingura. Ikibwiriza kirangiye numvise mfite inshingano yo gutanga ubuhamya ku gaciro k'ibyiringiro by'umukristo mu isaha y'umubabaro n'agahinda ko kubura abacu. Ubwo nahagurukaga, nahawe imbaraga, maze mvuga mu gihe cy'iminota icumi, nerereza imbabazi n'urukundo by'Imana imbere y'iryo teraniro ry'abantu benshi. Amateraniro arangiye nakurikiye umugabo wanjye mu irimbi rya Oak Hill, aho yashyizwe ngo aruhuke kugeza mu gitondo cy'umuzuko. {1T 110.3}

Imbaraga z'umubiri wanjye zari zanshizemo kubera urupfu rw'umugabo wanjye, ariko imbaraga z'ubuntu mvajuru zarankomeje mu gahinda gakomeye nari ndimo. Ubwo nabonaga umugabo wanjye ahumeka umwuka we wa nyuma, numvise Yesu ambereye uw'igiciro cyinshi kuruta ikindi gihe cyose mu buzima bwanjye. Ubwo nari mpagaze iruhande rw'umwana wanjye w'imfura ubwo yapfaga, maze ngafunga amaso ye, nashoboraga kuvuga nti: "Uwiteka ni we wabimpaye, kandi Uwiteka ni we ubintwaye. Izina ry'Uwiteka rishimwe." (*Yobu 1:21*). Maze numva ko mfite Yesu wo kumpumuriza. Ubwo napfushaga umwana wanjye w'umuhererezi, maze sinongere by'iteka kubona umutwe we ku musego andi iruhande, nashoboraga kuvuga nti : "Uwiteka ni we wabimpaye, kandi Uwiteka ni we ubintwaye. Izina ry'Uwiteka

rishimwe.” (*Yobu 1:21*). Maze ubwo uwo nari naragiye nishingikiriza ku rukundo rwe rwinshi, uwo twari twarakoranye umurimo imyaka mirongo itatu n’itandatu yankurwagaho, nashoboye gushyira ibiganza byanjye ku maso ye, maze mbwira Imana nti: “Nkubikije ubutunzi bwanjye kugeza mu gitondo cy’umuzuko.” {1T 110.4}

Ubwo namubonaga apfa, maze nkabona inshuti nyinshi zingaragariza urukundo, naratekereje nti: “Mbega uburyo ibi bihabanye n’urupfu rwa Yesu ubwo yari amanitse ku musaraba! Mbega itandukaniro!” Mu isaha ye y’umubabaro, abakobanyi bari bari kumusekaga bamukwena. Ariko yarapfuye, maze anyura mu mva ayimurikishiriza ubwiza bwe n’umucyo we, kugira ngo tuzagire ibyishimo n’ibyiringiro no mu gihe urupfu rutugezeho; kugira ngo mu gihe dushyingura inshuti zacu ngo ziruhukire muri Yesu, tubashe kuvuga tuti: Tuzongera duhure na zo. {1T 111.1}

Ibihe bimwe sinashoboraga kwiyumvisha ko umugabo wanjye yapfuye. Ariko nasaga n’uri kubwirwa aya magambo ngo : “Komera, kandi umenye ko ndi Imana.” Numva naratakaje ikintu gikomeye, ariko sinjya ntinyuka kwemerera agahinda katari ngombwa kunyigarurira. Ibi ntibishobora kugarura uwapfuye. Kandi ntabwo ndi umuntu wikanyiza ku buryo nakwifuza ko, ndamutse mbishoboye, namukura mu bitotsi bye by’amahoro ngo yongere kugaruka mu ntambara zo muri ubu buzima. Nk’indwanyi inaniwe, yaryamye hasi ngo asinzire. Nzajya

ndeba aho aruhukiye mfite ibyishimo. Uburyo bwiza njye n'abana banjye dushobora kumwibuka tumuha icyubahiro, ni ugukomeza umurimo duhereye aho yari agejeje, maze mu mbaraga za Yesu tukawukomeza kugeza urangiye. Tuzashimira Imana imyaka yo gukora ari ingirakamaro yamuhaye; maze ku bwe, no ku bw'icyubahiro cya Kristo, tuzavana isomo tutazibagirwa mu rupfu rwe. Icyi cyunamo kizadutera kuba abagwaneza n'abanyabwuzu, abihanga, n'abazirikana bagenzi bacu bakiri bazima. {1T 111.2}

Nikoreye umutwaro w'inshingano z'ubuzima njyenyine, ariko mfite icyizere cyuzuye ko umucunguzi wanjye ari kumwe nanjye. Dufite igihe gito gusa cyo kurwana intambara; hanyuma Kristo azagaruka, maze iyi ntambara irangire. Bityo imihati yacu iheruka izaba yareguriwe gukorana na Kristo, yarateje imbere ubwami Bwe. Bamwe mu bahagaze ku ruhembe rw'imbere ku rugamba, barwanya ikibi bafite ishyaka ryinshi, baguye bari mu myanya y'inshingano; abazima barebana umubabaro mwinshi intwari ziguye, ariko nta gihe cyo kureka gukora. Bagomba kuziba icyuho mu mirongo y'ingabo; bagomba gufata ibendera ryari riri mu biganza by'abatwawe n'urupfu, maze mu mbaraga nshya bakarwanirira ukuri n'icyubahiro cya Kristo. Bagomba kurwanya icyaha kurusha mbere – bakarwanya imbaraga z'umwijima. Igihe turimo kirasaba imbaraga no kumaramaza ku ruhande rw'abizera ukuri kw'iki gihe. Niba igihe cyo gutegereza umucunguzi wacu ugiye kuza gisa nk'aho kibaye kirekire;

niba mu gucogozwa n'amakuba n'umuruho twumva tutakibasha gutegereza kuvanwa ku rugamba mu cyubahiro, reka twibuke – kwibuka bituma tugenzura ijambo ryose ryo kwivovota – twibuke ko tukiri mu isi aho duhura n'imiraba n'intambara, kugira ngo tugire imico ya Gikristo itunganye, kugira ngo tumenye neza Imana Data wa twese, na Yesu Kristo Umuvandimwe wacu mukuru, no kugira ngo dukorere Umwami umurimo wo kuzana imitima myinshi kuri Kristo. "Kandi abanyabwenge bazarabagirana nk'umucyo wo mu isanzure ry'ijuru, n'abahinduriye benshi ku bukiranutsi bazaka nk'inyenyeri iteka ryose." (*Daniyeli 12:3*). {1T 111.3}

## Icyigisho cya 3

## Kwitandukanya n'Isi

Benedata na Bashiki banjye,

Imana yateganyije ko umucyo w'itorero ugomba kwiyongera kandi ukagenda urushaho kumurika ugana ku munsi wo gutungana. Amasezerano y'igiciro cyinshi yahawe ubwoko bw'Imana niburamuka bwumviye. Niba mwarakurikiye Uwiteka mu buryo bwuzuye nka Kalebu na Yosuwa, Azerekana imbaraga Ze zikomeye hagati muri mwe. Abanyabyaha bakabaye barihannye, n'abasuyibiye inyuma baragarutse, ku bw'imbaraga y'imibereho yanyu; ndetse n'abanzi bo kwizera kwacu, nubwo barwanya ukuri bakakuvuga nabi, bashoboraga kwemera ko Imana iri kumwe namwe. {2T 124.2}

Benshi mu bavuga ko ari ubwoko bw'Imana bwihariye, basa nk'ab'isi ku buryo imico yabo yihariye itagaragara, kandi biragoye gutandukanya "abakorera Imana n'abatayikorera." Imana yari gukorera abantu bayo ibikomeye iyo baramuka bavuye hagati y'ab'isi bakitandukanya na bo. Iyo baramuka biyeguriye kuyoborwa na Yo, Yari kubagira abatangarirwa mu isi yose. Umuhamya w'Ukuri aravuga ati: "Nzi imirimo yawe." Abamarayika b'Imana bakorera abazaragwa agakiza bazi imiterere y'abantu bose kandi basobanukiwe n'urugero rwo kwizera buri wese afite. Kutizera, ubwibone, kwirata, no gukunda isi, biri mu mitima y'abavuga ko ari ubwoko

bw'Imana, byababaje abamarayika bera. Ubwo babonaga ibyaha bibabaje kandi byo kwihandagaza mu mitima y'abavuga ko bakurikira Kristo, kandi bakabona uburyo Imana yasuzuguwe ku bw'icyitegererezo cyabo cyidatunganye, byabateye kurira cyane. Nyamara kandi, abahamwa n'icyaha kurusha abandi, abateza gucika intege mu itorero kurusha abandi kandi bagashyira icyasha ku byo bavuga ko bizera, basa n'abatabyitayeho, ariko bagasa n'abumva ko bari gukurira mu Mwami. {2T 125.1}

Abantu benshi bizera ko bari ku rufatiro rw'ukuri, kandi ko bafite ukuri; bishimira kuba basobanukiwe ukuri kandi bakirata ibihamya bikomeye bigaragaza ko uruhande turimo ari rwo rw'ukuri. Abo bantu bibara mu bwoko bwatoranyijwe, mu bantu b'Imana b'umwihariko, ariko ntabwo babana n'Imana n'imbaraga yayo yo kubakiza kugwa mu bishuko no mu bupfu. Bavuga ko bazi Imana ariko bakayihakanisha imirimo yabo. Mbega uburyo umwijima wabo ari mwinshi! Urukundo rw'iby'isi ku bantu benshi, n'ibihendo by'ubutunzi ku bandi, byanize ijambo ry'Imana, maze ntibera imbuto. {2T 125.2}

Neretswe ko itorero ry'----- ryakiriye umwuka w'isi maze rihinduka akazuyazi ku rwego ruteye inkeke. Mu gihe hariho imihati yo gutunganya ibintu mu itorero no kuzana abantu mu mwanya Imana yifuza ko bagomba kubamo, hari itsinda ry'abantu bazagirwaho ingaruka nziza n'uwo murimo, maze bakore uko bashoboye ngo bave mu

mwijima bajye mu mucyo. Ariko abantu benshi ntibashikama igihe kirekire mu mihati yabo ngo babone imbaraga y'ukuri yeza mu mitima yabo no mu mibereho yabo. Amaganya y'isi atwikira ubwenge bwabo ku buryo kwisuzuma n'isengesho ry'umutima byirengagizwa. Ingabo ibakingira ikurwaho maze Satani akabageraho bitamuruhije, akagusha ikinya ubushobozi bwabo bwo kumva kandi akabatera kutagirira amakenga ubuhendanyi bwe. {2T 126.1}

Abantu bamwe ntibagaragaza icyifuzo cyo kumenya uko bahagaze by'ukuri ngo babashe gucika imitego ya Satani. Bararwaye kandi bari gupfa. Rimwe na rimwe bashyushywa n'umuriro w'abandi, ariko bafite ubukonje buterwa n'ubunyamuhango, ubwibone, no gutwarwa n'isi ku buryo batumva ko bakeneye ubufasha. {2T 126.2}

Hari abantu benshi bafite ubukene bukomeye mu by'umwuka kandi badafite Ubuntu bwa Kristo. Bari bakwiriye kwikorera inshingano zera buri munsi uko babona ibihe by'akaga turimo n'imbaraga zo kwangirika zitwugarije. Ibyiringiro byabo rukumbi byo kuba abafatanyije kamere n'Imana ni uguhunga kwangirika kuri mu isi. Aba benedata bakeneye ubunararibonye bwimbitse kandi bw'ukuri mu bintu by'Imana kandi bashobora kububona gusa bagize umuhati ku rwabo ruhande. Umwanya barimo ubasaba kuba maso cyane badacogora, kugira ngo batazasangwa basinziriye ku

nshingano zabo. Satani n'abamarayika be ntibajya basinzira. {2T 126.3}

Abakurikira Kristo bagomba kuba ibikoresho byo gukiranuka, abakozi b'abanyamwete, amabuye mazima, amurika umucyo, kugira ngo abamarayika bo mu ijuru bashishikarire kubana na bo. Basabwa kuba imiyoboro, umwuka w'ukuri no gukiranuka bizanyuramo. Abantu benshi bigaruriwe cyane n'umwuka n'imbaraga by'isi ku buryo bakora nk'uko ab'isi bakora. Bafite ibyo bakunda n'ibyo banga, kandi ntibabona ubwiza bw'imico iboneye. Imyitwarire yabo ntabwo iyoborwa n'amahame atunganye ya Gikristo; bityo bitekerezaho ubwabo, bagatekereza ku munezero n'ibyishimo byabo gusa, batitaye ku bandi. Ntabwo bereshejwe ukuri, bityo, ntibabona uburyo abakurikira Kristo bakwiriye kugaragaza ubumwe imbere y'ab'isi. Abakundwa n'Imana cyane ni babandi batiyiringira na gato kandi bafite umwuka wo gutuza no kwiyoroshya; bafite imibereho itunganye kandi itarimo inarijye, kandi bafite imitima ibogamira ku kumvira, ubutabera, ubutungane, no kwera nyakuri binyuze mu rugero rw'umwuka wa Kristo bakiriye. {2T 126.4}

Iyaba abantu bose biyeguriraga Imana, umucyo w'igiciro cyinshi wari kumurika ubaturutseho, ukagira imbaraga ihindura abantu bose bari guhura na bo. Ariko ubu abantu bose bakeneye gukorerwa umurimo. Bamwe bari kure y'Imana, barahindagurika kandi ntibahama hamwe nk'amazi; nta gitekerezo bafite cyo kwitanga. Iyo hari icyo

bararikiye cyangwa umunezero bifuza, cyangwa umwambaro bashaka, ntabwo batekereza ngo babanze kureba niba badashobora kubaho ibyo bararikiye batabifite, cyangwa ngo bigomwe uwo munezero, maze bahe Imana ituro ry'ubushake. Ni bangahe bigeze batekereza ko basabwa kugira icyo bigomwa? Nubwo cyaba gifite agaciro kari munsi y'icyatanzwe n'umukire utunze ibya mirenge, ariko akaba yagitanze ku bwo kwigomwa, kizaba ari igitambo cy'agaciro kenshi, n'ituro ku Mana. Kizaba ari umubavu uhumura neza uzazamuka uturutse ku gicaniro cye. {2T 127.1}

Abasore ntabwo bemerewe gukoresha ubutunzi bwabo uko bashaka, batitaye ku byo Imana isaba. Kimwe na Dawidi bakwiriye kuvuga bati: "Sinabasha gutambira Uwiteka Imana yanjye ibitambo byoswa, ntabitanzeho ibyanjye." (*2Samweli 24:24*). Abasore batanze amafaranga menshi kugira ngo bifotoze amafoto menshi gusa. Iyaba bose bashoboraga kubara ingano y'amafaranga batanze kubera iyi mpamvu, basanga ari amafaranga menshi bitangaje. Kandi iyi ni inzira imwe gusa amafaranga aba yarapfushijwemo ubusa, agatangirwa guhaza inarijye, kandi nta n'inyungu umuntu akuramo. Kubera uku gusesagura, abapfakazi n'imfubyi ntibafashijwe, abashonje ntibagaburiwe, abambaye ubusa ntibambitswe. {2T 127.2}

Mu gihe amafaranga apfushwa ubusa ku bwo guhaza inarijye, udufaranga ducye ni two tuzanwa nk'ituro ryo

gutura Imana na two bakatuzana batabishaka. Mbese ni amafaranga angana iki abasore bunguka maze bakayazana mu bubiko bw'inzu y'Imana kugira ngo afashe mu guteza imbere umurimo wo gukiza imitima. Batanga urumiya buri cyumweru kandi bakumva batanze byinshi. Ariko ntabwo bazi ko ari ibisonga by'Imana kuri bicye bafite ku rwego rumwe n'urwo abatunzi ari ibisonga by'Imana kuri byinshi batunze. Bibye Imana kugira ngo binezeze, bahaza irari ryabo n'ipfa ryabo, badatekereza ko Imana izagenzurana ubwitonzi uko bakoresheje ibyo batunze. Mu gihe bene abo banezeza ibyifuzo byabo batazuyaje maze bakima Imana amaturo bari bakwiriye kuyiha, ntabwo izigera yemera utwo dufaranga bazana mu bubiko bw'inzu y'Imana nk'uko itigeze yemera ituro rya Ananiya n'umugore we Safira, bagambiriye kwiba Imana mu byo bagombaga kuyitura. {2T 128.1}

Nk'ikintu rusange, abasore bo muri twe bomatanye n'isi. Ariko bacye ni bo bagikomeza kurwana intambara yihariye yo kurwanya umwanzi w'imbere, bacye ni bo bifuza cyane kumenya no gukora ibyo Imana ishaka. Bacye ni bo bafite inzara n'inyota byo gukiranuka, kandi bacye ni bo bafite icyo bazi ku murimo wa Mwuka w'Imana wo kubacyaha no kubahumuriza. Mbese abavugabutumwa bari he? Mbese abantu bafite kwiyanga no kwitanga bari he? Mbese abikoreye umusaraba bari he? Inarijye no kwishakira inyungu byamize amahame meza yo kubahwa. Ibintu by'iteka ryose nta buremere bifite mu bitekerezo. Imana iri gusaba buri muntu ku giti cye kugera ku rwego rwo

kwitanga wese. “Ntimubasha gukorera Imana n’ubutunzi.” (*Matayo 6:24*) Ntabwo mushobora gukorera inarijye kandi ngo mube abagaragu ba Kristo icyarimwe. Mugomba gupfa ku narijye, mugomba gupfa ku rukundo rwanyu rwo kwinezeza, maze mwige kubaza muti: Mbese Imana izanezezwa n’ibintu ngambiriye gutangaho aya mafaranga? Mbese nzayihesha icyubahiro? {2T 128.2}

Niba turya, cyangwa tunywa, cyangwa dukora ikindi kintu cyose, tugomba gukorera byose guhimbaza Imana. Ni bangahe bakoze bayobowe n’amahame mazima aho gukora bayobowe n’ibyo bibwira, maze bakumvira iri tegeko nk’uko ryanditse? Ni abasore bangahe b’abigishwa muri ----- bizeye Imana kandi bakayigira umugabane wabo, maze bagashishikarira kumenya no gukora ibyo Ishaka? Hari benshi b’abagaragu ba Kristo ku izina, ariko bakaba atari bo mu by’ukuri. Aho ihame ry’iyobokamana nyakuri ari ryo riyobora, akaga ko gukora amakosa akomeye kaba ari gacye; kubera ko inarijye, ari yo ihuma amaso kandi igashukana, iba yarashyizwe hasi. Icyifuzo nyakuri cyo gukorera abandi ibyiza ni cyo cyiba cyiganje ku buryo inarijye yibagirana. Kugira amahame atajegajega y’iyobokamana ni ubutunzi butagira akagero. Ni yo mbaraga itunganye, ihanitse, kandi yo ku rwego rwo hejuru abantu bapfa bashobora kugira. Abo bafite inkomangiro ishikamye. Buri gikorwa cyose kiritonderwa, kugira ngo kidakomeretsa abandi bakajyanwa kure ya Kristo. Isengesho ry’umutima rihora ari iri ngo: Uwiteka, ni gute nagukorera neza, maze nkahesha izina ryawe

icyubahiro mu isi? Ni gute nakwitwara mu mibereho yanjye kugira ngo izina ryawe rihimbazwe mu isi, kandi nyobore abandi ku kugukunda, kugukorera, no kukubaha? Reka ubushake bwawe abe ari bwo nifuza kandi abe ari bwo mpitamo gusa. Reka amagambo n'icyitegererezo cy'Umukiza abe ari byo bimurikira umutima wanjye kandi biwuhe imbaraga. Mu gihe mukurikira kandi nkamwizera, ntabwo azandeka ngo ndimbuke. Azambera ikamba ry'ibyishimo. {2T 129.1}

Niba twitiranya ubwenge bw'umuntu tukishuka ko ari ubwenge bw'Imana tuzayobywa n'ubupfu bw'ubwenge bw'umuntu. Aha ni ho hari akaga ka benshi muri -----. Ntabwo bafite ubunararibonye bwabo ku giti cyabo. Ntabwo bimenyereje ubwabo gusuzuma basenga, badafite urwicyekwe, kandi batabogamye, ibibazo n'ingingo nshya bishobora kwaduka. Bategereza kuzareba icyo abandi batekereza. Niba abo babyanze, bahita babona ko ari cyo bari bacyeneye kugira bemere ko ingingo yari iri gusuzumwa nta kandi gaciro ifite. Nubwo itsinda ry'abameze batyo ari rinini, ntabwo bivanaho ko ari abantu badafite ubunararibonye kandi bafite ibitekerezo by'ibinyantege nke bitewe no gutsindwa n'umwanzi igihe kirekire, kandi bazahora bameze nk'abana bato barwaye, bagendera mu mucyo w'abandi, babeshejweho n'ubunararibonye bw'abandi, biyumva nk'uko abandi biyumva, kandi bagakora nk'uko abandi bakora. Bakora nk'aho badafite uko bateye kwihariye. Ibibaranga byabo byigaruriwe n'abandi; ni amapica y'abo batekereza ko bari

mu kuri. Keretse gusa nibakanguka bakabona uburyo imico yabo idahamye kandi bakayikosora, naho ubundi bazabura ubugingo buhoraho; ntabwo bazashobora kunyura mu kaga ko mu minsi ya nyuma. Ntabwo bazagira imbaraga zo kurwanya umubi, kubera ko batazamenya ko ari we. Buri gihe hagomba kuba hari umuntu iruhande rwabo wo kubabwira ko ubasatiriye ari umwanzi cyangwa ko ari inshuti. Ntabwo ari ab'umwuka, bityo ntabwo babasha kumenya iby'umwuka. Ntabwo ari abanyabwenge mu birebana n'ubwami bw'Imana. Yaba umusore cyangwa umusaza, nta n'umwe ufite urwitwazo rwo kwizera undi muntu ngo yishingikirize ku bunararibonye bwe. Marayika yaravuze ati: "Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishima amaboko ye." (*Yeremiya 17:5*). Kwishingikiriza ku Mana kwa buri muntu ku giti cye kuracyenewe mu buzima n'urugamba bya Gikristo. {2T 129.2}

Abagabo, abagore, abasore, Imana ibasaba kugira umwete mu by'imico mbonera, imigambi ihamye, ubutwari no kwihangana, ibitekerezo bidashobora kugendera ku byo undi yemeje, ahubwo byigenzurira mbere yo kwemera cyangwa guhakana, ibitekerezo byiga kandi bigasuzuma ibihamya bifatika, maze bikajyana ibyo bintu imbere y'Uwiteka mu isengesho. "Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa." Ariko ibisabwa ni ibi: "Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, ujyanwa

n'umuyaga ushushubikanywa. Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n'Umwami Imana." (*Yakobo 1:5-7*). Iri sengesho ryo gusaba ubwenge ntabwo rigomba kuba isengesho ridafite icyo rivuze, rya rindi ryibagirana umuntu akimara kurisenga. Ni isengesho rigaragaza icyifuzo gikomeye kandi cyimbitse cy'umutima, riturutse mu mutima wemera rwose ko ubuze ubwenge bwo kumenya ubushake bw'Imana. {2T 130.1}

Nyuma yo gusenga, niba utabonye igisubizo ako kanya, ntukarambirwe gutegereza ngo utagire kujarajara. Reka kujya hirya no hino. Shikama ku isezerano, "Ibahamagara ni iyo kwizerwa, no kubikora izabikora." (*1Abatesalonike 5:24*). Nka wa mupfakazi watitirije, bwira Imana ikibazo cyawe ufite umugambi uhamye. Mbese icyo usaba ni ingenzi kandi kigufiteho ingaruka zikomeye? Yego ni byo. Noneho rero komera ushikame, kubera ko kwizera kwawe gushobora kuba kuri kugeragezwa. Niba icyo wifuza gifite agaciro, gikwiriye gushakanwa umuhati ukomeye kandi udacogora. Ufite isezerano; ba maso kandi usenge. Shikama kandi isengesho ryawe rizasubizwa; mbese Imana si yo yabisezeranye? Niba icyo ushaka hari ikiguzi kigusaba uzagiha agaciro nukibona. Wabwiwe neza ko niba ushidikanya umeze nk'umuraba wo mu nyanja, ujyanwa n'umuyaga ushushubikanywa kandi ko utagomba kwibwira ko uzagira icyo uhabwa n'Umwami Imana. Aha hatanzwe umuburo ko utagomba guhangayika, ko ahubwo ugomba gutuza ugashikama ku

isezerano. Nusaba, Izaguha rwose kandi itishama. {2T 131.1}

Hano ni ho abantu benshi bakorera ikosa. Ntabwo bashikama ku mugambi wabo, maze kwizera kwabo kugatsindwa. Iyi ni yo mpamvu ntacyo bahabwa n'Uwiteka, we Soko y'imbaraga zacu. Nta n'umwe ukwiriye kujya mu mwijima, agenda asitara nk'impumyi; kubera ko Uwiteka yatanze umucyo nibaramuka bemeye kugendera mu nzira Ye, aho guhitamo inzira yabo ubwabo. Asaba abantu bose gukorana umwete n'ubushishozi inshingano zabo za buri munsi. By'umwihariko ibi bisabwa abantu bose bakora mu murimo w'ingenzi kandi w'icyubahiro wo kwandika ibitabo no kubigeza ku bantu, kuva ku bikoreye inshingano ziremereye muri uwo murimo, kugeza ku bikoreye inshingano ntoya kurusha abandi. Ibi bishobora gukorwa gusa ku bwo guhanga amaso ku Mana kugira ngo ibahe ubushobozi bwo gutuma bakora icyiza mu maso y'ijuru, bagakora ibintu byose batayobowe n'impamvu zo kwikanyiza, bakabikora nk'aho babona ijisho ry'Imana riri kureba abantu bose, rikagenzura ibikorwa byabo. {2T 131.2}

Icyaha gikunzwe n'abantu ku rwego runini, kandi akaba ari cyo cyidutandukanya n'Imana maze cyikabyara umuvurungano mu by'umwuka kandi ugakwira hose, ni inarijye. Ntabwo hashobora kubaho guhindukirira Uwiteka keretse gusa binyuze mu kwiyanga. Twebwe ubwacu ntacyo twakwishoboza; ariko binyuze mu

mbaraga duhabwa n'Imana, dushobora kubaho dukorera abandi ibyiza, kandi muri ubwo buryo tugakumira ibibi by'inarijye. Ntabwo dukeneye kujya mu bihugu bya kure kugira ngo twerekane icyifuzo cyacu cyo kwegurira Imana byose ngo bikoreshwe mu buryo no mu mibereho itarangwamo inarijye. Dukwiriye kubikorera mu rugo, mu itorero dusengeramo, mu bo duhura na bo no mu bo dukorana. Mu buzima bwacu busanzwe ni ho tugomba kuzinukwa inarijye kandi tukayinesha. Pawulo yashoboraga kuvuga ati: "Mpora mpfa uko bukeye." (*1Abakorinto 15:31*). Gupfa ku narijye buri munsi mu mirimo yoroheje yo mu buzima ni byo bitugira abaneshi. Tugomba kwibagirwa inarijye ku bwo kwifuza gukorera abandi ibyiza. Abantu benshi bafite ubukene bukomeye bw'urukundo bakunda abandi. Aho gukora inshingano zabo bakiranutse, bishakira kwizeza ubwabo. {2T 132.1}

Mu buryo bwiza, Uwiteka aha abantu bose bamukurikira inshingano yo guhesha abandi umugisha bakoresheje imbaraga zabo n'ubutunzi bwabo, no gushaka ubwenge butangwa n'Imana buzabashoboza gukora ibishoboka byose bagateza imbere ibitekerezo n'urukundo by'abantu bose bahura na bo. Mu gukorera abandi, bazagira ubunararibonye bwo kunyurwa kwiza, bazabona amahoro yo mu mutima nk'ingororano ihagije. Mu gihe bakoreshwa n'icyifuzo gihanitse kandi gitunganye cyo gukorera abandi ibyiza, bazabonera umunezero nyakuri mu gusohoza inshingano zo mu buzima bakiranutse. Ibi bizabazanira ibiruta ingororano zo mu isi; kubera ko buri gikorwa cyose

gikoranywe gukiranuka no kutikanyiza cyandikwa n'abamarayika kandi cyikarabagirana mu gitabo cyandikwamo ibyakozwe mu buzima. Mu ijuru nta n'umwe uzitekerezaho, nta n'umwe uzishakira ibyamunezeza ubwe; ahubwo abantu bose, biturutse ku rukundo rutunganye kandi nyakuri, bazashaka umunezero w'ibiremwa byo mu ijuru bibazengurutse. Niba twifuza kuzishimira kuba mu muryango w'ab'ijuru mu isi nshya, tugomba kuyoborwa n'amahame y'ijuru hano ku isi. {2T 132.2}

Buri gikorwa cyose cyo mu buzima bwacu kigira ingaruka ku bandi mu ruhande rwiza cyangwa rubi. Imbaraga dushyira ku bandi iba ari ibazamura cyangwa ibamanura; bayiyumvamo, ikabakoreramo, kandi ku rwego runini cyangwa ruto na bo bayigeza ku bandi. Niba ku bw'icyitegererezo cyacu dufasha abandi guteza imbere amahame meza, tuba tubahaye imbaraga yo gukora icyiza. Na bo bakoresha ya mbaraga y'ingirakamaro ku bandi, maze muri ubwo buryo abantu ibihumbi byinshi bakagirwaho ingaruka n'imbaraga yaduturutseho tutabizi. Niba ku bw'ibikorwa byacu dukomeza imbaraga z'ikibi zifitwe n'abatuzengurutse, tuba dusangiye icyaha na bo, kandi tuba tugomba kuzabazwa ibyiza twari kuba twarabakoreye tukaba tutarabikoze, bitewe n'uko tutagize Imana imbaraga zacu, umuyobozi wacu, n'umujyanama wacu. {2T 133.1}

## Icyigisho cya 4

## Kwanga Umucyo

Imana irabwira abagaragu Bayo iti: "Shyira ejuru uvuge cyane we kugerura, rangurura ijwi ryawe nk'ikondera ubwire ubwoko bwanjye ibicumuro byabwo, ubwire inzu ya Yakobo ibyaha byabo." [*Yesaya 58:1*]. Ariko iyo ibihamya nyakuri kandi bidakebakeba biri kuva mu minwa ikoreshwa n'Umwuka w'Imana, hari benshi babwakirana agasuzuguro. Hari benshi muri twe, bakoresheje ibikorwa byabo, rimwe na rimwe n'amagambo yabo bavuga bati: "babwira bamenya bati "Ntimukarebe", bakabwira n'abahanuzi bati "Ntimukaduhanurire iby'ukuri, ahubwo mujye mutubwiriza ibyoroheje muhanure ibinyoma, muve mu nzira muteshuke, mutume Uwera wa Isirayeli atuvamo rwose." Nuko Uwera wa Isirayeli aravuze ngo "Kuko muhinyuye iri jambo, mukiringira agahato n'ubugoryi mukaba ari byo mwishingikirizaho, ni cyo gituma uku gikiranirwa kuzababera nk'inkike ihubanye igiye kugwa, nk'ahabogamye ho ku nkike ndende, kugwa kwayo kuzatungurana kutajuyaje... Uwiteka Imana, Uwera wa Isirayeli yavuze ati "Nimugaruka mugatuza muzakizwa, mu ituze no mu byiringiro ni mo muzaherwa imbaraga, ariko mwaranze." [*Yesaya 30:10-13,15*]. {TM 89.1}

## Umutima Ukeneye Kwezwa

Ndabaza mwebwe abari mu myanya y'ubuyobozi I Battle Creek, mbese murimo gukora iki? Mwarahindukiye, ariko mwahindukije umugongo wanyu, ntabwo mwigeze muhindukira ngo murebe Uwiteka. Mukeneye kwezwa imitima, amarangamutima, ibyo mukunda, amagambo, bikerekezwa ku ngingo zikomeye – ari zo Uwiteka Imana, Ubugingo Buhoraho, Ukuri. Ni ubuhe butumwa bugomba gutangwa muri iki gihe? Ni ubutumwa bwa malayika wa gatatu. Ariko umucyo ugomba kumurukira isi mu bwiza bwawo wanzwe na bamwe muri mwe bavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe. Mwitondere uko mugenza uwo mucyo. Mukweture inkweto mu birenge byanyu; kuko aho muhagaze ari ahera. Mumenye ko muri kwimakaza imico ya Satani, kandi muri gusuzugura ukwigaragaza kwa Mwuka Wera. Ntabwo mbizi ariko bamwe muri mwe bamaze kugera kure ku buryo badashobora kugaruka ngo bihane. {TM 89.2}

## Kugeza Umucyo ku bandi

Ndavuga ukuri. Abantu bafite Imitima ikunda Imana, yizera Kristo, kandi yakirana ubwuzu umwambi wose w'umucyo, bazabona umucyo, kandi bazishimira ukuri. Bazageza umucyo ku bandi. Bazakurira mu butungane. Abantu bose bakira Umwuka Wera bazasobanukirwa n'ikirere cyuzuye ubukonje bumeze nk'urubura kigose imitima y'abantu batishimira uko kuri gukomeye kandi kw'ingenzi ndetse bakaba bavuga n'amagambo

akurwanya. Bazasobanukirwa ko ari abantu bakurikiza imigambi y'ababi, bahagarara mu nzira y'abanyabyaha, bicarana n'abakobanyi. {TM 90.1}

Ijambo ry'Imana rivuga ukuri, ntabwo ari ibinyoma. Muri ryo nta kintu na kimwe gihatirwa umuntu, nta na kimwe cyo gukabya, nta na kimwe kirengeje urugero. Tugomba kuryemera nk'Ijambo ry'Imana Ihoraho. Mu kuryumvira, itorero rifite inshingano rigomba gukora ritigeze rikora. Ntibagomba guhunga imyanya y'inshingano; ahubwo mu bigeragezo no mu bishuko bagomba kwishingikiriza ku Mana cyane. Hari ingorane tugomba gusakirana na zo, ariko ubwoko bw'Imana bugomba guhagurukira icyarimwe ngo busohoze inshingano zihutirwa. Hari inshingano dufite ku itorero no ku Mana yacu. {TM 90.2}

Umwuka w'Imana ari kugenda akurwa kuri benshi mu bagize ubwoko Bwe. Benshi bagiye mu nzira z'umwijima, inzira z'ubwiru, kandi bamwe muri bo ntibazigera bagaruka. Bazakomeza kugwa bagana mu irimbukiro ryabo. Bagerageje Imana, banze umucyo. Ibihamya byose bashoboraga guhabwa barabibonye, ariko ntibigeze babyitaho. Bahisemo umwijima mu cyimbo cy'umucyo, maze banduza ubugingo bwabo. Nta muntu n'umwe cyangwa itorero rishobora kwifatanya n'abakunda ibinezeza, maze ngo bagaragaze ko bishimira ubutunzi Uwiteka yoherereje abafite kwizera kuzima mu Ijambo Rye. Isi irahumanye, yuzuye urugomo, nk'uko byari bimeze mu isi yo mu gihe cya Nowa. Umuti umwe rukumbi ni

ukwizera ukuri, no kwemera umucyo. Ariko benshi bumvise ukuri kuvugwa mu kwigaragaza k'Umwuka wera, ariko ntibanze kwemera ubutumwa gusa, ahubwo banze n'umucyo. Abo bantu bafite uruhare mu kurimbuka k'ubugingo bwa benshi. Bitambitse hagati y'umucyo wavuye mu ijuru n'abantu wohererejwe. Baribatiye Ijambo ry'Imana munsi y'ibirenge byabo, kandi bari gusuzugura no gutuka Umwuka Wera w'Imana. {TM 90.3}

Ndahamagarira ubwoko bw'Imana guhumuka. Iyo wemeye kandi ukumvira ibyemezo by'abantu uzi neza ko batagendera mu kuri no gukiranuka, uba ucogoje kwizera kwawe kandi ugatakaza kwishimira umushyikirano wagiranaga n'Imana. Uba umeze nk'uri kubwirwa amagambo nk'ayabwiwe Yosuwa [avuga ngo]: "Ni iki gitumye ugwa wubamye? Abisirayeli baracumuye kuko baciye ku itegeko ryanjye nabategetse… kuko bahindutse ibivume. Ndetse sinzongera kubana namwe ukundi, keretse murimbuye ikivume mukagikura muri mwe." Kristo yaravuze ati: "uwo tudateraniriza hamwe arasandaza." (Luka 11:23). {TM 91.1}

## Ubutumwa bwo Gutsindishirizwa ku bwo Kwizera

Uwiteka, mu mpuhwe ze zikomeye, yohereje ubwoko bwe ubutumwa bw'agaciro akoresheje bene Data Waggoner na Jones. Ubwo butumwa bwari bufite umugambi wo kurushaho kwerereza Umukiza mu maso y'ab'isi, ari na we gitambo cy'ibyaha by'isi yose. Bwagaragazaga gutsindishirizwa ku bwo kwizera Incungu; bwararikiraga

abantu kwakira gukiranuka kwa Kristo, kwigaragarije mu kumvira amategeko y'Imana yose. Benshi bari barakuye amaso kuri Yesu. Bari bakeneye ko amaso yabo ayoborwa akerekezwa ku bumana bwe, ku byo yakoze no ku rukundo rudahinduka afitiye umuryango wa mwene muntu. Ubutware bwose bwashyizwe mu maboko ye, kugira ngo abashe guha abantu impano zikungahaye, agaha ikiremwa muntu kitagira kirengera impano itagira akagero yo gukiranuka kwe bwite. Ubwo ni bwo butumwa Imana yategetse ko buhabwa isi. Ni ubutumwa bwa malaika wa gatatu, bugomba kubwirizanywa ijwi rirenga, kandi bugaherekezwa n'isukwa ry'Umwuka Wera ku rugero rwagutse. {TM 91.2}

Umukiza wabambwe agomba kugaragazwa mu murimo we ukomeye nk'Umwana w'intama watambwe, wicaye ku ntebe y'ubwami, ngo atange imigisha y'isezerano y'igiciro cyinshi, ari zo nyungu yapfiriye kugira ngo azibonere buri mutima wose uzamwizera. Yohana ntiyashoboraga kubona uko avuga urwo rukundo mu magambo; rurimbitse, rukwiriye hose; ahamagarira umuryango w'abantu kurwitegereza. Kristo ari kwingingira itorero mu bikari byo mu ijuru, yingingira abo yaguze amaraso ye y'igiciro cyinshi. Ibinyejana, ibihe, ntibishobora na gato kugabanya agaciro n'umumaro w'icyi gitambo cy'impongano. Ubutumwa bw'ubuntu Bwe bwagombaga guhabwa itorero mu mirongo isobanutse kandi yumvikana, kugira ngo abantu ntibazongere kuvuga ko

Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi babwiriza amategeko gusa, ko batigisha cyangwa ngo bizere Yesu. {TM 92.1}

Umumaro w'amaraso ya Kristo wagombaga kugaragarizwa abantu mu mwimerere no mu mbaraga, kugira ngo kwizera kwabo kugundire kandi kwishingikirize ku byo Kristo yadukoreye. Nk'uko umutambyi mukuru yaminjangiraga amaraso ku ntebe y'ihongerero, mu gihe igicu cy'umubavu cyabaga cyiri kuzamuka imbere y'Imana, ni ko iyo twatuye ibyaha byacu tugasaba imbabazi twishingikirije ku maraso y'impongano ya Kristo, amasengesho yacu azamuka mu ijuru afite impumuro y'imico y'Umukiza wacu ku bw'ibyo yadukoreye. Uko twaba tudakwiriye kose, tugomba guhora tuzirikana mu bwenge bwacu ko hari Umwe ushobora gukuraho icyaha agakiza umunyabyaha. Buri cyaha cyose umuntu yemereye Imana n'umutima umenetse, izagihanagura. Uku kwizera ni bwo bugingo bw'Itorero. Nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, maze abantu bose bariwe n'inzoka z'ubusabwe bagahamagarirwa kuyireba ngo babeho, ni ko n'Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa, "kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." {TM 92.2}

Keretse gusa kwitegereza Umukiza wabambwe nibigirwa ikintu cy'ibanze mu buzima kiruta ibindi byose ku munyabyaha, kandi kubwo kwizera akemera ibyo Kristo yakoze nk'umugisha agomba kwishyuza Imana, naho ubundi umunyabyaha ntashobora gukizwa kimwe n'uko

Petero atashoboraga kugenda hejuru y'amazi keretse gusa akomeje guhanga amaso kuri Yesu. Ni umugambi ukomeye wa Satani kuva kera kuvana Yesu imbere y'abantu maze akabayobora ku guhanga amaso umuntu, no kwizera umuntu, kandi abantu bakigishwa gutega ubufasha bakeneye ku muntu. Mu myaka myinshi itorero ryahanze amaso yaryo ku muntu kandi ryitega ko hari byinshi ryabona biturutse ku muntu, bidaturutse mu guhanga amaso Yesu, kandi muri We ari mo ibyiringiro byacu by'ubugingo buhoraho biboneka. Bityo Imana yahaye abagaragu Bayo ibihamya bigaragaza ukuri nk'uko kuri muri Yesu, ari byo butumwa bwa malayika wa gatatu, mu mirongo yumvikana kandi isobanutse. Amagambo ya Yohana agomba gutangazwa n'ubwoko bw'Imana, kugira ngo abantu bose bamenye umucyo kandi bagendere mu mucyo: "Uwavuye mu ijuru ni we usumba byose, naho uwo mu isi we ni uw'isi nyine, kandi n'ibyo avuga ni iby'isi. Uwavuye mu ijuru ni we usumba byose, kandi ibyo yabonye n'ibyo yumvise ni byo ahamya, nyamara nta wemera ibyo ahamya. Uwemera ibyo ahamya, aba yemeye n'uko n'Imana ari inyakuri. Uwatumwe n'Imana avuga amagambo yayo, kuko Imana idatanga Umwuka imugeze. Se akunda Umwana we kandi yamweguriye byose, uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho, ariko utumvira uwo Mwana ntazabona ubugingo, ahubwo umujinya w'Imana uguma kuri we." (Yohana 3:31-36). {TM 93.1}

Ubu ni bwo buhamya bugomba gukwira isi yose. Bugaragaza amategeko n'ubutumwa bwiza, bukabihuriza hamwe mu buryo butunganye. (Reba Abaroma 5 na 1Yohana 3:9 kugeza aho igice kirangirira). Ibi byanditswe by'agaciro kenshi bizakora kuri buri mutima ufunguriye kubyakira. "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, Guha abaswa ubwenge." – abafite imitima imenetse. (*Zaburi 119:130*) "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana." (*Yohana 1:12*). Bene abo ntibafite ukwizera kw'icyitiriro, ukuri ko mu magambo gusa, cyangwa iyobokamana ryishingikiriza ku mategeko, ahubwo bizera kubw'impamvu, ari yo kwacyira impano z'ubutunzi bw'Imana bakazigira izabo. Basaba guhabwa kugira ngo bahe abandi. Bashobora kuvuga bati: "Ibimwuzuye ni byo twahaweho twese, ni ubuntu bukurikira ubundi." (*Yohana 1:16*). {TM 94.1}

"Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo. Iki ni cyo cyerekanye urukundo rw'Imana muri twe: ni uko Imana yatumye Umwana wayo w'ikinege mu isi, kugira ngo tubone uko tubeshwaho na we. Muri iki ni mo urukundo ruri: si uko twebwe twakunze Imana ahubwo ni uko Imana ari yo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano y'ibyaha byacu. Bakundwa, ubwo Imana yadukunze ityo, natwe dukwiriye gukundana. Uhereye kera kose ntihigeze kubaho umuntu wabonye Imana, nyamara nidukundana Imana iguma muri twe, urukundo rwayo rugatunganirizwa muri twe rwose. Iki ni cyo

kitumenyesha ko tuguma muri yo na yo ikaguma muri twe, ni uko yaduhaye ku Mwuka wayo.” (*1Yohana 4:8-13*). {TM 94.2}

## Ubutumwa bw’Imana Bugenewe Icyi Gihe

Uyu ni wo murimo Uwiteka yagennye ko ubutumwa yahaye abagaragu Be bugomba gukora mu mutima no mu bwenge bya buri muntu. Ubu ni bwo bugingo buhoraho bw’itorero: Gukunda Imana kuruta ibintu byose no gukunda bagenzi bacu nk’uko twikunda. Hagiye habaho urukundo rucye dufitiye Imana na bagenzi bacu, maze Imana iha intumwa zayo icyo abantu bari bakeneye. Abantu bakiriye ubwo butumwa babonye umugisha ukomeye, kuko babonye imirasire irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka, maze ubugingo n’ibyiringiro bishibuka mu mitima yabo. Bari bari kwitegereza Kristo. “Witinya,” ni bwo bwishingizi ahora aduha iteka; “Ndi Uhoraho. Icyakora nari narapfuye ariko none dore mporaho iteka ryose.” (*Ibyahishuwe 1:17,18*). “Kuko ndiho namwe muzabaho.” (*Yohana 14:19*). Amaraso y’Umwana w’Intama w’Imana utagira inenge, abizera bayogesha imitima yabo. Turebye kucyo byashushanyaga gikomeye, dushobora kuvuga tuti: “Ni Kristo Yesu wadupfiriye, ndetse akaba yarazutse ari iburyo bw’Imana adusabira.” (*Abaroma 8:34*). Zuba ryo Gukiranuka arasira mu mitima yacu kugira ngo aduhe kumenya ubwiza bwa Yesu Kristo. Ku bijyanye n’umurimo w’Umwuka Wera Yesu yaravuze ati: “Uwo azanyubahiriza, kuko azenda ku byanjye

akabibabwira.” (*Yohana 16:14*). Umunyezaburi yarasenze ati: “Unyejeshe ezobu ndera, Unyuhagire ndaba umweru ndushe urubura… Mana, undememo umutima wera, Unsubizemo umutima ukomeye. Ntunte kure yo mu maso yawe, Ntunkureho Umwuka wawe Wera. Unsubizemo kunezezwa n’agakiza kawe, Unkomereshe umutima wemera. Ni bwo nzigisha inzira yawe abacumura, Abanyabyaha baguhindukirire.” (*Zaburi 51:9-15*). {TM 95.1}

Uwiteka yifuza ko izi ngingo z’ingenzi zigwa mu matorero yacu, kandi niba buri mwizera w’itorero wese ahishuriwe Ijambo ry’Imana, n’uwari umuswa azahabwa umucyo n’ubwenge. “Ni nde wo muri mwe wubaha Uwiteka akumvira umugaragu we? Ugenda mu mwijima adafite umucyo niyiringire izina ry’Uwiteka, kandi yishingikirize ku Mana ye. Yemwe abacana mwese, nimukikize imuri impande zose, nimugendere mu mucyo w’umuriro wanyu no mu w’imuri mukongeje. Ibyo mbageneye ni ibi: muzaryamana umubabaro.” (*Yesaya 50:10-11*). “Uwiteka avuga atya ati “Umunyabwenge ye kwīrāta ubwenge bwe, n’intwari ye kwīrāta ubutwari bwayo, umutunzi ye kwīrāta ubutunzi bwe, ahubwo uwīrāta yīrāte ibi yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi, kuko ibyo ari byo nishimira. Ni ko Uwiteka avuga.” (*Yeremiya 9:22-23*). {TM 95.2}

Ntihigeze kubaho igihe ubwo Uwiteka yifuza kugaragariza abo yatoranyije Ubuntu Bwe bukomeye nko muri iyi minsi y'imperuka ubwo amategeko Ye ari gusiribangwa. "Ku bwo gukiranuka kwe, Uwiteka yashimye kogeza amategeko ye no kuyubahiriza." Ni iki Imana ivuga ku bwoko Bwayo? "Ariko aba ni abantu banyazwe ibyabo bagasenyerwa, bose batezwe ubushya kandi babahisha mu mazu y'imbohe. Ni abo kujyanwa ho iminyago nta wuriho wo kubakiza, ni abo kunyagwa ibyabo ari nta wo kuvuga ko babisubizwa." (*Yesaya 42:21-22*) (Reba na Yesaya 43). Ubu ni ubuhanuzi buzasohora. {TM 96.1}

## Imiburo Yerekeye ku Gusuzugura Ubutumwa bw'Imana

Ndagira ngo mbwire abantu bamaze imyaka myinshi barwanya umucyo kandi bagashyira imbere umwuka wo kwigomeka. Mbese muzanga kandi musuzugure intumwa zo gukiranuka kw'Imana mugeze ryari? Imana yazihaye ubutumwa Bwayo. Batwaye Ijambo ry'Uwiteka. Agakiza kanyu karahari, ariko kaboneka gusa binyuze mu byo Yesu Kristo yadukoreye. Mwahawe Ubuntu bw'Umwuka Wera inshuro nyinshi. Umucyo n'imbaraga bivuye mu ijuru byasutswe muri mwe ku rugero ruhanitse. Mwahawe ibihamya, kugira ngo abantu bose bamenye abo Uwiteka yemera nk'abagaragu Be. Ariko hari abasuzuguye abo bantu n'ubutumwa bari batwaye. Babashinje kuba abaka, abahezanguni, n'abanyedini bakoreshwa n'amarangamutima gusa. Mureke mbahanurire: Keretse

gusa nimucisha bugufi imitima yanyu imbere y'Imana mushyizeho umwete, maze mukatura ibyaha byanyu byinshi, naho ubundi, muzabona mwarakerererewe ko mwarwanyije Imana. Binyuze mu kwemezwa n'Umwuka Wera, ariko mutagifite uburyo bwo kwivugurura no kubabarirwa, muzabona ko abo bantu mwarwanyije bari ibimenyetso mu isi, nk'abahamya b'Imana. Hanyuma muzabona ko iyaba mwashoboraga gusubiza igihe inyuma mwari kwemera no guhara isi yose, mukagira umwete nka bo, mwuzuye Umwuka w'Imana mukarangurura amajwi yanyu muburira isi; kandi namwe mugashikama ku mahame nk'urutare nka bo. Uwiteka yamenye ibikorwa byanyu byo guteza umuvurungano n'urujijo. Nimutera indi ntambwe nto gusa yo kwanga umucyo waturutse mu ijuru, muzazimira. "Umuntu uzahumana ntiyihumanure, azakurwe hagati y'iteraniro." (*Kubara 19:20*). {TM 96.2}

Nta butumwa bworoheje mfitiye abantu bamaze igihe kirekire ari ibyapa biyobya, berekeza abantu mu nzira itari iy'ukuri. Iyo wanze intumwa zoherejwe na Kristo, uba wanze Kristo. Kwirengagiza agakiza gakomeye gatyo, mwakomeje kwerekwa mu gihe cy'imyaka myinshi, gusuzugura impano yo gutsindishirizwa n'amaraso ya Kristo no kwezwa n'imbaraga y'Umwuka Wera, ntihaba hagisigaye igitambo cy'ibyaha keretse gutegerezanya ubwoba gucirwa ho iteka, no gutegereza umuriro w'inkazi. Ndabinginga ngo mwicishe bugufi mureke kurwanya umucyo n'ibihamya bigaragara. Bwira Uwiteka uti, 'Ibyaha byanjye byantandukanyije n'Imana yanjye. Uwiteka

ndakwinginze, babarire gukiranirwa kwanjye. Hanagura ibyaha byanjye mu gitabo cyawe cy'urwibutso.' Mushime izina Rye ryera, kubabarirwa kubonerwa aho Ari, kandi ushobora kwihana, ugahinduka. {TM 97.1}

"None ubwo amaraso y'ihene n'ay'amapfizi n'ivu ry'inka y'iriza, iyo biminjiriwe ku bahumanye ko byeza umubiri ugahumanuka, nkanswe amaraso ya Kristo witambiye Imana atagira inenge ku bw'Umwuka w'iteka, ntazarushaho guhumanura imitima yanyu akayezaho imirimo ipfuye, kugira ngo mubone uko mukorera Imana ihoraho?" (*Abaheburayo 9:13-14*). {TM 98.1}

## Icyigisho cya 5

## Uri Umurinzi wa Mwene so

Ku itariki 20/11/1855, ubwo nari ndi gusenga, Umwuka w'Uwiteka yanjeho mu buryo butunguranye kandi bufite imbaraga, maze njyanwa mu iyerekwa. {1T 113.1}

Nabonye ko Umwuka w'Uwiteka yari ari kugenda ava mu itorero. Abagaragu b'Uwiteka biringiye cyane imbaraga z'ukuri ko mu magambo bigisha, kandi ntabwo bishingikiriza ku Mana mu buryo bushikamye nk'uko bari bakwiriye kubigenza. Nabonye ko ukuri ko mu magambo gusa kutazigera gukangura imitima ngo yifatanye n'abasigaye; kubera ko ukuri atari ikintu gikunzwe na benshi. Abagaragu b'Imana bagomba kugira ukuri mu mitima yabo. Malayika yaravuze ati: "Bagomba kubona ubushyuhe buturutse ku bwiza bw'ukuri, bukagera ku ndiba y'imitama yabo, maze bakagushyikiriza imitima ifite ubwuzu y'ababateze amatwi." Abantu bacye bafite ibitekerezo bikangutse ni bo biteguye gufata umwanzuro bahereye ku buremere bw'ibihamya bifatika; ariko ntibishoboka gukangura imitima myinshi ukoresheje ukuri kwo mu magambo gusa. Hagomba kubaho imbaraga igendana n'uko kuri, igihamya kizima cyo kubakangura. {1T 113.2}

Nabonye ko umwanzi ari ku murimo we wo kurimbura imitima. Kwishyira hejuru kwinjiye mu ngabano zacu; hagomba kubaho kwiyoroshya kurushaho. Umwuka wo

kuba nyamwigendaho uraganje cyane mu bavugabutumwa bacu. Ibi bigomba gushyirwa ku ruhande, kandi hagomba kubaho gushyira hamwe mu bagaragu b'Imana. Hakunze kubaho umwuka wo kubaza ngo: "Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?" (*Itangiriro 4:9*). Marayika yaravuze ati: "Yego, uri umurinzi wa mwene so. Ugomba kwita cyane kuri mwene so, ugomba gushishikazwa no kumererwa neza kwe, kandi ugomba gukuza umwuka w'ubugwaneza n'urukundo mu byo umugirira. Mushyire hamwe, mushyire hamwe." Imana yagennye ko umuntu agomba kuba umugwaneza n'umunyakuri, atishushanya, yicisha bugufi, kandi yiyoroshya. Iri ni ihame ry'ijuru; Imana ni ko yabitegetse. Ariko umuntu w'impezamajyo kandi upfa yashatse ibihabanye n'ibyo: gukurikira inzira ye bwite, no gushishikazwa n'inyungu ze gusa. {1T 113.3}

Nabajije marayika impamvu kwiyoroshya kwavuye mu itorero, maze ubwibone no kwishyira hejuru akaba ari byo byinjira. Nabonye ko iyi ari yo mpamvu dusa n'abatereranywe mu biganza by'umwanzi. Marayika yaravuze ati: "Itegereze, uraza kubona ko uyu mwuka ari uganje, ngo 'Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?' (*Itangiriro 4:9*)." Marayika yarongeye aravuga ati: "Uri umurinzi wa mwene so. Ibyo uvuga ko wizera, kwizera kwawe, bigusaba kwiyanga no kwiyegurira Imana, nibitaba bityo ntabwo uzaba ukwiriye ubugingo buhoraho; kubera ko wabuhawe buguzwe igiciro, intimba

n'imibabaro, ndetse n'amaraso by'Umwana w'Imana." {1T 114.1}

Nabonye ko mu turere dutandukanye, I Burasirazuba n'I Burengerazuba, abantu benshi bari bari kongera ibikingi ku bindi, imirima ku yindi, amazu ku yandi, maze umurimo w'Imana akaba ari wo bagira urwitwazo, bavuga ko ibi byose babikora kugira ngo babone uko bafasha umurimo w'Imana. Bazimirira muri ibyo ku buryo bagirira akamaro gake umurimo w'Imana. Bamwe bagura amasambu, maze bagakora cyane kugira ngo babone uko bayishyura. Igihe cyabo cyose baba bahuze ku buryo akanya gato gusa ari ko bagenera gusenga, no gukorera Imana, no kwakira imbaraga zivuye ku Mana zo gutsinda ingorane zibazengurutse. Baba bafite imyenda, ku buryo iyo umurimo ukeneye ubufasha bwabo badashobora kubutanga; kuko bagomba kubanza kwishyura imyenda. Ariko iyo bamaze kwishyura iyo myenda baba barasubiye inyuma cyane mu gufasha umurimo w'Imana kurusha mbere; kuko bahita bongera gutwarwa no kugwiza ubutunzi bwabo. Biyogeza ubwabo bavuga ko ibyo bakora ari byiza, kuko bazakoresha inyungu babona mu murimo w'Imana, nyamara bari kubika ubutunzi bwabo mu isi. Bakunda ukuri mu magambo, ntabwo ari mu bikorwa. Urukundo bakunda umurimo w'Imana rugaragazwa n'imirimo yabo. Bakunda isi urukundo rwinshi bagakunda umurimo w'Imana urukundo rucye; imbaraga zibakururira mu isi zigenda ziyongera mu gihe imbaraga zibakururira mu ijuru zirushaho kugabanuka. Umutima

wabo uri aho ubutunzi bwabo buri. Bakoresheje icyitegererezo cyabo babwira ababazengurutse ko bafite gahunda yo kwigumira hano, ko mu isi ari ho iwabo. Marayika yaravuze ati: “Yego, uri umurinzi wa mwene so.” {1T 114.2}

Abantu benshi batwawe no kugura ibintu badakeneye, kugira ngo bashimishe ibyifuzo byabo gusa, ipfa ryabo, irari ry’amaso yabo, mu gihe umurimo w’Imana wari ukeneye ayo mafaranga bapfusha ubusa batyo, kandi bamwe mu bagaragu b’Imana bakaba bari bakennye imyambaro ndetse barananiwe gukora umurimo w’Imana kubera kubura amafaranga. Marayika yaravuze ati: “Bidatinze igihe cyabo cyo gukora kigiye kubacika. Imirimo yabo igaragaza ko inarijye ari yo baramya, kandi akaba ari yo batambira ibitambo.” Inarijye ni yo yashyizwe imbere; none igitekerezo kibarimo ni iki ngo: “Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?” Benshi babonye imiburo myinshi, ariko ntibayihaye agaciro. Inarijye ni yo ishyizwe imbere, kandi ikintu cyose kigomba kuyunamira. {1T 115.1}

Nabonye ko itorero risa n’iryatakaje rwose umwuka wo kwiyanga no kwitanga; inarijye n’inyungu zabo ni byo bashyira imbere, maze bagakora ibyo batekereza ko bashoboye mu murimo w’Imana cyangwa ntibanabikore. Nabonye ko igitambo nk’icyo ari igitambo gifite inenge, kandi ko kidashobora kwemerwa n’Imana. Abantu bose bagomba gushishikarira gukora uko bashoboye ngo bateze umurimo w’Imana imbere. Nabonye ko abadafite

ubutunzi, ariko bakaba bafite imbaraga z'umubiri, icyo bazabazwa n'Imana ari uko bakoresheje izo mbaraga. Bagomba kuba abanyamwete mu byo bakora kandi bakagaragaza umwuka w'urukundo n'ubugwaneza; ntabwo bagomba gutererana abafite ubutunzi ngo bakore ibisabwa byose. Nabonye ko na bo bashobora kwitanga, kandi ni inshingano yabo kubikora, kimwe n'abafite ubutunzi. Ariko inshuro nyinshi abadafite ubutunzi ntabwo bajya babona ko bashobora kwigomwa mu buryo bwinshi, bashobora kwambara imyenda mike, bakareka guhaza ipfa ryabo, maze bakabona ibihagije byo gukoresha mu murimo w'Imana, bityo bakibikira ubutunzi mu ijuru. Nabonye ko mu kuri [kw'Ijambo ry'Imana] harimo ubwiza n'urukundo; ariko niba uko kuri kudafite imbaraga y'Imana, ntacyo gushobora gukora. {1T 115.2}

# Icyigisho cya 6

## Muhange Amaso Kuri Yesu

Mu iyerekwa nahawe ku itariki 12/06/1868, neretswe akaga k'ubwoko bw'Imana igihe baza kureba mwenedata na mushiki wacu White batekereza ko bagomba kubazanira imitwaro yabo ibaremereye ngo babagire inama. Ibi si ko bigomba kugenda. Mu gihe bahangayitse kandi bakaba baremerewe, bararikirwa gusanga Umukiza wabo w'umunyampuwe kandi wuje urukundo, na We azabaruhura. Muri We ni ho bazabona uburuhukiro. Mu gushyira Yesu ingorane zabo n'ibigeragezo byabo, bazabona amasezerano arebana na byo asohora. Igihe mu bibazo byabo babonye uburuhukiro buboneka muri Yesu wenyine, baba bungutse ubunararibonye bw'agaciro gakomeye cyane. Mwenedata na mushiki wacu White na bo bari ku ntambara yo kugera ku butungane bw'imibereho yabo, bari ku ntambara yo kugira imbuto zizanwa no kwera; kandi ni n'abantu bapfa kandi bashobora kuyoba. Benshi baza badusanga batubaza ibibazo nk'ibi ngo: Mbese iki ngikore? Mbese aka kazi nakajyamo? Cyangwa ku birebana n'imyambaro bakatubaza bati: Mbese nakwambara uyu mwambaro cyangwa uriya? Ndabasubiza nti: Muvuga ko muri abigishwa ba Kristo. Nimwige Bibiliya zanyu. Musome mwitonze kandi musenga imibereho y'Umukiza wacu igihe yabanaga n'abantu ubwo yari ari hano ku isi. Mukurikize icyitegererezo cy'imibereho Ye, bityo muzabona ko

mutazigera muteshuka inzira ifunganye. Duhakanye rwose kuba imitimanama yanyu. Nituramuka tubabwiye ibyo mugomba gukora, muzajya muza kutureba ngo tubayobore, aho gusanga Yesu ubwanyu mutazuyaje. Icyo gihe ubunararibonye bwanyu buzaba bushingiye kuri twebwe. Mugomba kwigirira ubunararibonye bwanyu, bugomba kuba bufite urufatiro ku Mana. Bityo muzabasha guhagarara hagati mu kaga ko mu minsi y'imperuka maze mutunganywe, aho gukongorwa n'umuriro w'ibigeragezo abera bose bagomba kunyuramo kugira ngo bavanweho kudatungana kose kw'imico yabo mu gihe bitegura umurimo wa nyuma wo guhabwa kudapfa. {2T 118.3}

Benshi muri benedata na bashiki bacu batekereza ko badashobora kugira amateraniro arimo abantu benshi, ngo keretse igihe mwenedata na mushi wacu White bari muri ayo materaniro. Ahantu henshi babona ko hari ikintu kigomba gukorwa kugira ngo bakangurire abantu kumaramaza no kugira icyo bakora mu murimo wo kwamamaza ukuri. Bari bafite abagabura bo gukora umurimo muri bo, nyamara bakabona ko hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa, maze bakajya gushaka mwenedata na mushiki wacu White ngo abe ari bo bawukora. Nabonye ko ibi atari ko Imana ishaka ko bigenda. Ahantu ha mbere, bari bafite abagabura bafite intege nke. Bari abantu batita ku bintu bicyenewe. Ntabwo bikorera umutwaro w'umurimo ngo bajye gufasha abantu aho bakeneye ubufasha. Ntabwo bafite ubwenge bwo

kwitegereza ngo bamenye aho abantu bakeneye gukosorwa, gucyahwa, kuzamurwa, cyangwa gukomezwa. Bamwe muri bo bamara ibyumweru n'amezi bakora ahantu, maze bamara kuhava ugasanga hari byinshi byo kuhakora biruta ibyari bihari bacyihagera. Ibikorwa by'ubugiraneza biteguwe mu buryo bwiza biri kugenda bishira. Iri shami ry'umurimo ni umugabane umwe w'umurimo w'umugabura; ariko kubera ko ari ibintu biba bitanejeje, bamwe birengagiza inshingano yabo. Bavuga ukuri ko mu ijambo ry'Imana, ariko ntibagaragariza abantu ko kuryumvira bikenewe. Bityo abantu benshi ni abumva gusa, ariko ntibakora iby'iryo jambo. Abantu bumva bafite intege nke. Ntabwo ibibazo bafite bisubizwa mu buryo bukwiriye, maze bagasanga mwenedata na mushiki wacu White ngo bakemure ikibazo bafite. {2T 119.1}

Bamwe muri benedata b'abagabura bagiye bagenda gahoro mu kwiyegurira mu murimo mu buryo bwimbitse ngo bomatane n'imitima y'abizera. Bagiye bireguza igitekerezo cy'uko mwenedata na mushiki wacu White bazaza kuzuza ibibura; ko bo bamenyereye umurimo mu buryo bwihariye. Abo bantu barakoze, ariko ntabwo bakoze mu buryo bwiza. Ntabwo bigeze bikorera umutwaro. Ntabwo bigeze batanga ubufasha aho bwari bukenewe. Ntabwo bigeze bakosora amakosa yari akeneye gukosorwa. Ntabwo bigeze binjira n'umutima wabo wose, n'ubugingo bwabo bwose, n'imbaraga zabo zose, mu byo abantu bari bakeneye. Igihe cyarahise, none ntacyo bafite

berekana bagikozemo. Umutwaro w'intege nke zabo wongera kutuzaho. Maze bagashishikariza abantu kuza kutureba, bakababwira ko nta kindi kizarangiza umurimo keretse ibihamya by'umwihariko tubabwira. Ibi ntabwo bishimisha Imana. Abagabura bagomba gufata inshingano zikomeye kandi ntabwo bagomba kwishimira igitekerezo cy'uko badashobora gutanga ubutumwa bwafasha abantu aho bakeneye ubufasha. Niba badashobora kubikora, bagomba kuguma I Yerusalemu kugeza ubwo bazambikwa imbaraga zivuye mu ijuru. Ntabwo bagomba kujya mu murimo badashoboye gukora. Bakwiriye kugenda barira, batwaye imbuto nziza, maze bakagaruka bishimira imihati yabo, bazanye n'imiba yabo. {2T 120.1}

Abagabura bagomba gukangurira abantu kumenya ko umuhati wa buri muntu ku giti cye ari ngombwa. Nta torero rishobora gutera imbere mu gihe abizera baryo badakora. Abantu bagomba guterura aho abagabura bateruye. Nabonye ko nta kintu kiramba gishobora kugerwaho mu matorero yo hirya no hino keretse gusa ayo matorero akanguwe akamenya ko inshingano ari izabo. Buri mwizera w'itorero agomba kumenya ko agakiza k'ubugingo bwe gashingiye ku muhati agira ku giti cye. Imitima ntishobora gukizwa idafite umuhati. Umugabura ntashobora gukiza abantu. Ashobora kuba umuyoboro Imana inyuzamo umucyo ngo ugere ku bantu; ariko iyo umucyo umaze gutangwa, haba hasigaye ko abantu bawakira, maze na bo, bakawumurikishiriza abandi. Abizera bagomba kumva ko buri wese afite inshingano ku

giti cye, itari iyo gukiza ubugingo bwe gusa, ahubwo ko kwihatira kujya mu murimo wo gukiza abakiri mu mwijima. Aho kureba mwenedata na mushiki wacu White ngo bababfashe kuva mu mwijima, bagomba kwihatira kwifasha ubwabo. Iyaba batangiraga ubwabo bagasuzuma inenge bafite, maze bakagerageza kwifasha, bari kuba barabonye umucyo vuba cyane kurusha mu yindi nzira iyo ari yo yose. Abantu nibaramuka bishingikirije kuri mwenedata na mushiki wacu White, maze bakabizera, Imana izabacisha bugufi imbere yanyu cyangwa ibavane muri mwe. Mugomba kureba ku Mana kandi akaba ari yo mwizera. Mwishingikirize ku Mana, kandi ntabwo izabatererana. Ntabwo izabareka ngo murimbuke. Ijambo ry'Imana ni iry'igiciro cyinshi. "Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho." Ayo ni amagambo ya Kristo. Amagambo yahumetswe, niyiganwa ubwitonzi no gusenga kandi akumvirwa, azabaha ibikwiriye byose ngo mukore imirimo myiza yose. Abagabura n'abizera bagomba kureba ku Mana. {2T 120.2}

Turi kubaho mu gihe kibi cyane. Akaga ko mu minsi ya nyuma karatwugarije. Kubera ko ubugome bugwiriye, urukundo rwa benshi rwarakonje. Enoki yagendanye n'Imana imyaka magana atatu. Kuba igihe gisigaye ari kigufi ni impamvu ikwiriye kudutera gushaka gukiranuka. Mbese ni ngombwa ko ibiteye ubwoba by'umunsi w'Imana bitugeraho kugira ngo biduhatire gukora ibikwiriye? Urugero rwa Enoki ruri imbere yacu. Amagana y'imyaka

yayimaze agendana n'Imana. Yabayeho mu gihe cyari kirimo ibibi byinshi, ubwo imico mibi yari imugose impande zose; ariko yamenyereje ubwenge bwe kwiyegurira Imana, no gukunda ubutungane. Ibiganiro bye byabaga byerekeye ku bintu byo mu ijuru. Yigishije ubwenge bwe kugendera muri iyo nzira, maze ashyirwaho ikimenyetso cy'ijuru. Mu maso he harabagiranaga umucyo uturuka mu maso ha Yesu. Enoki yahuye n'ibishuko nk'ibyo natwe duhura na byo. Yari azengutswe n'abantu badakunda gukiranuka nk'uko bimeze kuri twe. Umwuka yahumekaga wari wandujwe n'icyaha n'ubugome nk'uwo duhumeka; nyamara yabayeho imibereho yejejwe. Ntiyigeze yanduzwa n'ibyaha byari biganje mu gihe cye. Ni ko natwe tugomba kubaho dutunganye kandi tutandujwe n'ubugome buriho. Yari ahagarariye abera bazabaho mu kaga n'ubugome byo mu minsi ya nyuma. Ku bwo kumvira Imana kwe adakebakeba yimuriwe mu ijuru. Ni ko n'ubu abumvira Imana badakebakeba bazakomeza kubaho batyo, bazimurirwa mu ijuru. Bazavanwa mu isi y'icyaha n'urugomo bajyanwe mu munezero w'ijuru. {2T 121.1}

Urugendo rw'ubwoko bw'Imana rugomba kuba rwerekeje mu ijuru kandi rugana ku nsinzi. Ukomeye kurusha Yosuwa ni we uyoboye ingabo za Isirayeli. Hari Umwe uri hagati muri twe, ari Muyobozi w'agakiza kacu, wa wundi wavuze adutera umwete ati: "Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." "Nimuhumure naneshej isi." Nta gushidikanya azatuyobora atugeze ku nsinzi. Ibyo Imana isezeranye, iba

Ishoboye kubisohoza igihe cyose. Kandi umurimo ihaye abantu bayo gukora, iba ishoboye kuwurangiza ibakoresheje. Nimtubaho imibereho yo kumvira nyakuri, amasezerano yayo azadusohorezwa. {2T 122.1}

Imana isaba ubwoko bwayo kuba umucyo umurikira isi. Ntabwo ari abagabura bonyine basabwa kubikora, ahubwo ni buri mwigishwa wa kRisto wese. Ibiganiro byabo bikwiriye kuba byerekeza ku bintu byo mu ijuru. Mu gihe banejejwe no kugirana umushyikirano n'Imana bazifuza guhura na bagenzi babo kugira ngo, binyuze mu magambo no mu bikorwa, bababagaragarize urukundo rw'Imana ruyobora imitima yabo. Muri ubwo buryo, baza umucyo umurikira isi, kandi uwo mucyo ntuzigera uzima. Uzahindukira umwijima abatazawugenderamo, ariko uzamurika kandi ugende wongera ubwiza bwawo mu nzira y'abazawumvira kandi bakawugenderamo. {2T 122.2}

Umwuka, ubwenge, n'ubugiraneza by'Imana, nk'uko byahishuriwe mu ijambo Ryayo, bigomba kugaragarira mu mibereho y'abigishwa ba Kristo nk'icyitegererezo nyakuri, maze muri ubwo buryo bagaciraho iteka isi. Ibyo Imana isaba abantu bayo bigendana n'ubuntu n'ukuri yabahaye. Ibyo amahame yo gukiranuka asaba byose bigomba kuzuzwa. Abantu baremwe bagomba kubazwa ibyo byakoze bagomba kugendera mu mucyo ubamurikira. Nibananirwa kugendera mu mucyo bahawe, uwo mucyo uzabahindukira umwijima, kandi umwijima wabo uzaba ari mwinshi cyane ku rugero rungana n'urw'umucyo

bahawe. Umucyo mwinshi wamurikiye ubwoko bw'Imana; ariko benshi bakerensheje gukirikira umucyo, bityo ku bw'iyi mpamvu bafite intege nke mu by'umwuka ku rwego rukomeye. {2T 123.1}

Kuba ubwoko bw'Imana buri kurimbuka ntabwo biterwa n'uko badafite ubumenyi. Ntabwo bazacirwaho iteka bitewe n'uko batazi inzira, ukuri, n'ubugingo. Ukuri kwageze mu bwenge bwabo bakagusobanukirwa, umucyo wamurikiye ubugingo bwabo, ariko ugahinyurwa cyangwa ukangwa, ni wo uzabaciraho iteka. Abatarigeze babona umucyo na mucye ngo bawange ntabwo bazacirwaho iteka. Mbese ni iki cyari gukorerwa uruzabibu rw'Imana cyitakozwe? Umucyo, umucyo w'igiciro cyinshi, umurikira ubwoko bw'Imana; ariko ntuzigera ubakiza keretse gusa nibemera gukizwa na wo, bakabaho imibereho igaragaza uwo mucyo, kandi bakawugeza no ku bandi bari mu mwijima. Imana ihamagarira abantu bayo gukora. Ni umurimo w'umuntu ku giti cye kwatura no kuzinukwa ibyaha maze akagarukira Uwiteka. Nta muntu ushobora gukorera undi uyu murimo. Ubumenyi bw'iyobokamana bwariyongereye cyane, kandi ibi byongereye n'ibisabwa bigendana n'ubwo bumenyi. Umucyo ukomeye wamurikiye itorero, kandi ku bwawo bacirwa urubanza bitewe n'uko banze kuwugenderamo. Iyo baza kuba impumyi bari kuba nta cyaha bafite. Ariko babonye umucyo, kandi bumvise ukuri kwinshi, ariko ntabwo ari abanyabwenge n'abera. Benshi bamaze imyaka myinshi badatera imbere mu bumenyi n'ubutungane nyakuri. Ni

ibikuri mu by'umwuka. Aho kujya imbere mu butungane, bari gusubira inyuma mu mwijima no mu bubata bwa Egiputa. Imitima yabo ntabwo yamenyerejwe kubaha Imana no kwera nyakuri. {2T 123.2}

Mbese Isirayeli y'Imana izakanguka? Mbese abantu bose bavuga ko bubaha Imana bari gushaka uko bazibukira ikibi cyose, bakaturira Imana buri cyaha cyose cyo mu ibanga, kandi bakibabariza imitima imbere y'Imana? Mbese bazagenzura impamvu ibatera gukora buri gikorwa bafite kwiyoroshya cyane, bazirikana ko ijisho ry'Imana risoma byose, kandi rikagenzura ikintu cyose gihishwe? Reka bakore uyu murimo babyitondeye, kandi biyegurire Imana mu buryo bwuzuye. Imana iduhamagarira kwitanga kwuzuye twebwe ubwacu n'ibyacu byose. Abagabura n'abizera bacyeneye kwihana bundi bushya, bacyeneye guhinduka kw'ibitekerezo, kandi ibi nibitabaho ntibashobora kuba impumuro y'ubugingo itanga ubugingo, ahubwo bazaba impumuro y'urupfu izana urupfu. Ubwoko bw'Imana bufite amahirwe menshi. Bahawe umucyo ukomeye, kugira ngo babashe gushyikira guhamagarwa kwabo guhanitse muri Kristo Yesu; nyamara ntabwo bari icyo Imana yifuza ko baba cyo. {2T 124.1}

# Icyigisho cya 7

## Kwitandukanya n'Isi

(Cyateguwe na Charles H. Watson, wabaye umuyobozi wa 12 w'Inteko Nkuru Rusange kuva mu 1930-1936)

> *"Niba tudashaka gutsindwa mu buryo bukojeje isoni kurusha abatubanjirije, tugomba kunesha isi, kandi tukareka ubushake bw'Imana bukaba nyambere kuri twe muri byose."*

*"Ndaza vuba, komeza ibyo ufite hatagira ugutwara ikamba ryawe." Ibyahishuwe 3:11. "Ntihakagire umuntu ubavutsa ingororano zanyu, … akiterera mu byo atazi atewe kwihimbariza ubusa n'ubwenge bwa kamere ye." Abakolosayi 2:18*

Bibiliya ni igitabo kivuga inkuru y'umugambi ukomeye w'iteka ryose; kikavuga n'intambara yabayeho, iriho, kandi igikomeza igamije kurwanya no gukuraho uwo mugambi; ikanavuga uburyo bwateganijwe, kandi bugenewe gusohoza uwo mugambi. Bibiliya yigisha ko uwo mugambi ukomeye ari umugambi Imana ifitiye umuntu; kandi ko uwo mugambi ugendanye n'ubushake bw'Imana; ko umuntu yaremwe kugira ngo yuzuze uwo mugambi; inigisha ko igihe cyose umuntu yagenderaga muri uwo mugambi yari umutware; kandi ko igihe umuntu ari hanze yawo aba abaye imbata, kandi ko uwo mugambi ushobora

gusohozwa gusa n'abantu bakora bakurikije ubushake bw'Imana.

Inyigisho ya mbere ya Bibiliya irebana n'umuntu ivuga ko imibereho ye yatangiye neza; kandi ikaba yari yubatswe ku rufatiro ruhoraho – ari rwo, "Ukuri guhoraho" – ari ko kugaragaza ubushake bw'Imana.

Inyigisho ikurikiraho ni ivuga ko nubwo umuntu yatangiye neza kandi akaba yari yahawe ibikwiriye byose, imibereho ye yagiye mu nzira mbi. Yahisemo ubuzima buri hanze y'ubushake bw'Imana. Ku bushake bwe, umuntu yagiye kure y'ubuzima bwasohozaga umugambi w'Imana, maze atangira kubaho mu kutumvira.

Inyigisho ya gatatu ni ivuga ko kuba umuntu yaragiye kure y'Imana bitigeze bihindura umugambi Imana imufitiye; ko impinduka zose zabayeho zabaye mu muntu ubwe, no ku byo yari yahaweho ubutware.

Kugeza aha hari ibintu bibiri bigaragara neza mu buryo bwihariye, icya mbere, ni uko umuntu wari ufite buri kintu cyose cyo kumufasha, yananiwe gusohoza umugambi w'Imana; icya kabiri, ni uko, nubwo byagenze bityo, umugambi w'Imana utigeze uhinduka kandi ntushobora kuvaho.

Urufatiro rwashyizweho uhereye mbere na mbere rwakomeje gushikama. Umuntu mu guhitamo kwe yivanye kuri urwo rufatiro. Ariko kuba umuntu yaravuye kuri urwo rufatiro ntibyigeze bivanaho urufatiro. Urwo rufatiro

ni Ubushake bw'Imana, ari na bwo bugize ukuri kose. Kugira ngo umuntu yubake kuri urwo rufatiro, agomba kugira imibereho n'ibikorwa bihuje n'ubushake bw'Imana. Ubuzima umuntu abayeho n'imirimo akoze bidahuje n'ubushake bw'Imana ntibiba byubatswe kuri urwo rufatiro.

Ikibazo gikomeye imibereho y'umuntu yagize mu byo yagiye anyuramo, ni uko atigeze yishimira amahirwe n'ibyiza Imana yamugeneye mu mugambi Wayo. Inkuru yose ya Bibiliya ni ihishurwa ribabaje ry'icyo kintu giteye ubwoba. Igice cya mbere cy'iyo nkuru kirangirana no kugwa k'umuntu, icya kabiri kirangirana n'umwuzure, icya gatatu kikarangirana n'umunara w'I Babeli. Buri gihe cyose muri ibyo bihe umuntu yanyuzemo, cyagiye kirangirana no gutsindwa k'umuntu. Nyuma y'ibyo, inkuru ya Bibiliya itubwira iby'umuhati w'Imana ishaka gusohoza ubushake bwayo ibinyujije mu muryango.

## Umuryango wa Aburahamu

Mu bika bitatu bibanza by'inkuru ya Bibiliya, tubona Imana ikorana n'inyokomuntu yose muri rusange, ndetse bisa nk'aho nta mwihariko w'umuntu runaka cyangwa itsinda ry'abantu. Mu gika cya kane amateka atwereka Imana ikorana n'umwe mu miryango y'inyokomuntu yose. Binyuze mu muryango wa Aburahamu, Imana yagennye ko umugambi Wayo uzasohora. Yahaye abakomoka kuri Aburahamu amahirwe atangaje. Ariko igika cy'amateka y'uwo muryango kitwereka bose uko bakabaye bari mu

buretwa. Ni iki cyabagejeje aho? – Nta gushidikanya, ni ugukiranirwa kw'abagize uwo muryango. Imana yamenyesheje uwo muryango ubushake Bwayo. Inzira zo kumvira no kutumvira zari zaragaragajwe neza mu byo sekuruza wabo Aburahamu yari yaranyuzemo. Ariko nubwo bamenye aho yagiye atsindwa n'icyabaga cyabiteye, bahisemo kujya kure y'ubushake bw'Uwiteka. Bityo nk'ingaruka zabyo, byarangiye bisanze bari mu buretwa. Aho kuba abatware ku bwo gusohoza ubushake bw'Imana, babaye abaretwa ku bwo kujya kure y'ubushake bw'Imana.

Mu bushake bw'Imana hari ahantu hamwe rukumbi mu isi hari hagenewe uwo muryango. Aho hantu ni I Kanani. Ariko mu rugendo rw'amateka yabo tubabona imyaka irenga magana ane bari hanze ya Kanani. Kubera iki byagenze bityo? Byatewe nuko bahunze Kanani ubwo hari haje ibirushya. Bahungiye muri Egiputa, maze Egiputa ihinduka ahantu h'uburetwa bwabo.

Aburahamu na we, yari yaragiye muri Egiputa mbere yabo ntawe umwoherejeyo, kandi muri iyi nkuru yose, uru rugendo rwa Aburahamu rwo kujya muri Egiputa ni rwo rwateje akaga gakomeye umugambi w'Imana kurusha ibindi bintu hafi ya byose. Umugambi w'Imana waje kugera ubwo usibangana mu bitekerezo by'uwo muryango ubwo bari bari mu buretwa, ku buryo ubwo Imana yari imaze kubakuzayo ibitangaza bikomeye, ikabayoboza imbaraga ikomeye ikabageza ku rugabano rw'igihugu

yifuzaga kubatuzamo, banze umugambi Wayo, batera umugongo ibyajyaga kubashoboza gukora ibyo Imana ishaka, maze barimbukira mu butayu.

Bityo, igika cya kane cy'inkuru y'amateka y'inyokomuntu kirangirana no gutsindwa k'umuntu nko mu bika bitatu byakibanjirije.

> Uburyo bwo gukoresha impamvu y'iyobokamana kugira ngo ugere ku by'isi urarikiye, ni ikintu cyatangiye kera mu rugendo rw'imibereho y'ubwoko bw'Imana. Bitangirira byibura nko mu gihe cya Samweli.

## Isirayeli

Igika cya gatanu cy'iyi nkuru kigaragaza umuhati w'Imana mu gutuma umugambi Wayo usohora binyuze mu ishyanga (igihugu). Imaze kuvana Isirayeli muri Egiputa, Imana yabagize igihugu. Imana Ubwayo ni yo yari Umwami w'icyo gihugu. Iki gika cy'amateka kitwigisha ikigisho cy'uburyo Isirayeli yanze kuyoborwa n'Imana nk'Umwami wabo. Biragaragara neza, nk'uko tubisoma, ko Isirayeli nk'igihugu yari ifite ibyangombwa byose kugira ngo igere ku ntego, ko ntacyagombaga gutuma itsindwa. Uwiteka Ubwe yabaga hagati muri bo. Ijoro n'amanywa abantu babonaga ibimenyetso bigaragaza ko Imana n'icyubahiro Cyayo biri kumwe na bo. Barayiramyaga,

bakibonera n'amaso yabo ko iri hagati muri bo. Bumvise ijwi Ryayo ribabwira amagambo y'ubushake Bwayo mvajuru. Bahinze umushyitsi ubwo bayumvaga ivuga. Biboneye igicu cy'umwotsi w'icyubahiro cyayo. Bo ubwabo bemeye kuba ubwoko bwayo, basezerana kumvira ijwi Ryayo. Kuva umuntu yagwa ntihari harigeze kubaho ibintu bigaragaza ko umugambi Imana ifitiye umuntu ushobora gusohorera mu bwoko Bwayo nk'icyo gihe.

Ariko hashize hafi imyaka 400 bumvise ijwi ry'Imana ribamenyesha ubushake Bwayo, banze ko Imana ibabera Umwami, kandi ntibanashakaga ko izongera kubayobora.

Maze Uwiteka abwira Samweli ati "Emerera abo bantu ibyo bagusabye byose kuko atari wowe banze, ahubwo ni jye banze ngo ntaba umwami wabo." 1Samweli 8:7

Kuki banze Uwiteka bene aka kageni? Mbese ubuyobozi Bwe bwagaragaje intege nke? Mbese Yagaragaje ubwenge buke mu gihe yari Umwami wabo? Mbese Yazaniye abantu amakuba n'ingorane? Mbese Yabazaniye imibabaro? Mbese ntibari banezerewe mu gihe Yari Umwami Wabo? Mbese ubwami bwigeze bucikamo ibice? Cyangwa bwari hafi kwigabanya? Mbese ubwami n'igihugu byari bigeze mu ngorane ku buryo byasabaga ko hahindurwa ubuyobozi ngo igihugu kirokoke amakuba?

Oya, nta na kimwe muri ibyo byose cyari cyabaye. Nta na kimwe muri ibyo cyendaga kuba. Kandi nta kimwe muri ibyo byose cyashoboraga no kubaho mu gihe cyose Imana

yari iri ku ngoma nk'Umwami w'igihugu. None, ni iki cyabaye?

Samweli, umugaragu w'Imana yari ageze mu zabukuru, kandi abahungu be ntibagendanaga ingeso nk'ize. Mbese ibyo byahaga uburenganzira iryo shyanga bwo kwanga Imana? Oya rwose. Ibyo ntibyashoboraga gutuma bakora ikintu nk'icyo niba iyo ari yo yari impamvu nyakuri koko yatumye banga Imana. Ariko Ibyanditswe bigaragaza neza ko imyaka ya Samweli n'imico mibi y'abahungu be atari yo yari impamvu, ahubwo rwari urwitwazo, rwo kwanga Imana ngo itababera Umwami.

Impamvu y'igikorwa bakoze yari iri mu mitima yabo ubwabo. Byatewe n'imitima yabo yari yaratwawe n'iby'isi; kandi bari bamaramaje kwikurikirira inzira yabo bwite. Biturutse ku mabwiriza y'Imana, baraburiwe, baracyahwa, babwirwa neza ko umwami w'umuntu azabahindura imbata ze, ko azabanyaga, ko azabaka umudendezo wabo, kandi ko azabaka ibyiza biruta ibindi mu byo batunze.

Ariko Ibyanditswe bigaragaza icyo basubije: "Ariko abantu banga kumvira Samweli baravuga bati "Biramaze, turashaka umwami wo kudutegeka kugira ngo natwe duse n'andi mahanga yose, umwami wacu ajye aducira imanza, ajye atujya imbere aturengere mu ntambara zacu."" 1Samweli 8:19-20

Nk'igihugu, Isirayeli yashakaga gusa n'isi, kandi ubwo bushake bwabo bwo gusa n'isi ni yo mpamvu nyamukuru yo gutsindwa kwabo muri iki gika cya gatanu cy'iyi nkuru y'amateka.

Ntabwo bigeze bemera ko icyo bakoze ari ukwanga Imana. Ahubwo bavuze ko bahangayikishijwe no kuba abahungu ba Samweli baratwawe n'iby'isi, by'umwihariko mu gihe Samweli yari ageze mu zabukuru. Nimubitekerezeho! – ubwo bari bamaramaje gusa n'isi, bavuze ko ari ngombwa kumera nk'andi mahanga kubera ko abahungu ba Samweli bari baratwawe n'iby'isi kandi Samweli akaba yari ashaje. Ariko Imana Yo, ibyo yabyise kuyanga, kandi ni nako gutwarwa n'iby'isi kose ari ukwanga Imana. Imana ntiyigeze Ituma bashukwa n'ibyifuzo byabo byo kurarikira iby'isi. Kandi nk'uko banze Imana ni nako banze inama Yabagiriye.

Ubu buryo bwo gukoresha impamvu y'iyobokamana kugira ngo umuntu agere ku by'isi ararikiye, ni ikintu cyatangiye kera mu rugendo rw'imibereho y'ubwoko bw'Imana. Bitangirira byibura nko mu gihe cya Samweli. Ariko ubwo buryo bwari bubi, kandi imyaka ishize ntiyigeze ihindura kamere yabwo na gato. Na n'ubu buracyari uburyo bukoreshwa n'abatwawe n'iby'isi, kandi ubwoko bw'Imana bukomeje kuyobywa n'ubu buryo.

Dukeneye cyane kumenya no gusobanukirwa ubu bucakura n'ubuhendanyi bwo gukiranirwa muri iki gihe cyo gusoza umurimo. Mu myaka 25 ya mbere y'iki

kinyejana (ikinyejana cya 20) nabonye umuhati wa bene ubwo buryo muri ubu bwoko. Ariko impamvu y'iyobokamana ikoreshwa hagamijwe kugera ku by'isi umuntu ararikiye, ni uburiganya nk'uko byari biri kuva kera.

> Ubutumwa bw'iri tsinda ry'abasigaye bugomba kubwirizanywa imbaraga, kandi hamwe no kwizera ubwo butumwa, abarigize bagomba kwitandukanya n'isi n'ibyayo byose mu mibereho n'amahame n'ibyo bagambiriye, no kwizera n'ibyiringiro.

Igika gikurikiraho cyitubwira Isirayeli mu gihe yayoborwaga n'abami. Biragoye kwitega ko iki gika cy'amateka y'abisirayeli cyagira iherezo rishimishije. Cyatangiye nabi. Gikomeza kuba kibi. Cyasoreje mu bunyage no mu gutsindwa.

Singombwa ko mvuga buri kantu kose ko mu mibereho yabo muri iki gika cy'amateka. Birahagije kubibutsa ko akaga kari karavuzwe neza n'umuhanuzi Samweli katangiranye n'umwami wabo wa mbere. Abami batatu ba mbere ba Isirayeli, buri wese yayoboye mu gihe cy'imyaka mirongo ine. Ku iherezo ry'ubuyobozi bw'umwami wa gatatu, ubwami bwarigabanije kandi ntibwigeze bwongera kuba bumwe; abantu ntibari bishimye, maze imibabaro

iterwa n'ubuhakanyi bwo gusenga ibigirwamana itangira kubageraho. Nyuma y'imyaka 489 iryo shyanga ryiyemeje kumera nk'isi rikanga ko Imana iribera Umwami, ryahindutse nk'isi cyane ku buryo Imana yariretse rikajyanwa mu bunyage kugira ngo ibone uko irikiza gusenga ibigirwamana. Imyaka hafi ya yose Isirayeli yayobowemo n'abami yayibayeho iri hanze y'ubushake bw'Imana n'umugambi wayo ku rwego ruhanitse; kandi byose byatangiye ubwo batangaga urwitwazo rw'uko batanejejwe no kuba abahungu ba Samweli baratwawe n'iby'isi, mu gihe na bo ubwabo bari bamaramaje kumera nk'amahanga yari abazengurutse.

Ubwo iryo shyanga ryari ryanze ko Imana iribera Umwami, bitewe n'uko ryari ryiyemeje kumera nk'isi, ryahindutse irisenga ibigirwamana cyane ku buryo Imana yaje kugera ubwo iryohereza mu bunyage. Iryo ni ryo ryabaye iherezo ry'ubwo bwoko nk'ishyanga. Bakabaye barashohoje umugambi w'Imana, ariko banze ubushake Bwayo, maze amaherezo aba gutsindwa.

Birumvikana ko habayeho igihe cyo kugarauka iwabo. Ariko abagarutse ntibigeze bashobora na gato kwikura mu butware bw'ubutegetsi bw'abanyamahanga. Ntibigeze na rimwe bongera kugira umuyobozi wabo bwite. Bubatse umugi wabo, basana inkike zawo zari zarasenyutse, ariko ibyo byose babikoze ari uko abami b'abanyamahanga babyemeye bakabibahera uruhushya. Bateze ijosi bikorera

umutwaro w'ibikomangoma by'abanyamahanga. Ariko ntibigeze bongera gusubira mu gusenga ibigirwamana.

Hanyuma hakurikiraho igihe cyo gutatanirizwa mu mahanga. Kuva icyo gihe babaye "ishyanga ry'abantu bafite umubiri urembekereye,... ishyanga risenya rigasiribanga igihugu cyaryo kigabanywa n'imigezi." *Yesaya 18:2*.

## Itorero Rya Gikristo

Igika cya karindwi cy'amateka y'inyokomuntu kitugeza ku ihangwa ry'Ubukristo. Uwabuhanze ni Umwami Yesu. Urufatiro rwabwo ni ukuri guhoraho nk'uko kwagaragarijwe mu nyigisho Ze. Imibereho ya Yesu n'inyigisho Ze, byose byari ibyo kutugaragariza ubushake bw'Imana. Yaje ku isi nk'umuntu kugira ngo asohoze umugambi w'Imana, kandi amaze kunesha binyuze mu gitambo Cye ku musaraba I Kaluvari, gutsinda urupfu, no kutubonera kwemerwa na Data binyuze muri We, Yahaye itorero Rye inshingano yo kujya mu isi yose ryigisha abaremwe bose ubutumwabwiza.

Ryuzuye imbaraga iva ku Mana, itorero rya mbere ryagiye ku murimo, rinesha kandi ryahoraga rinesha. Ariko nimurebe uburyo inyifato y'abayobozi baryo ku bushake bw'Imana yari ishikamye kandi itajegajega. Bari baragambiriye kubaha Imana ku kiguzi icyo ari cyo cyose. Nimwumve uko bavuze: "Petero na Yohana barabasubiza

bati “Niba ari byiza imbere y’Imana kubumvira kuruta Imana nimuhitemo.” *Ibyakozwe n’intumwa 4:19*

Mu gihe cyose iyi nyifato yo kugendera ku bushake bw’Imana yari ikomejwe, itorero ryari imbaraga inesha. Mu gihe iyi nyifato yo kugendera ku bushake bw’Imana yari iretswe, itorero ryahindutse imbaraga irenganya.

Kuva ku gitabo cy’Ibyakozwe n’intumwa kugera ku gitabo cya Yuda, ni amateka avuga kujya mbere no gukura kw’itorero rya Gikristo. Ariko nyuma y’ikinyejana cya mbere hari impinduka zatangiye kwinjira mu itorero. Bwa mbere itorero ryihuje n’isi, hanyuma rirahinduka rigira umutima wa kinyamaswa. Ryirengagije ubushake bw’Imana, maze ritangira guhatira abantu ubushake bwaryo ubwaryo, rivugana agasuzuguro ko ubushake bwaryo ari bwo bushake bw’Imana. Bidatinze ritangira kuzana ibyiganano bya buri kintu cyose gifitanye isano n’umugambi w’Imana wo gukiza abantu icyaha no kubaha imbaraga zo gusohoza ubushake bwayo.

Imyaka yakurikiye iki gihe, [mu mateka] yitwa “Ibihe by’umwijima,” yiswe ityo kubera akarengane k’itorero ryari ryarasayishije mu buhakanyi bukabije. Ariko, ni iki cyatumye ibyo byose bibaho? Ni iki cyatumye imbaraga y’Imana iva mu itorero, maze rigahinduka irifite inyota yo kumena amaraso n’irinyagitugu kurusha abanyagitugu isi yigeze kugira? Umunyamateka atubwira ko ibi byose byatangiye mu buryo bworoheje ndetse bwagaragaraga nk’ubutagize icyo butwaye. Itorero ryatangiye

gushyikirana n'isi, ritangira no kwakira ibihendo byayo. Ryatangiye kwifuza no kwemera ibyubahiro isi yari iri guha abayobozi baryo. Uko itorero ryagendaga rirushaho kwisanisha n'isi, ni ko ryarushagaho kugira umutima wa kinyamaswa wo kutihanganira abandi, kugeza ubwo ryijanditse mu maraso y'abatinyukaga gusenga Imana bakurikije gahunda y'imyizerere itandukanye n'inyigisho zaryo z'ibinyoma.

Ahagana ku iherezo ry'ikinyejana cya mbere Yohana yandikiye itorero agira ati: "Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi." Ariko itorero mu gukunda iby'isi kwaryo ryibagiwe ibyo byose, maze ryanduza amateka yo muri ibyo binyejana ku bw'ibibi bishishana ryakoraga, kugeza ubwo isi yahagurutse ikarirwanya ikoresheje imbaraga n'intwaro, ikaritegeka kuhagarika ibikorwa byaryo biteye ubwoba, rikareka abantu bakabaho, uko ibitekerezo by'iyobokamana byabo byaba bimeze kose.

> Buri gihe cyose amateka yagiye agaragaza icyigisho gitangaje cy'uko mu gihe cyose itorero ryabaga ryihuje n'isi, uko kwihuza kwasenyaga itorero

## Ubugorozi Bwa Giporotesitanti

Impamvu yatumye habaho amateka yijimye muri icyo gihe yaturutse mu kuba itorero ryarakunze isi n'ibiri mu isi. Iryo ni ryo ryabaye iherezo ry'igika cya karindwi

cy'amateka y'itorero. Buri wese ashobora kubona ko iki gika cy'amateka kitugaragariza inkuru y'icyaha kiruta ibindi cy'itorero no gutsindwa gukomeye kuruta ukundi kose kwigeze kubaho.

Igika cya munani gitangirana n'ubugorozi bwa giporotesitanti. Amadini atandukanye yaravutse, buri dini ryose ryamamaza ukuri runaka kwa giporotesitanti, kandi riyobora ubwoko bw'Imana ngo bujye imbere. Abagabo bo mu bihugu bitandukanye barakoreshejwe kugira ngo bakangure imitima kandi bayobore ibitekerezo by'abantu ku kuri guhoraho. Ni muri ubwo buryo amenshi mu madini ya giporotesitanti yabayeho. Buri dini ryose ryari rifite ukuri runaka ko gutangaza cyangwa ihame ry'ingenzi ryo gosobanura neza. Uko kuri, hamwe n'ukundi bari barakiriye mbere, kwahindutse amahame shingiro bubatseho.

Bwari ubushake bw'Imana ko buri dini ryose ritagumana ibyo rifite gusa, ko ahubwo ryakwakira ukuri kuruseho, uko Imana yari kuzajya ibona ko ari ngombwa kukubahishurira. Bagombaga gushikama ku kuri n'amahame bari baramenye, maze ku bw'ibyo bakabasha kwakira n'irindi hishurwa ry'ubushake bw'Imana.

Mbese ibyo amadini ya giporotesitanti yarabikoze? Kugira ngo tumenye ko batigeze babikora, birahagije gusa kureba ahatuzengurutse ku bisagazwa by'ukwizera kwa giporotesitanti biri ahantu hose. Mu by'ukuri, abaporotesitanti ntabwo batsinzwe mu kujya mbere

kw'ukwizera kwa Gikristo gusa, ahubwo hafi ya bose, bananiwe no kugumana amahame yatumye babaho. Abashinze menshi muri ayo madini ya giporotesitanti baramutse baje muri abo bantu bigeze kwigisha no guhishurira ukuri, basanga amadini yari yaratangiye neza, ari kure cyane y'ubushake bw'Imana kurusha itorero basohotsemo ubwo Imana yabahamagaraga bagitangira.

Kuki bimeze bitya? Mbese biterwa n'uko kwa kuri n'amahame shingiro basanze atari ukuri, nta n'agaciro afite? – Oya rwose. Ahubwo ni uko abantu bumviye ijwi ry'isi aho kumvira ijwi ry'Imana. Bananiwe gukomeza ibyo bari barakiriye. Bashutswe n'ibihendo by'isi. Bageze aho bakunda isi; kandi uko gukunda isi byiyongeraga, ni ko gukunda Imana n'ukuri kwayo byayoyokaga. Bisanishishije n'isi aho guhinduka ngo bagire imitima mishya.

Uko ni ko Ubuporotesitanti bumeze muri iki gihe; kandi mu buryo buteye inkeke, ubuporotesitanti buyobowe n'abagabura bajyaga gufatwa nk'abatizera kandi bakamaganwa nta gutindiganya mu myaka mike ishize. Hari ibintu byinshi biri kugenda bivuka mu bihugu bya Gikristo birwanya kwizera kwa Gikristo, kandi itorero nta mbaraga rifite zo kubihagarika.

Turi kubana n'ibyo bintu biteye ubwoba, kandi ntitwitaye na gato ku busobanuro bwabyo bushishana. Ubuporotesitanti burimo gutsindwa muri ibi, kandi ntabwo twumva ko bitureba cyane. Bwumvikana bufite

ijwi ridafite imbaraga. Ku ruhimbi rw'amatorero ya Giporotesitanti ntabwo hacyumvikana kwa kuri gukomeye kwa Giporotesitanti. Byari bikwiriye kutubabaza cyane kuba tugomba kwemera ko igika cya munani cy'amateka y'inyokomuntu, kiri gusoreza mu gutsindwa guteye ubwoba no kunanirwa gusohoreza umugambi w'Imana mu mibereho y'abantu isi ifata nk'ubwoko bw'Imana.

Ariko aya mateka araza akagera no mu gihe cyacu, kandi dushobora kubona neza impamvu zateye ibi muri iki gihe. Ni iki cyagejeje Ubuporotesitanti kuri iyi miterere ibabaje yo gusubira inyuma? Kugira ngo bukomeze kubaho no gukwirakwiza ukuri kwabwo, Ubuporotesitanti bwashinze ibigo byo kwigishirizamo no guhugura. Byari byarashyiriweho kuba nk'inkingi itajegajega y'ukubaho k'Ubuporotesitanti. Ariko ibyo bigo byahindutse ibihome bikomeye byo kutizera n'inzira zivana abantu ku mahame akomeye kandi y'ingenzi y'ukuri Yesu yashinzeho itorero rya Gikristo. Ubuporotesitanti bwaragambaniwe, kandi burimo kugambanirwa n'ibigo byabwo by'uburezi. Ibyo bigo by'amashuri byinjije isi mu itorero inyuze ku ruhimbi no mu mibereho y'abavuga ko bizera, none umusaruro wavuye muri ibyo, ni uko itorero nta mbaraga rifite muri iki gihe cy'akaga ririmo.

Binyuze mu mashuri y'itorero rya giporotesitanti, ubuporotesitanti bwahaye isi umurimo wo kwigisha no gutoza abayobozi babwo, abapasitoro n'abandi bashinzwe

imirimo mu itorero, maze Umwuka wabayoboraga wo kwamamaza ubutumwa uva mu itorero.

Muri ibi harimo icyigisho cy'ingenzi kitureba, kandi gifite inkomoko itari iya kure mu mateka, ahubwo ni iyo mu gihe cyacu. Imana idufashe gukomeza ibyo dufite hatagira udutwara ikamba ryacu.

> Nemera ko ibi bintu ari ingenzi cyane ku buryo dukwiriye kongera gusuzuma neza aho duhagaze, ndetse byaba ngombwa, tukongera tugatangira bundi bushya.

## Itorero Ry'Abadivantisiti B'Umunsi Wa Karindwi

Igika cya cyenda cy'iyi nkuru y'amateka kigaragara mu bice bisoza by'igitabo cy'Ibyahishuwe. Mu gihe cyihariye hatangijwe itsinda rigomba gusoza umurimo w'ubugorozi by'iteka. Uyu murimo uheruka ugomba gukorwa mu gihe cy'urubanza. Ugomba gukorwa n'abantu bavugwa ko ari "abasigaye." Ni umurimo ugomba gukorwa mu gihe kwizera kurimo kurayoyoka mu mibereho y'abantu; mu gihe isi iri mu rujijo, n'abayituye bakaba bari mu bwihebe; mu gihe kutizera kwabaye gikwira kandi kwiratwa n'abantu. Ubutumwa bw'iri tsinda ry'abasigaye bugomba kubwirizanywa imbaraga, kandi hamwe no kwizera ubwo butumwa, abarigize bagomba kwitandukanya n'isi n'ibyayo byose mu mibereho n'amahame n'ibyo

bagambiriye, no kwizera n'ibyiringiro. Iri tsinda rigomba kugera ku nsinzi ku bwo gushikama ku kuri k'umwihariko n'amahame byatumye ribaho. Dufite kwizera, kandi twabwirije ibyo twizera hirya no hino, ku buryo turi abantu bagomba kugirana isano n'icyo twahamagariwe kuba cyo.

Twizera ko umurimo twahawe ari wo uzageza ku musozo umurimo Imana ikorera abanyabyaha. Twizera ko ukuri tubwiriza kuzategura inzira y'Uwiteka mu bantu bose. Tubwiriza uko kuri ku mugaragaro hirya no hino. Ariko hari ibintu bibiri by'ingenzi tugomba kwitaho:

Icya mbere, ni uko iri tsinda turimo, niba ritayobowe hakurikijwe ubushake bw'Imana, rizatsindwa nk'uko n'ayandi matsinda yose yabayeho y'ubwoko bw'Imana hanze ya Edeni yatubanjirije yatsinzwe.

Icya kabiri, ni uko Bibiliya yagaragaje mbere ko iri tsinda rigomba gusakirana n'imbaraga ikomeye ya Satani n'abakozi be bagamije kuririmbura, no gutuma ritsindwa mu gusohoza umugambi w'Imana.

Ibyo bintu bibiri bigomba guhora mu bwenge bw'abayobozi bacu buri gihe, kandi bigomba no gutuma tugira imbaraga n'ubwenge muri buri kintu cyose dukora mu nshingano zacu zo kuyobora.

Iyo turebye ahahise mu bindi bika by'amateka, tubona neza impamvu zo gutsindwa. Muri make izo mpamvu zikubiye mu ngingo imwe, ari yo: "gukunda isi." Ubwoko bw'Imana ntibwigeze na rimwe butsinda mu gihe cyose

bwari bwemeye kwifatanya n'isi. Bwaneshaga gusa mu gihe bwababaga bwemeye kwifatanya n'Imana, kugira ngo Ikorere muri bwo ubushake bwayo kandi na bwo bukore bukurikije ubushake bw'Imana. Bigomba guhora bimeze gutyo. Ubwoko bw'Imana bwasigaye ntibushobora kunesha binyuze mu gukunda isi no kwemera ibihendo byayo no kumvira amararika yayo, nk'uko byabaye kuri Isirayeli ya kera.

Ubutumwa bwatugize abasigaye budusaba kwitandukanya n'isi. Kuki? – Kubera ko, bitabaye bityo, tuzatsindwa ku buryo buteye ubwoba buruta ubundi bwose bwigeze bubaho mu bwoko bw'Imana. Imana yaravuze iti: "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo… mwe guhabwa no ku byago byawo." *Ibyahishuwe 18:4*

Niba tutitandukanyije n'isi, ntidushobora gutsinda. Niba tutitandukanyije na yo, igika cya cyenda cy'amateka y'ubwoko bw'Imana kizaba inkuru y'umurimo watangiye neza, ariko ugateshwa agaciro kandi ukangizwa n'intege nke no kutizera, hamwe no gutwarwa n'iby'isi kw'abayobozi n'abizera, inkuru y'abantu bahawe inshingano yo kurangiza umurimo w'Imana, ariko bagatsindwa.

Ubwo iri torero ryatangiraga, kwizera kw'abantu baryo kwari gushikamye. Bari abantu boroheje mu mutima bafite kwizera kandi batatwawe n'isi. Bari abantu bitanga kandi bashikamye cyane. Bari bafite ibyiringiro

bitajegajega. Bari bafite umwete udacogora. Ntidushobora kunesha mu buryo ubwo ari bwo bwose niba tudafite iyo mico. Isi n'ibyayo byose biri hafi gushiraho. Niba tugomba kunesha mu byo Imana yaduhamagariye, tugomba kuvana urukundo rw'iby'isi by'imburamumaro mu mitima yacu. Niba tudashaka gutsindwa mu buryo bubabaje kuruta abatubanjirije, tugomba kunesha isi, maze tukareka ubushake bw'Imana bukaba nyambere muri buri kintu cyose dukora.

Ni ibintu bisanzwe kuri buri tsinda ry'abantu ryose riyobowe neza, rimwe na rimwe, guhagarara ngo babanze bagenzure umwanya barimo, iterambere ryabo, icyerecyezo cyabo, uko basohoza umugambi wo kubaho kwabo, na buri kintu cyose gifite aho gihuriye n'uko bameze kandi gishobora kugira ingaruka ku hazaza habo. Igenzura nk'iryo ni ryiza, riracyenewe, kandi hari icyo rigaragaza. Ndizera ko aya ari amahirwe kuri twe yo gukora igenzura nk'iryo. Ahari, nta gushidikanya ko tuzagenzura ibijyanye n'imari, umubare w'abizera, n'ibindi birebana n'ibarurishamibare. Ariko ibyo turabikora buri gihe. Ahubwo, muri icyi gitondo ndimo ndahamagarira abantu kugenzura ibintu by'ingenzi cyane bitagaragara muri raporo zacu z'imari n'iz'ibarurishamibare. Ntibishobora kugaragara muri izo raporo, kubera ko bidapimishwa imibare cyangwa inyandiko z'amaraporo, ntibinashobora gusuzumwa n'abagenzuzi bacu.

> Mu gihe cyose iyi nyifato yo kugendera ku bushake bw'Imana yari ikomejwe, itorero ryari imbaraga inesha. Mu gihe iyi nyifato yo kugendera ku bushake bw'Imana yari iretswe, itorero ryahindutse imbaraga irenganya.

Kuva kera kose hariho igipimo kimwe gusa gishobora gusuzumishwa ubwoko bw'Imana. Icyo gipimo ni ubushake bw'Imana. Mu maso y'Imana, imibereho n'imirimo abantu bakora bifatwa nk'ibyageze ku ntego cyangwa nk'ibyahushije intego bitewe n'isano bifitanye n'ubushake Bwayo. Imibereho n'imirimo bisohoza ubushake bw'Imana bihabwa agaciro gakomeye mu buryo bwose, mu gihe imibereho n'imirimo bidasohoza ubushake bwa Data wa twese bibarwa nk'ibidafite agaciro mu ijuru.

Hamwe n'uko kuri kw'ingenzi mu bwenge bwacu reka noneho dusuzume ibi bibazo: Mbese turimo kunesha mu rugamba rwo kuvana urukundo rw'iby'isi mu mitima yacu no gutuma imibereho yacu igira imbaraga yo guhindura isi? Cyangwa turimo gutwarwa na wa mwuka w'iby'isi watumye habaho gutsindwa kw'itorero mu bika byabanje by'amateka? Mbese turimo gushyira imbere ubushake bw'Imana muri buri murimo wose tuyikorera? Mbese turimo kubaho no gukorera gusohoza umugambi Wayo w'iteka?

Benedata, ibi bintu bindi ku mutima no mu bitekerezo cyane, kandi bimaze igihe bindimo. Hari ibintu byinshi, byinshi mbona muri iri torero, byashyizwemo n'ukuboko kw'Imana – ibintu bikomeye, ibintu by'ukuri, ibintu mvajuru. Ibyo bintu bigomba kuguma muri twe kandi bigahabwa umwanya ukomeye kandi w'ingenzi mu mibereho yacu no mu murimo dukora. Mu by'ukuri ibi bigomba kuba gutyo, niba dushaka kugera ku nsinzi iheruka. Ariko kandi, ndimo kubona n'ibindi bintu bitari byiza birimo kwigarurira itorero, birimo birahabwa umwanya munini wo kugenga itorero; kandi ibyo bintu birasa rwose n'ibibi byinjiye kandi bigasenya imibereho y'itorero mu bihe byose byabanje by'amateka. Hagati muri twe hari kugenda hagaragara gutwarwa cyane n'iby'isi. Ntabwo ndimo kuvuga ko tutarimo kubirwanya na gato; ahubwo ndemera ko imbaraga turi gukoresha mu kurwana ari nkeya ku buryo zitari gutuma dukomeza gushikama. Turi kurushaho kugenda dusubira inyuma, kandi bikwiriye kudutera impungenge.

Iyo turebye ahahise mu mateka, tubona ko nta hantu na hamwe isi yigeze ibaho isohoza umugambi w'Imana. Buri gihe cyose mu mateka hagaragara icyigisho gitangaje cy'uko iyo itorero ryabaga ryihuje n'isi, uko kwihuza kwasenyaga itorero. Dore mu ncamake icyo amateka agaragaza: Mu gihe cyose itorero ryabaga ryitandukanije n'isi, isi yashakaga kurimbura itorero ikoresheje akarengane; ariko mu gihe itorero ryemeraga kwishingikiriza ku bubasha bw'isi maze bagahana

ibiganza, itorero ubwaryo ryakoreshaga ubwo bubasha bw'isi mu kurimbura ubwoko bw'Imana rikoresheje akarengane. Nta hantu na hamwe mu mateka yose tubona Ubukristo nyakuri bwifatanya n'isi, cyangwa ngo bwishimire kwishingikiriza ku bubasha bwayo, cyangwa ngo bwemere guhabwa ibyubahiro by'isi.

Twebwe nk'ubwoko bw'Imana ibi byose turabizi. Nta bantu na bamwe kuri iyi si bafite umwete n'amakenga mu byo bakora ngo barekere itorero mu mwanya waryo na leta mu mwanya wayo. Ariko nubwo ibyo bimeze bityo, mumenye ko turi mu kaga ko gukomeza kugenda mu nzira igana ku gutsindwa kubera ko turi kugenda turushaho kwihuza n'isi.

Hari ubufatanye tubona mu Ijambo ry'Imana butandukanye cyane n'ubwo. Dore uko Ibyanditswe bivuga mu rwandiko Pawulo yandikiye Abakolosayi 2:6-9:

"Nuko rero nk'uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu abe ari ko mugendera muri we, mushoreye imizi muri we kandi mwubatswe muri we, mukomejwe no kwizera nk'uko mwigishijwe, mufite ishimwe ryinshi risesekaye."

"Mwirinde, hatagira umuntu ubanyagisha ubwenge bw'abantu n'ibihendo by'ubusa bikurikiza imihango y'abantu, iyo bahawe na ba sekuruza ho akarande, kandi bigakurikiza imigenzereze ya mbere y'iby'isi bidakurikiza Kristo. Nyamara muri we ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri."

Iyo turebye mu kinyejana cya gatatu cy'ubukristo, twibuka akarengane kakozwe n'umwami w'abami Diocletian (soma Diyokelesiyani), katigeze gahungabanya imibereho y'iby'umwuka y'itorero; itorero ryahuye n'umunsi mubi mu mateka ubwo intebe y'ubwami yari itangiye kuririndisha ububasha bwayo. Byatangiye leta yihanganira abakristo, maze irindisha itorero ububasha bwayo, hanyuma yihuza na ryo, birangira irimbuye imibereho y'iby'umwuka y'itorero.

Thomas Cooper (soma Tomasi Kupa), umwanditsi w'igitabo, "The Bridge of History Over the Gulf of Time," (Ikiraro cy'Amateka gihuza umworera w'igihe) yaranditse ati: "Uburyarya bwa Constantin bwo kurindisha ububasha bwe abigisha b'Abakristo… bwamwongereye imbaraga cyane, mu gihe bwari bugamije kurimbura imibereho y'iby'umwuka y'itorero rya Gikristo."

Kuva igihe Umukiza yoherezaga itorero Rye kubwiriza ubutumwa bwiza, kumererwa neza kwaryo n'itsinzi yaryo mu murimo w'ivugabutumwa, byababaga bishingiye mbere na mbere ku Mana, no ku budahemuka bw'abigisha baryo. Kuyoba kw'abigisha, buri gihe byatumaga itorero rigwa. Bityo, ni ingenzi cyane ko itorero rigomba guhora riyobowe n'abagabura bafite kwizera nyakuri n'imitima ishikamye. Isomo dukura ku muhati wa Kristo wo gutegura abo yatoranirije umurimo w'ivugabutumwa, ni uko yari afite umugambi w'uko itorero Rye rigomba kuyoborwa

n'abagabo bashoye imizi ubwabo mu bwiru bw'ukuri kw'Uwiteka.

Bityo, umurimo wahawe itorero ugomba guhora uyobowe n'abagabura batatwawe n'iby'isi. Constantine yashyizeho inzira yizewe yo kurimbura itorero, yatumye habaho Ubupapa, ashyiraho ubutware bw'inyamaswa bwagombaga kurwanya itorero kugeza ku iherezo ry'ibihe; ibyo yabigezeho ubwo yarindishaga ububasha bwe abigisha bo mu itorero ry'icyo gihe, maze asenya kwiyoroshya kwabo abahindura nk'ab'isi. Ni ingenzi cyane kuri twe kubona uburyo ibyo yagezeho mu myaka ya mbere y'ikinyejana cya kane byongeye kwisubiramo nanone mu mateka y'Ubuporotesitanti. Uko Ubuporotesitanti bumeze ubu, ni ingaruka yo kuyoba no kwangirika kw'abigisha babwo.

Icyigisho cyahuranije cy'ubutumwa bwiza ni ikivuga ko umunyabyaha ashobora kubaho gusa binyuze mu rupfu. Agomba gupfa ku by'isi maze akabaho ku Mana. Ikibazo nibaza ni iki, mbese abagabura batwawe n'iby'isi bashobora kuyobora ubwoko bw'Imana mu nzira uku kuri gusaba? Niba bo ubwabo bataraapfuye ku by'isi, ni gute bashobora kwigisha abo bayobora inyigisho yabageza aho bumva ko ari ngombwa kupfa ku by'isi? Niba umugabura n'abizera b'itorero nta n'umwe wapfuye ku by'isi, ni gute ubugingo bw'Imana bushobora kuboneka mu itorero?

Kuva kera, ni ngombwa buri gihe ko abagubura b'itorero bigishwa neza. Buri gihe, byabaga ari ngombwa ko ibyiciro

byose by'umurimo w'Imana biyoborwa n'abakozi bubaha Imana by'ukuri. Ariko kandi, buri gihe umwanzi w'itorero yahoraga ashaka kwigarurira uko ashoboye kose gahunda zose zo kwigisha abakozi b'Imana. Kuko azi ko mu gihe abagabura buzuye Umwuka w'Imana, nta kintu na kimwe kiri munsi y'ijuru gishobora kunesha itorero, Satani ahora ashaka ko itorero riyoborwa n'abagabura batagira umwuka w'Imana, batizera, bigishijwe ubwenge bw'isi, kandi bafite ibitekerezo byatwawe n'isi. Kugira ngo abigereho yagiye yinjiza gahoro gahoro amatwara n'inyigisho bye, mu bigo bikomeye aho abagabura n'abigisha b'abaporotesitanti bigishirizwa. Iki ni cyo gisobanuro nyamukuru cyo gutsindwa k'Ubuporotesitanti, no kubura imbaraga zo guhangana no kutizera kwabaye gikwira muri iyi minsi.

## Uko Twebwe Duhagaze

Noneho natwe, dushobora kwibaza iki kibazo: Mbese turimo kunesha mu rugamba rwo kuvana urukundo rw'iby'isi mu mitima yacu no gutuma imibereho yacu igira imbaraga yo guhindura isi? Noneho reka duhagarare gato tubanze turebe niba mu mihati yacu yo gukorera Imana turimo gushyira imbere ubushake Bwayo tukaburutisha inzira z'isi. Ikintu gikomeye nemera ni uko dufite impamvu ziremereye zo gutuma twita kuri ibi bibazo.

Ndemera ko hari urukundo rw'ibinezeza by'isi ruri kugenda rukura mu bantu bacu. Imbaraga zacu zo kurwanya gutwarwa n'iby'isi ziri kugabanuka cyane. Ni

ibintu bigaragara cyane ko dufite ubushake bwo kwirundurira mu gutwarwa n'iby'isi. Ibi bintu ndabibona, kandi bintera ubwoba.

Nterwa ubwoba n'agaciro duha ibintu by'imburamumaro. Nterwa ubwoba n'icyerekezo uburezi bwacu n'amashuri yacu biri gufata. Mbabazwa cyane n'uburyo mu murimo wo kwigisha no gutoza abakozi bacu turimo kugendera ku by'isi cyane kurusha uko turi kugendera ku by'Imana. Mfite agahinda kubera ko turi kwemera imyizerere ipfuye ivuga ko umuntu ashobora kugera ku rugero rwo hejuru akoresheje inzira z'isi kuruta gukoresha inzira y'Imana.

Nizera ko ibintu byose byo ku rwego rwo hejuru kandi by'ukuri bigerwaho gusa binyuze mu gusohoza ubushake bw'Imana, ariko ngira ubwoba iyo ndebye imbaraga n'umutungo dukoresha dushaka kugera ku ntego yacu tunyuze mu zindi nzira. Bene data, sinizera ko hari ubufasha dushobora kubona mu gukurikira iyo nzira, kandi mbabazwa cyane n'uko twakomeje guhatirwa kujya muri icyo cyerekezo n'umwuka wo gushaka gukomera kurusha abandi ariko tubyihangiye, mu gihe cyose twabaga tubisabwe n'imbaraga iturusha ububasha.

Nta hantu na hamwe mu mugambi w'Imana hateganyijwe ko ubu bwoko bushobora kwakira gahunda z'igenamigambi ry'uburezi zateguwe n'isi. Nta hantu na hamwe mu mugambi w'Imana dushobora kohereza abakozi n'abagabura bacu aho bashobora kwigarurirwa

n'imbaraga y'isi. Twabwirijwe n'ijwi rivuye mu ijuru ubwaryo kuri izo ngingo, ndetse dufite amabwiriza ahagije kandi asobanutse neza ku buryo nta rwitwazo dushobora kugira mu gihe cyose bigaragaye ko dukora mu buryo bunyuranye n'Ibyanditswe. Inzira imwe rukumbi twagaragarijwe dushobora guhungiramo ibyago bizagwira Babuloni ni ukuyisohokamo no kwitandukanya na yo, kandi tukaguma hanze yayo ndetse tugakomeza kwitandukanya na yo.

Nemera ko ibi bintu ari ingenzi cyane ku buryo dukwiriye kongera gusuzuma neza aho duhagaze, ndetse byaba ngombwa, tukongera tugatangira bundi bushya. Uko byamera kose tugomba gukomeza ukuri ko mu butumwa bwiza dufite, kugira ngo tutabura ikamba ryacu. Tugomba gukomeza kujya mbere tuzirikana umugambi w'Imana mu bwenge bwacu, dufite ubutwari no kwitanga, kandi ntitugire ikintu na kimwe twemerera kuturiganya ingororano yacu.

Ibyo isi ishobora gutanga nta mwanya n'umwe bifite mu byangombwa dukeneye kugira ngo turangize umurimo neza. Icyangombwa cyacu cy'ingenzi ntabwo ari ukurundanya ubwenge n'ubumenyi bitangwa n'isi, nubwo bwaba ari ubwenge n'ubumenyi buruta ubundi, ahubwo icyo dukeneye ni ukuvugurura umushyikirano dufitanye na Kristo kubw'agakiza kacu, no kugira imibereho isohoza ubushake Bwe mvajuru, ari byo bizadutandukanya n'isi kandi bikatwuzuza imbaraga iva kuri Mwuka Wera.

Kuruta ikindi kintu cyose dushobora kumenya, itorero ry'abasigaye bakeneye kumenya ko Kristo ari kubahamagarira kubaha imibereho itari ukubigisha no kumurikira ubwenge bwabo gusa, ahubwo ko ashaka no gutunganya imitima yabo, agatura mu buturo bwera bw'imitima yabo, agatunganya imigambi, kandi akabatera gushaka gusohoza ubushake bw'Imana mu mibereho yabo no mu murimo bakora. Nibitaba bityo, ntituzashobora gukomeza ibyo dufite, kandi tuzariganywa ingororano yacu. Itsinzi yacu ntabwo ishingiye ku byo twakopeye mu isi, ahubwo ishingiye mu gushikama ku butunzi mvajuru twahawe.

Icyo dukeneye ubungubu ni ukwakira ubuntu bw'Imana ku rugero ruhanitse bwo kudushoboza gukora ubushake bwera bw'Imana ku kiguzi byadusaba cyose. Ndasaba ngo Uwiteka mwiza atugenderere, afungure imitima yacu kandi adutere kwakira ubwo buntu. Dufite inshingano yo gukora umurimo w'Imana mu gihe cyuzuyemo kutizera, kandi tukawukorera isi irimo gushayisha mu cyaha uko yakabaye. Reka twe gukinisha iyo nshingano mu gihe kimeze gityo kandi ari wo murimo ukenewe cyane. Tuzaba turi nk'abantu batagira ubwenge nituramuka tugiye gushakira imbaraga, ubufasha, n'ibikenewe byo gufasha ubwenge n'imitima yacu muri iyo si yazimiye, kugira ngo tube intumwa z'Imana zo gukiza iyo si yangiritse. Nituramuka tubikoze, mbese ntituzavugwaho ko twongeye gusubira mu by'isi by'imburamumaro?

Benedata, umutima wanjye urimo kumbwira ko dufite ubukene bukomeye, bukomeye cyane ku buryo budashobora kumarwa n'ikintu icyo ari cyo cyose isi ishobora gutanga. Tugomba kujya ku isoko isumba isi, aho ubukene bwacu bushobora guhazwa bwose uko bwakabaye. Mbese ubu "ntitwagenzura inzira zacu, maze tukongera tugahindukirira Uwiteka?" Mbese "ntitwazamura amaboko yacu tukayerekeza ku Mana mu ijuru?" Izatugirira imbabazi. Izatuyobora mu nzira yo gusohoza umugambi Wayo, mu buryo buhuje n'ubushake Bwayo mvajuru. Nituramuka twemeye gukurikira iyo nzira, kandi tukabaho dusohoza uwo mugambi udahinduka, ubu bwoko bw'Imana buzarangiza umurimo bunesheje; kandi mu gihe iyi si yadushukaga ikanatwangiza, izaba iri kumanuka ijya mu irimbukiro ryayo, tuzambikwa amakamba y'ubugingo buhoraho, kandi duhabwe ingororano zacu.

Noneho, mureke twe gukunda isi n'ibyayo, ahubwo mureke twishimire inzira z'Imana kandi dukunde gukora dukurikije uko yadutegetse. Ndasaba Umwuka mwiza w'Uwiteka ngo abane natwe kandi adufashe mu gihe nk'iki, mu izina rya Kristo.

# Icyigisho cya 8

## Ubushakashatsi bwimbitse ku myizerere y'abagize itorero, n'uburyo abizera b'Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi babona ibintu.

[David Trim, umuyobozi w'ibiro by'Inteko Nkuru Rusange bishinzwe kubika inyandiko, ibarurishamibare n'ubushakashatsi, yagaragaje ibyavuye mu bushakashatsi bwimbitse bwakozwe ku bizera b'itorero. Ibyavuye muri ubwo bushakashatsi yabishyikirije abayobozi b'itorero mu nama ngarukamwaka ku wa Gatatu [w'Isabato], tariki 15 Ukwakira 2013.]

Ubu ni bwo bushakashatsi bwimbitse kurusha ubundi bwose bwakozwe ku birebana n'imyitwarire, imyizerere, imibereho n'ibikorwa by'iyobokamana by'abizera b'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi; kandi bwashimangiye ibintu byiza abaramya Imana bakunze kuvuga kuva kera birebana n'itorero, ariko bunagaragaza undi murongo itorero riri kugenda ryinjiramo mu kwihuza n'isi mu buryo buteye inkeke bamwe mu bayobozi b'itorero.

Dore bimwe mu bintu bikomeye byavuye muri ubwo bushakashatsi:

1. Ubwo abizera babazwaga umuntu babona nk'inshuti yabo, ubagaragariza urugwiro, ubitaho kandi ufite icyo amariye imibereho yabo y'ibya Mwuka, abenshi

bagaragaje ko abigisha b'ishuri ryo ku Isabato ari bo baza imbere y'abapasitoro n'abakuru b'itorero kuri iyi ngingo.

2. Bitatu bya kane (3/4) by'abizera b'abadivantiste bemera badashidikanya umurimo wa gihanuzi wa Ellen G. White.

3. Umuryango umwe mu miryango itatu y'abizera b'abadivantiste ni wo wonyine ugira gahunda yo gusenga buri munsi.

4. Hafi kimwe cya kabiri cy'abanyeshuri biga mu mashuri y'abadivantiste n'abamaze igihe gito barangije kwiga muri ayo mashuri bavuze ko bumva bakwemera kuryamana n'abo bahuje ibitsina kandi bagakomeza kuba abizera b'itorero nta kibazo.

5. Abantu icyenda mu bantu icumi bahagaritse kujya gusenga mu itorero ry'Abadivantiste, ntibigeze basurwa na pasitoro na rimwe uhereye igihe bahagarikiye kuza gusenga.

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi, byashyizwe ahagaragara muri iki cyumweru bishyikirizwa abayobozi b'itorero mu Nama Ngarukamwaka y'Inteko Nkuru Rusange yo mu mwaka wa 2013 ku cyicaro gikuru I Silver Spring, muri Maryland; byakozwe n'Ibiro by'Inteko Nkuru Rusange bishinzwe kubika inyandiko, ibarurishamibare n'ubushakashatsi mu myaka ibiri n'igice ishize.

Ubushakashatsi bwifashishije ibintu bitanu bitandukanye mu kubona amakuru. Bwakoresheje impapuro zanditseho

ibibazo byo gusubiza (questionnaires) zigera ku 41,000 zakoreshejwe hirya no hino ku isi; bwifashishije abapasitoro 4,260; bwifashishije abizera b'itorero bagera ku 26,000; bwifashishije abanyeshuri n'abamaze igihe gito barangije mu mashuri y'abadivantiste 1,200; bwanifashishije abantu 900 bahoze ari abizera b'Itorero ry'Abadivantiste. Amatsinda y'abashakashatsi baturutse muri za kaminuza z'abadivantiste ku migabane itandukanye na bo batanze umusanzu wabo ukomeye.

Mu gihe abizera icyenda ku ijana (9%) bonyine ari bo basuwe na pasiteri nyuma y'aho bigaragaye ko batakiza gusenga, umubare munini w'abahoze ari abadivantiste bavuze ko basuwe n'abakuru b'itorero n'abandi bizera b'itorero. Nubwo bimeze gutyo, ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko abizera bane mu bizera icumi (4/10) bavuye mu itorero batarigeze basurwa n'umuntu n'umwe.

Trim, umuyobozi w'ibiro by'Inteko Nkuru Rusange bishinzwe kubika inyandiko, ibarurishamibare n'ubushakashatsi, yavuze ko kuba abizera bazimira kandi ntibimenyekane ari "akaga gakomeye."

Kuva mu mwaka w'2000 kugeza mu mwaka w'2012, abantu barenga miliyoni cumi n'eshatu n'ibihumbi magana atandatu (13,600,000) binjiye mu itorero banyuze mu mubatizo. Ariko muri icyo gihe (2000-2012), abizera miliyoni eshanu n'ibihumbi magana acyenda barazimiye bava mu itorero (kandi ntabwo muri uwo mubare harimo

abapfuye). Icyo ni igihombo cyingana na mirongo ine na gatatu n'ibice bine ku ijana (43.4%) by'abizera bashya binjiye mu itorero. Trim yaravuze ati "ibi birakabije."

Mu bantu babajijwe muri ubu bushakashatsi, mirongo icyenda ku ijana (90%) basubije ko bizera badashidikanya ko Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi ari ryo torero ry'ukuri ry'Imana ryo mu minsi ya nyuma rifite ubutumwa bwo guteguriza isi kugaruka kwa Kristo. Babajijwe niba biteze ko isi ishobora kurangira mu myaka makumyabiri iri imbere, makumyabiri na babiri ku ijana (22%) basubije ko babyiteze nta gushidikanya, mu gihe mirongo ine na batanu ku ijana (45%) basubije ko batabyiteze na gato. Trim yaravuze ati "Ntabwo ari uko abizera b'itorero batizera ko Kristo agiye kugaruka, ahubwo biragaragara ko hariho ugushidikanya gukomeye ku bijyanye n'uko Kristo agiye kugaruka vuba bidatinze."

Ubushakashatsi bwarangiye bugaragaje ko kwihuza n'isi bitakiri muri Amerika, Uburayi na Ositaraliya gusa. "Biri ahantu hose ku isi." Trim yaravuze ati "Abizera b'itorero bareba ibiganiro kuri televiziyo bimwe n'iby'abandi bose, ibyo basoma kuri interineti ni kimwe n'iby'abandi, kandi kwihuza n'isi ni ikibazo gikomeye."

# Icyigisho cya 9

## Irarika rya Gihanuzi Ryihutirwa

## Ubutumwa bw'Umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange (Pastor Ted Wilson)

## {14 Ugushyingo 2013}

Benedata na bashiki banjye muri Kristo, nk'umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange y'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi, bimpa ikizere gikomeye kumenya ko iri torero riri mu biganza by'Imana. Imana ni Yo Yarishinze, ni Yo Muyobozi waryo w'ikirenga, Ikaba n'Umutwe waryo. Imana Yakomeje kuyobora iri torero mu bihe byahise, ubu ni Yo irishyigikiye kandi ikarikomeza buri munsi, kandi izakomeza kuriyoborana imbaraga mu bihe biri imbere. Umuremyi wacu, Umucunguzi, n'Umwami wacu ugiye kuza ni We byiringiro rukumbi by'itorero bya none, iby'ejo, n'iby'iteka ryose. Mu buntu Bwe yahagurukije iri torero ku bw'umurimo wihariye, kandi ntazigera ananirwa kurigeza ku mugambi watumye Kristo arishinga.

Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi ni itorero ry'Ubuhanuzi rifite irarika rya gihanuzi ryihutirwa. Ntabwo turi itorero rimwe mu yandi matorero gusa. Turi itorero ry'Imana ryo mu minsi ya nyuma rifite ubutumwa buheruka, n'umurimo uheruka ku isi yose. Iri torero ni iry'Imana.

Ibi ntibivuze itorero ridafite ibyo rihanganye na byo n'ingorane zikomeye. Rirabifite. Kandi ngiye kubabwira kuri zimwe muri izo ngorane zikomeye uyu munsi ntaciye ku ruhande; ariko muri izo ngorane Umwuka Wera ari gukora ibikomeye, kandi ukunesha gukomeye kw'itorero ntigushidikanywaho.

## Itorero ni Umubiri wa Kristo

Muri Matayo 16:18, Yesu yaravuze ati, "Nzubaka Itorero ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora." Iri torero ntabwo ari umuryango washinzwe n'umuntu nk'uko bamwe bashatse ko ari ko tubyizera. Dushingiye ku magambo Umukiza yivugiye, Yubatse Itorero Rye, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora.

Mu 1Abakorinto 12, itorero ni umubiri wa Kristo. Mu Befeso 5, itorero ni umugeni wa Kristo. Mu 1Petero 2, itorero ni inzu ya Kristo. Mu 1Petero 2:9, intumwa ivuga ko ubwoko bw'Imana ari "Ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera n'abantu Imana yaronse."

Intumwa y'Imana yahawe ubutumwa bwa gihanuzi ku basigaye, Ellen White, abivuga gutya: "Itorero ni igihome cy'Imana, ni umudugudu wayo w'ubuhungiro yashyize ku isi yagomye. Ubugambanyi ubwo ari bwo bwose bukorewe Itorero ni ubuhemu ku wacunguje abantu amaraso y'umwana We w'ikinege…. Yohereje abamarayika bayo kugira ngo bakorere Itorero ryayo, kandi n'urupfu

ntirwabashije gutsinda ubwoko bwayo.” Ibyakozwe n’intumwa, p.10

Kristo afashe itorero mu biganza Bye. Ni igihome Cye, umudugudu We w’ubuhungiro yashyize ku isi yagomye. Ni umucyo umurika mu mwijima, urumuri rumurika mu ijoro, n’umucyo umurika mu nzira aho agagenzi banyura berekeza imbere. Ellen White akomeza mu gitabo cy’Ibyakozwe n’intumwa n’aya magambo y’ubwishingizi: “Mu binyejana byinshi byo gutotezwa, amakimbirane n’umwijima, Imana yakomeje Itorero ryayo. Nta kintu na kimwe cyarigwiriye Imana itarariteguye; nta mbaraga n’imwe yahagurukiye kurwanya umurimo wayo Imana itarabanje kuyibona. Byose byabaye nk’uko yari yarabibonye mbere. Ntabwo yigeze itererana Itorero ryayo, ahubwo yari yaravugiye mu buhanuzi ibyari kuzabaho, kandi ibyo Mwuka wayo yahumekeye mu bahanuzi kugira ngo babivuge bitaraba, byarasohoye. Imigambi yayo yose izasohora. Amategeko yayo yomatanye n’ingoma yayo, kandi nta mbaraga y’umubisha ishobora kuyihangura. Ukuri guhumekwa ndetse kukarindwa n’Imana kandi kuzatsinda abakurwanya bose.” Ibyakozwe n’intumwa, p.10

## Icyo Dukeneye Kurusha Ibindi

Mbese Itorero ry’Abadivantiste b’Umunsi wa Karindwi rikeneye ivugurura n’ububyutse? Mbese uku kwibanda ku bubyutse n’ivugurura, byaba ari indi gahunda y’idini gusa nk’izindi zose? Intumwa y’Imana ku basigaye, Ellen White,

nta rujijo asiga mu ntekerezo zacu igihe avuga ati: "Ububyutse nyakuri bwo kubaha Imana muri twe ni ikintu gikomeye cyane kandi cyihutirwa kurusha ibindi bintu byose dukeneye. Umurimo wacu w'ibanze wagombye kuba uwo gushaka icyo. Gushaka ibingibi bikwiriye kuba umurimo wacu w'ibanze. Hagomba kuba umuhati ushimikiriwe kugira ngo haboneke umugisha w'Uwiteka, atari uko Imana idashaka kuducuncumuriraho umugisha wayo, ahubwo kubera ko tutiteguye kuwakira. Data wo mu ijuru yifuza birenze, gutanga Mwuka Muziranenge we ku bamusabye kuruta uko ababyeyi bo mu isi baha abana babo impano nziza. Ariko ni inshingano yacu gusohoza ibyangombwa, ibyo Imana yasezeranye ko izaduheraho umugisha Wayo ari byo kwatura, kwicisha bugufi, kwihana, no gusenga mu kuri. Ububyutse bugomba gutegerezwa nk'igisubizo cy'isengesho gusa." Ubutumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya Mbere, p.141 (Ingeri ya kabiri, 2016). Mbega amagambo meza! Ububyutse ntabwo bukenewe mu itorero uyu munsi gusa; ahubwo ni cyo kintu gikomeye kandi cyihutirwa dukeneye muri buri cyiciro cyose, kandi twabwiwe kubushaka mbere y'ibindi byose.

## Guhangana n'Ingorane Zikomeye

Nk'itorero, dufite bimwe mu bibazo by'ingutu n'ingorane zikomeye. Muri ibyo bibazo, harimo bine bimpangayikishije cyane, ariko ntabwo mvuga ko izo ngorane n'indwara z'iby'umwuka zifitwe na buri mwizera

wese w'itorero. Ariko izo ngorane zirakomeye cyane ku buryo ari izo kuduhangayikisha. Ndibuka amagambo y'umuburo intumwa Pawulo yabwiye abakuru b'itorero bo muri Efeso agira ati: "Nta jambo ribafitiye akamaro nikenze kubabwira." Maze yongeraho ati: "kuko ntikenze mbabwira ibyo Imana yagambiriye byose." (Ibyakozwe n'intumwa 20:20,27). Nk'umupasitoro uyobora abizera b'itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi ku isi, urukundo mfitiye itorero n'ubudahemuka ku Ijambo ry'Imana bintegeka gusangira namwe amakuru arebana na bimwe muri ibyo bibazo bimpangayikishije.

Hano hari ibibazo bine bikomereye itorero uyu munsi, dushobora no kongeraho ibindi, ariko reka dusuzume twitonze kuri ibi bine:

1. Gutakaza ibyangombwa biranga Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi (identity) kwa bamwe mu bapasitoro bacu na bamwe mu bizera b'itorero.
2. Ubwiyongere bwo kwihuza n'isi mu matorero yacu menshi.
3. Akaga ko kubura ubumwe mu itorero no gucikamo ibice.
4. Kumva twihagije mu by'umwuka no kutita ku nshingano ari byo bituma tudakora umurimo nyamukuru Imana yashinze itorero.

Ibi bibazo birampangayikishije. Reka mbigaragaze, kimwe kimwe, kandi mbabwire icyo nshaka kuvuga.

## 1.Ibyangombwa Bituranga Nk'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi (Our Identity)

Mbere ya byose, ni ingenzi kumenya ko Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi rirenze kuba idini nk'ayandi madini yose. Dushingiye mu Byahishuwe 10, iri torero ryabeshejweho n'Imana nyuma yo gucika intege kwabayeho mu mwaka w'1844, nk'uko itorero rya gikristo ryo mu isezerano rishya ryabayeho nyuma yo gucika intege Yesu amaze kubambwa mu mwaka wa 31. Muri ibyo bihe byombi, abari barakurikiye Kristo bari barasobanukiwe nabi ubuhanuzi maze bacibwa intege bikomeye n'ibyo bihe banyuzemo. Ariko muri uko gucika intege, Imana mu mbabazi Zayo yahagurukije itsinda ry'abantu bahawe inshingano yo guteza impinduka mu isi. Dushingiye mu Byahishuwe 12:17, ubwoko bw'Imana bwo mu minsi ya nyuma bugomba kuba burangwa, mbere ya byose, no kwitondera amategeko y'Imana; icya kabiri, bafite guhamya kwa Yesu, ari ko malayika avuga mu Byahishuwe 19:10 ko ari Umwuka w'Ubuhanuzi.

Dushingiye mu Byahishuwe 14:6-12, itorero ry'Imana ryo mu gihe giheruka rigomba:

a) Kwamamaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose bukubiye mu butumwa bw'abamalayika batatu no kugaruka kwa Kristo;
b) Guhamagarira "amahanga yose n'imiryango yose, n'indimi zose n'amoko yose" kuramya Umuremyi wabo

bubahiriza Isabato Ye. Nta rindi tsinda ry'iyobokamana mu isi ryujuje ibi byagombwa. Nta rindi torero cyangwa idini ryujuje ibyangombwa biri mu Byahishuwe 10, Ibyahishuwe 12, no mu Byahishuwe 14.

## Gupfobya Ijambo ry'Imana

Ubu noneho, reka mbabwire ikibazo nyirizina mfite. Benshi mu bapasitoro n'abizera bacu birengagije, cyangwa bibagiwe umuhamagaro wa gihanuzi Imana yaduhaye nk'itorero. Hari igitekerezo kiri kugenda gikura uko bwije n'uko bucyeye cyo kuvanaho ibintu bigaragaza itandukaniro hagati yacu n'andi madini. Mu matorero amwe y'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi, ubutumwa buvugirwa ku ruhimbi ntaho butandukaniye cyane n'ubwo mu matorero ya giporotesitanti y'ibyitiriro. Byinshi muri ibi bituruka ku gupfobya Bibiliya nk'Ijambo ry'Imana. Ni ingenzi cyane ko dushingira kwizera kwacu ku Ijambo ry'Imana, tugakoresha uburyo bwa Bibiliya bwo kwiga ibyanditswe bwahozeho kera, kandi tugacukumbura mu buhanuzi duhereye ku rukurikirane rw'ibyagiye bibaho mu mateka nk'uko byari byaravuzwe n'ubuhanuzi bwa Bibiliya. Ijambo ry'Imana rigomba kuba urufatiro rw'imyemerere yacu, kwizera kwacu, n'imibereho yacu. Umwuka Wera azatuyobora mu kuri kose nitwiga, tugasenga, kandi tukumva ijwi ry'Imana. Ibi bizadufasha cyane gushimangira ibyangombwa bituranga nk'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi.

Kubura ibyangombwa bituranga nk'Abadivantiste byanagejeje bamwe muri twe ku gushidikanya icyumweru cy'irema cy'iminsi irindwi isanzwe, guhakana umwuzure warimbuye isi yose mu gihe cyo kwa Nowa, no kumanura agaciro k'Isabato bakayigeza ku munsi usanzwe wo kuruhuka umunaniro (stress), aho kuba ikimenyetso cyiduhuza n'Umuremyi akaba n'Umucunguzi wacu. Hari bamwe bumva baha ubusobanuro bushya ubuhanuzi bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe kugira ngo buhuze n'igihe tugezemo. Babona ubusobanuro bwa gihanuzi bushimangirwa n'ibyabayeho mu mateka nk'ibintu bitakigezweho bishingiye ku myumvire yo mu kinyejana cya cumi n'icyenda.

## Ubutumwa Bwiza Bwose Uko Bwakabaye

Ndibuka amagambo asobanutse neza ya Ellen White agira ati: "Ubutumwa bwiza bwose uko bwakabaye bukubiye mu butumwa bwa malayika wa gatatu, kandi ukuri kugomba kugaragazwa nk'uko kuri muri Yesu mu byo dukora byose…. Mureke he kugira ikintu na kimwe gicogoza imbaraga z'ukuri kugenewe iki gihe. Ubutumwa bwa malayika wa gatatu bugomba gukora umurimo wabwo wo kuvana abantu mu matorero, kandi abo bantu bagomba kuba ubwoko bwiteguye gushikama ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka. Ubutumwa dutwaye ni ubutumwa bw'ubugingo n'urupfu, kandi tugomba kubureka bukagaragara nk'uko buri – nk'imbaraga ikomeye y'Imana. Tugomba kubutangaza mu mbaraga zabwo zose. Uwiteka azatuma

bugera ku ntego.” (Manuscript Releases, Vol. 1, p. 58). (Ibyandikishijwe intoki)

Murabona ko dufite ubutumwa bw’ubugingo n’urupfu tugomba kugeza ku isi. Abadivantiste b’Umunsi wa Karindwi bahagurukijwe nka Nowa, gutegurira isi amasaha yayo aheruka. Twahagurukijwe nka Yohana Umubatiza gutegurira isi kuza k’Umwami wacu [Yesu Kristo]. Ntitugomba na rimwe kwibagirwa abo turi bo n’impamvu turi hano. Ntitugomba, kandi ntituzigera tujya ku rwego rumwe n’andi matsinda y’iyobokamana amagana menshi adaha agaciro ibihe by’imperuka turimo kandi adafite Impamvu isobanutse yo kuba ariho. Mfite icyizere cyitajegajega ko, kubwo kuyoborwa na Yesu Kristo no kuba indahemuka ku murage wacu w’ubuhanuzi, iri tsinda ry’Abategereje rizasoza rinesheje.

Ndabararika n’umutima wanjye wose nti: mube indahemuka ku muhamagaro Imana yaduhaye nk’Abadivantiste b’Umunsi wa Karindwi. Mwakire ubu butumwa mu mwuzuro wabwo kandi, mugende mububwire isi mwuzuye Umwuka Wera.

## 2.Kwihuza n’isi

Ibi binyerekeza ku kibazo cyanjye cya kabiri giteye ubwoba: Ubwiyongere bwo kwihuza n’isi mu matorero yacu menshi buteye inkeke. Yesu yabivuze neza ubwo yasengaga agira ati, “Sinsaba ko ubakura mu isi, ahubwo ubarinde umubi” (Yohana 17:15). Intumwa Yohana

yongeyeho ati, “Ntimugakunde iby’isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby’isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we, kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry’umubiri ari n’irari ry’amaso, cyangwa kwibona ku by’ubugingo bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo bituruka mu isi. Kandi isi irashirana no kwifuza kwayo, ariko ukora ibyo Imana ishaka azahoraho iteka ryose.” (1Yohana 2:15-17). Mbega isomo ryiza.

Buri gihe itorero ryabayeho rihanganye n’akaga ko gutakaza intego yaryo no kugambanira ubudahemuka rigomba kugirira Kristo binyuze mu kwemerera isi kuyobora imitekerereze yaryo. Uko turushaho kwegereza ibihe bya nyuma, ni ko umwanzi azakuba kabiri umuhati we muri uru rwego. Mpangayishijwe na gahunda zo kwihuza n’isi ziri kugenda zinjira muri amwe mu matorero yacu. Urugero ruhanitse rwigeze kwishimirwa n’Abadivantiste b’Umunsi wa Karindwi mu mirire, mu myambarire, mu myidagaduro, no mu bijyanye no gukomeza Isabato, ruri kugenda ruhinduka ikintu cy’ahahise. Iyo abizera birimbisha nk’ab’isi, bakambara nk’ab’isi, bagakunda imyidagaduro y’ab’isi, bakumva umuziki w’isi, kandi bakaba barigaruriwe n’ibihangano bya Hollywood[2] (filime), ubukristo nyakuri buracyendera, maze umwanzi akabona inzira zimwinjiza mu mutima. Iyo ubutumwa bw’Abadivantiste bwo kwirinda no kwitungira amagara mazima bufashwe nk’ubutagize icyo bumaze,

---

[2] Hollywood: Ni uruganda rw’abanyamerika rukinirwamo rukanasohora filime.

cyangwa bugafatwa nko kwihambira ku mategeko cyangwa ubwaka, aho kubufata nk'impano y'igiciro cyinshi twahawe n'Umuremyi udukunda, haba hari ubuyobe buteye ubwoba.

## Agakiza Ku Bwo Kwizera Yesu Kristo

Reka nongereho ko mu by'ukuri tutazajyanwa mu ijuru n'ibyo turya, cyangwa uko tugaragaza ko turi abanyadini. Dufite agakiza kaboneka binyuze mu mabaraga n'amaraso ya Yesu Kristo. Ariko iyo Yesu yinjiye mu bugingo bwacu kandi akadukoreramo mu mbaraga Ze, akaduha gutsindishirizwa, iyo mbaraga ituzanira kwezwa, ari ko gutuma tugira wa mutima wari muri Kristo. Abafilipi 2:5: “Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu.” Murabona ko turi intumwa mu cyimbo cya Kristo, nk'uko mu 2Abakorinto 5:20 habivuga. Turi umucyo w'isi, turi umunyu w'isi, nk'uko Matayo 5 habitubwira. Yesu arvuga ati, “Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.”

Abantu miliyoni nyinshi ku isi barimo gushaka ikintu gitandukanye n'icyo bafite. Imbere mu mitima yabo, barambiwe uburibwe bwo guhaza ibyifuzo by'imitima yabo bakoresheje ibintu byo mu isi. Barifuza ubukristo nyakuri kandi butaryarya. Ntituzigera tubageraho dukoresheje kuvanaho urugero ngenderwaho rwacu, urugero rw'ijuru, kugira ngo tubashyikire ku rugero rwo hasi bariho.

Tugomba kuzamura urugero hejuru. Icyi si igihe cyo kwambara no kurya ibintu byahimbwe n'umwanzi, si igihe cyo kujya mu binezeza no gutwarwa n'imbaraga y'isi. Icyi ni igihe cyo kuzamura urugero rw'Imana hejuru cyane ngo isi irwitegereze. Iyo Kristo ari mu bugingo bwacu, kandi akaba atuye mu mitima yacu, ashyira itandukaniro rikomeye mu buryo tubaho.

### 3.Gukuraho Umwenda Ukingirije

Ibi binyerekeza ku kindi kibazo: Akaga ko gucikamo ibice. Muri Yohana 17, Yesu yasenze asabira itorero Rye kugira ubumwe. Imwe mu ngamba umwanzi akoresha ku isi yose ni ukurwanya ubu bumwe. Umwanzi azi neza ko mu gihe itorero ritunze ubumwe, ridashobora gusohoza uko bikwiriye umurimo Imana yarihaye. Arebesheje amaso ya gihanuzi, Ellen White yaduhaye inama idakebakeba ikurikira: "Ubumwe ni bwo mbaraga z'itorero. Ibi Satani arabizi, ni yo mpamvu akoresha imbaraga ze zose kugira ngo azane kwirema ibice. Yifuza kubona ukudahuza mu bizera bagize itorero ry'Imana. Ingingo irebana n'ubumwe yari ikwiriye kwitabwaho cyane." (Selected Messages, book 2, p.159). Iyi nama nziza twagiriwe iratugaragariza mu buryo bweruye amayeri y'umwanzi. Ivanaho umwenda ukingirije maze ikaduhishurira amayeri y'imikorere ye. Umubi akoresha imbaraga ze zose kugira ngo azane kwirema ibice no guhangana, kugira ngo abone uko acogoza umuhati w'ubwoko bw'Imana mu murimo wo gukiza imitima.

Iki ni igihe abayobozi, abapasitoro, n'abizera bagomba kugira ubumwe muri Kristo bari munsi y'ibendera ry'ukuri, kugira ngo babwirize ubutumwa bwa Yesu ku isi yose. Imana yahaye itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi gahunda ngenderwaho yahumetswe n'ijuru, hamwe n'ingingo zumvikanyweho ari zo zigize gahunda y'ubuyobozi bw'itorero; ari byo bigize umugabane w'ibidufasha kuguma twunze ubumwe nk'umuryango w'itorero ku isi yose ku bw'ubuyobozi bw'Umwuka Wera. Kuvanaho cyangwa kwirengagiza izo ngingo zumvikanyweho byangiza icyizere cyera twagiriwe kandi bikazana ukubusanya kutari ngombwa. Ndifuza ko buri wese muri twe yashyira ku ruhande ibitekerezo bye bwite ku bw'ineza y'umubiri wa Kristo, kugira ngo twese hamwe dufatanyije, tuzabashe kugenda twerekeye mu bwami bw'Imana.

## 4.Kugagara Mu By'Umwuka (Spiritual Paralysis)

Ikibazo cyanjye giheruka ni iki: Ubwiyongere bwo kutita ku nshingano n'umwuka wo kumva ko twihangije biri kugenda byiganza mu bayobozi benshi no mu mibereho y'abizera b'itorero, kandi nanjye ndimo. Birasa n'aho hari ukugagara mu by'umwuka kwiganje mu mibereho ya benshi mu bizera b'Abadivantiste. Tugomba gusuzuma imibereho yacu kugira ngo tumenye neza ko Imana iri kudukoreramo mu buryo bufite imbaraga – kandi ibyo mbabwira nanjye birandeba. Ubushakashatsi buheruka bugaragaza ko umubare munini w'abizera b'itorero

bemera amahame y'ingenzi y'Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi. Mu by'ukuri ntabwo bashidikanya ku mahame 28 y'ibyo Abadivantiste bizera, ariko bari kugenda bakuza umwuka wo kumva ko bihagije ku buryo bumva batagikeneye kuganira ibyo kwizera. Hari ukutita ku nshingano y'ivugabutumwa. Bemera ukuri, ariko ntabwo bashaka kwitangira gukora umurimo Imana yashinze itorero. Bagize umugabane wa ba ntibindeba, aho kumva ko uwo murimo ari bo ureba. Nta muriro bafite mu magufwa yabo! Hari ubwuzu bucye bwo gutangaza ukwizera bafite muri Yesu Kristo. Mu mitima yabo ntacyo bumva cyihutirwa.

## Gukura Mu By'Umwuka

Benedata namwe bashiki banjye, nihatabaho kwitanga nyakuri mu murimo wa Kristo, ntituzigera dukura mu by'Umwuka. Umuhanuzikazi w'Imana yabivuze neza agira ati, "Ubuzima nyabwo bw'itorero bushingiye ku budahemuka bwaryo mu gusohoza umurimo wa Kristo. Kwirengagiza uyu murimo ni ukwihamagarira intege nke n'urupfu mu by'umwuka. Mu gihe ntacyo dukorera abandi, urukundo rurakonja, kwizera kukagenda kuzima." Mbega amagambo akomeye yo mu gitabo cy'Uwifuzwa Ibihe Byose, p.561. Kwitangira gukora umurimo wa Kristo ni cyo gisubizo ku kibazo dufite cyo kutita ku nshingano. Nk'uko umuhanuzikazi w'Imana abivuga, "Mu gihe ntacyo dukorera abandi, urukundo rurakonja, kwizera kukagenda kuzima."

Noneho, niba ushaka kubaho mu by'umwuka, jya mu murimo w'Imana! Niba ushaka kugira imibereho isenga, jya mu murimo! Niba ushaka kwishimira Ijambo ry'Imana biruseho, jya mu murimo! Niba ushaka gukunda abandi urukundo rwimbitse, jya mu murimo! Niba ushaka kubona imitima ikirizwa Yesu, jya mu murimo! Niba ushaka kubona kugaruka kwa Yesu vuba, jya mu murimo! Fatanya n'ibihumbi by'abayobozi n'abizera b'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi ku isi yose bitangiye gusohoza inshinga Imana yahaye itorero. Imana irashaka kudukoresha mu kwamamaza ukuri Kwayo guheruka kwa gihanuzi mu mfuruka zose z'isi, by'umwihariko mu midugudu minini yo mu isi, binyuze mu ivugabutumwa ryo mu mijyi, dukoresheje uburyo bwose bwiza bugenewe ivugabutumwa ryo mu mijyi, harimo umurimo w'ubutumwa bwo kwitungira amagara mazima n'ubundi buryo bwinshi.

## Igihamya cy'Umwuka Wera

Dufite inshingano ikomeye cyane, ariko Imana ni Yo iri kugenzura ibintu kandi iyoboye ubwoko Bwayo. Mbese itorero rifite ibibazo? Nta gushidikanya rirabifite; ariko ndabona igihamya cy'Umwuka Wera akorera mu bwoko bw'Imana mu mbaraga. Ndabona igihamya cy'Umwuka Wera akorera ibintu bidasanzwe mu itorero ry'Imana. Ndabona igihamya cy'umurimo w'Umwuka Wera wo gutegurira ubwoko bw'Imana kugaruka kwa Yesu kwegereje.

Benedata na bashiki banjye, ndabararika, nk'uko ndarika umutima wanjye, kugira ngo twiyegurire Kristo by'ukuri twitanze rwose. Ndabararikira kwakira irarika rya gihanuzi Yesu yahaye iri torero, itorero Rye ryasigaye, Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi, itorero riri mu rugendo rwo gusanganira Kristo ugiye kugaruka. Ndabararikira kwerereza urugero rw'ubutungane mu mibereho yanyu. Ndabararikira kwitangira umurimo wo guhamya Umwami wanyu, mu gihe dutegereje kuza kwa kabiri kwa Kristo. Mbese mwemeye gufata iki cyemezo nonaha, ubwo tugiye gusengera hamwe?

Data wa twese uri mu ijuru, tuje imbere Yawe muri uyu mwanya, tuzirikana ko amateka arimo kwisubiramo muri ibi bihe mu buryo bukomeye, kugira ngo bitwereke ko ibyavuzwe mu gitabo cya Daniyeli n'Ibyahishuwe no mu gitabo cya Matayo n'ahandi muri Bibiliya birimo kutwerekeza mu gihe cyo gufata icyemezo cyitajenejetse mbere y'uko Yesu agaruka. None, Mwami, dufashe kugira ngo tubashe komatana nawe mu buryo bwuzuye. Dushoboze kukwishingikirizaho buri munsi. Dufashe mu gihe twiga Ijambo ryawe, dufashe mu gihe twiga Umwuka w'Ubuhanuzi, dufashe mu mibereho yacu yo gusenga. Kandi Mwami, koresha iyo sano nzima dufitanye nawe mu kudufasha kwamamaza uku kwizera, no kugira uruhare mu mirimo y'amatorero tubarizwamo no mu itorero ku isi yose, kugira ngo dutangaze ubutumwa bw'Abamalayika batatu n'ubwa Malayika wa Kane bwo mu Byahishuwe 18, kugira ngo bugere mu bwenge no mu mitima y'abantu ku

isi yose. Uwiteka, nsabiye umugisha wawe buri mwizera wese, abato n'abakuze, bo mu itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi. Ubane n'abashyitsi bataraba Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi baza mu materaniro yacu. Ubane n'abantu bose bashishikariye ukuri kwa Bibiliya. Dufashe Mwami Uwiteka, kugera kuri buri muntu wese binyuze mu ivugabutumwa ryo mu mijyi n'iryo mu bice by'icyaro, dukoresheje uburyo bwose bushoboka. Uwiteka, twoherereze Umwuka Wera. Duhe imvura y'itumba, kugira ngo dushobore kugira uruhare nyarwo mu itsinda ry'Abategereje kugaruka kwa Yesu bamamaza ubu butumwa bwo guhesha Imana icyibahiro mu isi yose. Urakoze kuko utwumvise, no ku bw'isezerano ryawe ry'uko ugiye kuza vuba, ni mu izina rya Yesu tubisabye. Amen.

"Icyaha cyabaye gikwira kandi kikaba kiganje muri iki gihe gishobora kubarwa ku rwego rukomeye ku kuba abantu batiga kandi ngo bumvire Ibyanditswe Byera, kuko igihe ijambo ry'Imana ryirengijwe, imbaraga zaryo zo gukumira ibyifuzo bibi by'umutima wa kamere zirirengagizwa. Abantu babiba iby'umubiri kandi bakabibibira mu mubiri bityo bagasarura kubora." Abahanuzi n'Abami, p.400,401 (Ingeri ya 2016)

"Ntabwo hagomba kubaho kumvikana n'abahindura ubusa amategeko y'Imana. Si byiza kubishingikirizaho ngo batubere abajyanama. Ntabwo ubuhamya bwacu bugomba kuba bufite imbaraga nke ugereranyije n'uko

bwari bumeze mbere; ntabwo uruhande nyarwo duhagazemo rugomba guhishwa kugira ngo tunezeze abakomeye bo mu isi. Bashobora kwifuza ko twifatanya nabo kandi ko twemera imigambi yabo, ndetse bashobora gutanga ibyifuzo ku byerekeye imikorere yacu ibyo bikaba byaha umwanzi amahirwe yo kudutsinda. "Ntimuvuge ngo 'Baratugambaniye', nk'uko ubu bwoko buzavuga kuri ibyo byose buti, 'Baratugambaniye'" (Yesaya 8:12). Nubwo tudakwiriye gushoza urugamba kandi ntitugire uwo tubangamira tubigambiriye, tugomba kuvuga ukuri mu buryo bwumvikana kandi tumaramaje, kandi tugashikama ku byo Imana yatwigishije mu Ijambo ryayo. Ntabwo mugomba kurebera ku b'isi kugira ngo mumenye ibyo mukwiye kwandika no gucapa cyangwa ibyo muzavuga. Nimureke amagambo yanyu n'ibikorwa byanyu byose bihamye bigira biti, "Burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge" (2Petero 1:16). "Nyamara rero dufite ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima" (2Petero 1:19)." Ubutumwa bwatoranyijwe, Vol.2, p.420 (Ingeri ya 2016)

"Imana yemeye ko muri iki gihe cyacu, mu kwerereza ikinyoma kikarutishwa ukuri, ingingo zimwe zigera aho bikomeye kugira ngo Yo Mana ya Isiraheli ibashe gukora mu buryo bukomeye ngo yerereze cyane ukuri kwayo kurusha uko ikinyoma cyererezwa." Ubutumwa bwatoranyijwe, Vol.2, p.421 (Ingeri ya 2016)

## Isengesho rya Ezira

## Ezira asenga yātura ibyaha by'abantu b'Imana

"Ituro rya nimugoroba rituwe mpaguruka aho nari ndi nibabaje, umwambaro wanjye n'umwitero wanjye byari bishishimutse, mperako nkubita amavi hasi ntegera Uwiteka Imana yanjye ibiganza ndavuga nti "Ayii! Mana yanjye, nkozwe n'isoni, mu maso hanjye haratugengeza bimbuza kukuburiraho amaso. Mana yanjye, kuko ibicumuro byacu bigwiriye bikaturengerana, dutsinzwe n'imanza nyinshi zarundanijwe zikagera mu ijuru. Uhereye mu bihe bya ba sogokuruza twagibwagaho n'urubanza rukomeye cyane na bugingo b'ubu, kandi ibicumuro byacu ni byo byatumye dutanganwa n'abami bacu n'abatambyi bacu tugahabwa abami bo mu bindi bihugu, tukicwa n'inkota, tukajyanwa turi imbohe, tukanyagwa, tugakorwa n'isoni nk'uko bimeze ubu. Ariko noneho muri uyu mwanya muto, Uwiteka Imana yacu yerekanye imbabazi zayo idusigariza igice cy'abantu kirokotse, idushyiriye ingango Ahera hayo kugira ngo ihwejeshe amaso yacu, iduhumurize buhoro mu buretwa bwacu. Erega turi abaretwa ko! Ariko Imana yacu ntiduhānye mu buretwa bwacu, ahubwo idusaguriyeho imbabazi zayo imbere y'abami b'u Buperesi, iraduhumuriza kugira ngo twubake inzu y'Imana yacu kandi ngo dusane ahasenyutse hayo, ngo iduhe n'inkike idukikije i Buyuda n'i Yerusalemu. "Noneho Mana yacu, ibyo ko byarangiye turavuga iki kandi? Ko twaretse

amategeko yawe wategekeye mu bagaragu bawe b'abahanuzi, ukavuga uti 'Igihugu mujyamo ngo mugihīndure, ni igihugu cyandujwe no gukiranirwa n'ibizira bikorwa n'abanyamahanga bo mu bihugu, bacyujuje n'imyanda yabo hose irasāngana, kandi ngo nuko rero ntimuzashyingirane na bo, kandi ntimuzabashakire amahoro cyangwa kugubwa neza iminsi yose kugira ngo mube abantu bakomeye, murye ibyiza byo mu gihugu, muzakirage abana banyu kibe gakondo yabo iteka ryose.' None rero ubwo ibyo byose bitugezeho, tukagibwaho n'urubanza rukomeye tuzira ingeso zacu mbi. Kandi none Mana yacu, ukaba uduhannye igihano kidahwanye n'ibicumuro byacu ukadusigariza igice kingana gityo, mbese twakongera guca mu mategeko yawe, tugashyingirana n'abanyamahanga bakora ibyo bizira? Ntiwaturakarira ukageza aho wazaturimburira, ntihagire igice kirokoka cyangwa ucika ku icumu? Uwiteka Mana ya Isirayeli, ni wowe ukiranuka kuko twebwe dusigaye turi igice kirokotse nk'uko bimeze ubu. Dore turi imbere yawe turiho urubanza, ibyo ni byo bituma tutabasha guhagarara imbere yawe."

*Ezira 9:5-15*

Byashyizwe mu kinyarwanda na
NIYONZIMA Paulin
E-mail: paulinniyonzima@gmail.com
Tel: (+250)788798826